LIVRE DU MAITRE « CODE DE LA ROUTE »

| Igazeti ya Leta ya Repuburika y' u Rwanda | Official the Gazette of the Republic of Rwanda | Journal officiel de la Republique du Rwanda |
| --- | --- | --- |

# RESUME DU JOURNAL OFICIEL
# ELABORE PAR : J . B. M

**Mata 2008**

# ISHAKIRO ( Table de matière )

## ANNEXE I


| | | |
|---|---|---|
| **0** | **UMUGEREKA WA 1 - 6: IBYAPA N' IBIMENYETSO ( 3 -19 ) …………………………..** | **3** |
| 0.1 | Ibimenyetso bigenga uburyo bwo kugenda mu mihanda……………………………………... | **3** |
| 0.2 | Amashusho y'ibyapa biburira n'ibyo gutambuka mbere………………………………………... | **3 - 6** |
| 0.3. | Amashusho y'ibyapa bibuza……………………………………………………………………... | **7 - 10** |
| 0.4 | Amashusho y'ibyapa bitegeka…………………………………………………………………… | **10 -12** |
| 0.5 | Amashusho y'ibyapa bimenyesha gutambuka mbere…………………………………………… | **12** |
| 0.6 | Amashusho y'ibyapa ndangacyerekezo…………………………………………………………….. | **12-13** |
| 0.7 | Amashusho y'ibyapa bimenyesha ahantu…………………………………………………………... | **13** |
| 0.8 | Ibindi byapa……………………………………………………………………………………… | **13-14** |
| 0.9 | Ibyapa nyongera n'ibimenyetso byerekana ibigoboka abagenzi………………………………… | **15** |
| 0.10 | Utwapa nyongera………………………………………………………………………………… | **15** |
| 0.11 | Ibintu ngoboka………………………………………………………………………………… | **15-16** |
| 0.12 | Ibimenyetso byo mu muhanda…………………………………………………………………… | **17 - 19** |
| **1** | **IGICE CYA I : AMATEGEKO ABANZA…………………………………………………...** | **20** |
| **1.1** | **Umutwe wa I : Ibirebwa n'iriteka………………………………………………………………** | **20** |
| **1.2** | **Umutwe wa II : Abisobanuro** ( amagambo 43)…………………………………………… | **20-23** |
| **1.3** | **Umutwe wa III : Abakozi babifitiye ububasha…………………………………………………..** | **23** |
| **1.4** | **Umutwe wa IV : Impanuka……………………………………………………………………..** | **24** |
| **1.5** | **Umutwe wa V : Ibitegekwa – ibyakwa – Ibimenyetso……………………………………..** | **24** |
| **1.6** | **Umutwe wa VI : Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga……………………………………....** | **25** |
| 1.6.1 | Icyiciro cya I : Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rutangiwe mu Rwanda….. | **25** |
| 1.6.2 | Icyiciro cya II: Uruhushya mpuzamahanga rwo gutwara ikinyabiziga…………. | **27** |
| **2** | **IGICE CYA II : UBURYO BWO KUGENDA MU MUHANDA……………………………** | **28** |
| **2.1** | **Umutwe wa I: Amategeko rusange………………………………………………………………..** | **28** |
| 2.1.1 | Icyiciro I: Kurinda inzira nyabagendwa n'abayigendamo………………………………… | **28** |
| 2.1.2 | Icyiciro cya II : Ibyerekeye abayobozi………………………………………………………… | **28** |
| 2.13 | Icyiciro cya III: Uruhande rugenderwaho mu muhanda……………………………………. | **29** |
| 2.1.4 | Icyiciro cya IV: Inkomane gutambuka mbere………………………………………………. | **30** |
| 2.1.5 | Icyiciro cya V : Imiyoborere…………………………………………………………………… | **31** |
| 2.1.6 | Icyiciro cya VI : Kubisikana no kunyuranaho………………………………………………… | **31** |
| 2.1.7 | Icyiciro cya VII : Icyerekezo Kimwe……………………………………………………………… | **33** |
| 2.1.8 | Icyiciro cya VIII: Guhindura icyerekezo………………………………………………………… | **33** |
| 2.1.9 | Icyiciro cya IX : Umuvuduko n' umwanya hagati y' ibinyabiziga………………………… | **34** |
| 2.1.1.0 | Icyiciro cya X : Guhagarara umwanya muto no guhagarara umwanya munini……….. | **35** |
| 2.1.1.1 | Icyiciro cya XI : Ibinyabiziga ndakumirwa……………………………………………………. | **38** |
| 2.1.1.2 | Icyiciro cya XII : Imirongo y' abasirikari, udutsiko tw' abanyeshuri, impererekane……. | **38** |
| 2.1.1.3 | Icyiciro cya XIII: Amasiganwa n' andi marushanwa mu mikino………………………… | **38** |
| 2.1.1.4 | Icyiciro cya XIV: Kwambuka amateme n'ibyome………………………………………… | **39** |
| 2.1.1.5 | Icyiciro cya XV : Uko amatara akoreshwa ……………………………………………… | **39** |
| 2.1.1.6 | Icyiciro cya XVI: Gukoresha imburira n' imikandara yo kwirinda ibyago………………… | **42** |
| **2.2** | **Umutwe wa kabiri : Amategeko y' umwihariko areba bamwe mubagenzi ………………...** | **43** |
| 2.2.1 | Icyiciro cya I : Abanyamaguru…………………………………………………………………… | **43** |
| 2.2.2 | Icyiciro cya II : Ibinyabiziga biherekeranije mubutumwa………………………………… | **43** |
| 2.2.3 | Icyiciro cya III: Ibinyabiziga bikururwa n' inyamaswa……………………………………… | **44** |
| 2.2.4 | Icyiciro cya IV: Utunyamizigo dusunikwa - ingorofani………………………………………… | **44** |
| 2.2.5 | Icyiciro cya V: Amagare Velomoteri n' amapikipiki ……………………………………… | **44** |
| 2.2.6 | Icyiciro cya VI: Inyamaswa………………………………………………………………………… | **45** |
| 2.2.7 | Icyiciro cya VII: Uburyo bwo kugenda mu byambu no kubibuga by' indege …………… | **45** |
| **3** | **IGICE CYAIII: IBINYABIZIGA……………………………………………………………..** | **46** |
| **3.1** | **Umutwe waI : Uburumbarare……………………………………………………………………** | **46** |
| **3.2** | **Umutwe waII : Imizigo……………………………………………………………………...** | **47** |
| **3.3** | **Umutwe waIII: Uburemere ntarengwa bwemewe……………………………………………** | **49** |
| **3.4** | **Umutwe wa IV: Ibinyabiziga bikururana…………………………………………………………..** | **51** |
| **3.5** | **Umutwe wa V : Uburyo budasanzwe bwo gutwara ibintu…………………………………** | **52** |
| **3.6** | **Umutwe waVI: Ibyerekeye Feri……………………………………………………........** | **53** |
| **3.7** | **Umutwe wa VII: Amatara y' ikinyabiziga n' ibimenyetso biranga ibinyabiziga n' inyamaswa……..** | **55** |

| | | |
|---|---|---|
| 3.7.1 | Icyiciro cya I: Amategeko rusange……………………………………………………… | 55 |
| 3.7.2 | Icyiciro cya II: Amategeko yihariye…………………………………………………… | 58 |
| 3.7.3 | Icyiciro cya II: Inyamaswa n' ibinyabiziga bikurwa n' inyamaswa……………… | 60 |
| 3.8 | **Umutwe wa VIII: Andi mategeko…………………………………………………………** | 60 |
| 3.8.1 | Icyiciro cya I : Amahoni…………………………………………………………………… | 60 |
| 3.8.2 | Icyiciro cya II : Uturebanyuma……………………………………………………… | 60 |
| 3.8.3 | Icyiciro cya III : Ikirahuri gihagarika umuyaga; ibirahuri; agahanagura- kirahuri……. | 61 |
| 3.8.4 | Icyiciro cya IV: Umwotsi, Imyuka; Insaku………………………………………… | 61 |
| 3.8.5 | Icyiciro cya V : Inziga………………………………………………………………… | 61 |
| 3.8.6 | Icyiciro cya VI: Amategeko anyuranye……………………………………………. | 62 |
| **4** | **IGICE CYA 4 : IBIMENYETSO :…………………………………………………………..** | **63** |
| **4.1** | **Umutwe wa I : Amategeko rusange …………………………………………………...** | **63** |
| **4.2** | **Umutwe wa II : Ibyapa byo ku mihanda………………………………………………** | **63** |
| 4.2.1 | Icyiciro cya I : Ibyapa biburira n'ibyo gutambuka mbere…………………………… | 64 |
| 4.2.2 | Icyiciro cya II : Ibyapa bibuza cyangwa bitegeka………………………………………. | 65 |
| 4.2.3 | Icyiciro cya III: Ibyapa biyobora…………………………………………………… | 66 |
| **4.3** | **Umutwe wa III : Ibimenyetso bimurika……………………………………………………** | **66** |
| 4.3.1 | Icyiciro cya I : Ibimenyetso bimurika byerekana uko bagenda mu muhanda…………………. | **66** |
| 4.3.2 | Icyiciro cya II : Ibimenyetso by' amatara amyatsa ……………………………………. | **67** |
| 4.3.3 | Icyiciro cya III: Ibikoresho ngarura rumuri…………………………………………… | **68** |
| **4.4** | **Umutwe wa IV : Ibimenyetso biri mu muhanda………………………………………......** | **68** |
| 4.4.1 | Icyiciro cya I : Ibimenyetso birombereje………………………………………………… | **68** |
| 4.4.2 | Icyiciro cya II : Ibimenyetso byambukiranya…………………………………………… | **69** |
| 4.4.3 | Icyiciro cya III: Ibindi bimenyetso………………………………………………………. | **70** |
| **4.5** | **Umutwe wa V : Ibimenyetso byerekana imirimo n' inkomyi……………………………..** | **70** |
| | **Umutwe wa VI : Amategeko anyuranye…………………………………………………..** | **72** |
| **5** | **IGICE CYA 5 : IBIRANGA IBINYABIZIGA…………………………………………..** | **73** |
| **5.1** | **Umutwe wa I : Iyandikwa ry' ibinyabiziga…………………………………………...** | **73** |
| **5.2** | **Umutwe wa II : Ikarita iranga ikinyabiziga……………………………………………..** | **75** |
| **5.3** | **Umutwe wa III : Inumero Uranga ikibitandukanya, ibimenyetso ndanga………………..** | **75** |
| **5.4** | **Umutwe wa IV : Kuvugurura ibyapa n'amakarita aranga ibinyabiziga……………………** | **75** |
| **5.5** | **Umutwe wa V : Ishyirwaho n' isomeka ry' ibyapa ndanga n' ikimenyetso gitandukanya..** | **80** |
| **5.6** | **Umutwe wa VI : Iyerekana kubinyabiziga bimwe na bimwe ry' Amazina , Icumbi na Numeroy o mugitabo cy' ubucuruzi bya ba nyirabyo n' iyerekana ry'umubare ntarengwa wemewe w' abagenzi…………………………………………………………………...** | **80** |
| **5.7** | **Umutwe wa VII : Ukugendera mu muhanda kw'ibinyabiziga byaherewe numero ibiranga Ahatari mu Rwanda………………………………………………………….** | **81** |
| **5.8** | **Umutwe wa VIII: Ibinyabiziga bigeragezwa………………………………………………** | **82** |
| **5.9** | **Umutwe wa IX : Ibinyamitende, Velomoteri n' ibinyabiziga bisunikwa n' abantu…………** | **82** |
| **5.1.0** | **Umutwe wa X : Imisoro………………………………………………………………...** | **82** |
| **6** | **IGICE CYA 6 : IMIGENZURIRE N' IMITERERE Y'IBINYABIZIGA** | **83** |
| **6.1** | **Umutwe wa I : Ikigo gishinzwe igenzura y' imiterere y' ibinyabiziga……………………..** | **83** |
| **6.1.1** | Icyiciro cya I : Ibisobanuro……………………………………………………… | **83** |
| **6.1.2** | Icyiciro cya II : Ibisabwa mu kwemererwa……………………………………… | **83** |
| **6.2** | **Umutwe wa II : Inzego z' ibinyabiziga zigomba isuzumwa – miterere……………………….** | **85** |
| **6.3** | **Umutwe wa III : Imitunganyirize y' igenzura…………………………………………......** | **85** |
| **7** | **IGICE CYA 7 : KOMITE Y' IGIHUGU ISHINZWE UMUTEKANO MU MUHANDA** | **86** |
| **7.1** | **Umutwe wa I : Abayigize…………………………………………………………………** | **86** |
| **7. 2** | **Umutwe wa II : Imikorere……………………………………………………………..** | **86** |
| **8** | **IGICE CYA 8 : GUFUNGA IBINYABIZIGA (Mise en fourrière)** | **87** |
| **9** | **IGICE CYA 9 : AMATEGEKO Y' INZIBACYUHO AVANWAHO N' ATANGIRA GUKURIKIZWA** | **88** |
| **10** | **EVALUATION………………………………………………………………………………** | **89-107** |

# A. UBURYO BWO KWIGA AMATEGEKO Y' UMUHANDA

### 0.1. IBIMENYETSO BIGENGA UBURYO BWO KUGENDA MU MUHANDA BIRIMO IBYICIRO BITATU (3):

**1. Ibyapa ;**
**2. Ibimenyetso byo mu muhanda ;**
**3. Ibimenyetso bimurika.**

**ICYICIRO CYA 1 Ibyapa byo kumuhanda bigizwe:**

a) $_1$ Ibyapa biburira no $_2$ Gutambuka mbere;
b) $_3$ Ibyapa bitegeka ni $_4$bibuza;
c) $_{5.}$ Ibyapa ndanga ( ibyapa biyobora ).

## Umugereka wa 1.A IBYAPA BIBURIRA NO GUTAMBUKA MBERE
**(Signaux de danger et de priorité)(A.1a kugeza kuri B.7 b)**

✓ Ikirango rusange **:** *Ibyapa biburira no gutambuka mbere* bigizwe ***n' ishusho ya mpandeshatu*** Ifite **umuzenguruko w' Umutuku ubuso bw' umweru, ikirango cy' umukara**




**A.1a: Ikoni ibumoso** : Ahegereye ikoni ryateza ibyago ibumoso
( Virage à gauche : approche d' un virage dangereux à gauche)




**A.1b: Ikoni iburyo** : Ahegereye ikoni ryateza ibyago iburyo
Virage à droite approche d'un village dangereux à droite




**A, 1c : Amakoni abiri cyangwa uruhererekane rw' amakoni arenga abiri irya mbere riri ibumoso** (Double virage ou succession de plus de deux virages, le premier à gauche.)




**A, 1d:** Amakoni abiri cyangwa uruhererekane rw' amakoni arenga abiri irya mbere riri iburyo
. (Double virage ou succession de plus de deux virages, le premier à droite.)




**A, 2: Akamanuko gashobora gutera ibyago**: Icyigereranyo gishobora kuzuzwa n' iyerekana ry' ingano ry' agacuri ku ijana. (Descente dangereuse)




**A, 3: Akamanuko gashinze cyane**: Icyigereranyo gishobora kuzuzwa n' iyerekana ry' agacuri ku ijana. (Montée à forte inclination)



**A, 4 a: Ifungana ry' umuhanda** (Retrécissement de la chaussée)



**A, 4b: Ifungana ry' umuhanda n'akayira gasatira umuhanda ibumoso**
. Retrécissement de la chaussée ( par emprietement de l' empietement de de l' accotement
. Situé à gauche de la chaussée)



**A,4c: Ifungana ry' umuhanda** (bitewe n'akayira gasatira umuhanda iburyo)


A,5

**A,5 : Uguhinguka kumwaro** cyangwa ku nkombe cyangwa ahegereye icyome .


A,6

**A, 6 : Umuhanda utaringaniye** (ahegereye ibinogo, utununga cyangwa ahantu hameze nabi) (Profil Irregulière)


A,7

**A, 7: Umuhanda unyerera** ( ahegereye igice cy' umuhanda ushobora kuba unyerera). Chaussée glissante aproche d' une section de route où la chausée risque d'être glissante)


A,8

**A8 : Utubuye dutaruka mu muhanda** ( ahegereye igice cy' umuhanda aho utubuye dushobora gutaruka (Projection de gravillons)


A,9

**A, 9: Amabuye ahanuka (** ***ahegereye igice cy' umuhanda ahari ibyago byaterwa n' amabuye Ahanuka*** cyangwa amabuye ari mu muhanda) ikigereranyo gishobora gucurikwa Hakurikijwe uruhande ibyago byaturukamo. (Chutes de pierres)


A.10

**A10: Abanyamaguru** *( iyerekana ry' akayira k'abanyamaguru)*


A.11

**A11: Abana** ( iyerekana ry' akayira k' abana, nk' igihe bavuye ku ishuri cyangwa Ku kibuga cy' imikino) .


A.12

**A12: Aho abanyamagere bahingukira** *( iyerekana ry' aho abanyamagare binjirira mu Muhanda cyangwa bawambukiranya)* .


A.13

**A13: Akayira k' amatungo (** *iyerekana ry' igice cy' umuhanda gishobora kwambukiranywa Kuburyo budasanzwe n' amatungo).*


A.14

**A14:** ***Akayira k'inyamaswa*** ( iyerekana ry' igice cy' umuhanda gishobora kwambukiranywa Ku buryo budasanzwe n' amatungo)


A.15

**A15: Imirimo (**Ahegereye igice cy' umuhanda gikorerwamo imirimo)


A.16

**A16: Ibimenyetso bimurika ahegereye akayira** (uburyo bwo kugendera mu muhanda Bugengwamo n' ikimenyetso cy'amatara y'amabara atatu)


A.17

**A17: Ikibuga cy' indenge** ( ahereye aho umuhanda ucibwa hejuru n' indege zarara igihe ziguruka cyangwa zigwa ku kibuga).


A.18

**A18**: **Umuyaga w' intambike** (ahegereye igice cy'umuhanda gihuhwamo kenshi n' inkubi y' Umuyaga w'intambike)


A.19

**A19:Ukugendera mu muhanda ubisikanirwamo** ( ahegereye igice cy' umuhanda Kibisikanirwamo by'agateganyo cyangwa buri gihe, kandi ubundi mugice kibanza Hagendwaga mucyerekezo kimwe).



**A. 20 : Inkomane,** *gutambuka mbere hakurikijwe amategeko rusange yo gutambuka mbere .*



**A.21ª : Inkomane aho umuhanda urasukira ibumoso** mu mfuruka yenda kuba igororotse (Gutambuka mbere hakurikijwe amategeko rusange yo gutambuka mbere.)



**A.21b : Inkomane aho umuhanda umwe urasukira iburyo**, mu mfuruka yenda kuba igororotse (gutambuka mbere hakurikijwe amategeko rusange yo gutambuka mbere.)



**A.21c : Inkomane aho umuhanda umwe urasukira ibumoso mu mfuruka ifunganye Mucyerekezo kerekanwa n' ikimenyetso** ( gutambuka mbere hakurikijwe amategeko rusange yo gutambuka mbere) .



**A.21d: Inkomane aho umuhanda umwe urasukira iburyo mu mfuruka ifunganye mu Cyerekezo cyerekanwa n'ikimenyetso** (gutambuka mbere hakurikijwe amategeko rusange yo gutambuka mbere.)



**A21 e : Amasangano ameze nka T** (Inkomane aho umuhanda umwe ugana ibumoso n'iburyo, ariko umuhanda urimo utarenga iyo nkomane )



**A21f :** Amasangano ameze nka Y ( Inkomane igizwe n' umuhanda usatuyemo imihanda ibiri itandukanye( gutambuka mbere hakurikijwe amategeko rusange yo gutambuka mbere ) .



**A21g na A21 h: Uruhererekane rw' ikomane** ( ikigereranyo cy' inkomane) gutambuka mbere hakurikijwe amtegeko rusange yo gutambuka mbere)







**Ibyapa A 22 a** kugeza **A.22e**: Bizasimburwa n' ibyapa B3




**A.23:** Kizasimburwa n'icyapa B.1.




**A.24: Ahegereye inkomane aho guhagarara akanya gato ari itegeko** (akanya nyongera kari munsi y'ikimenyetso B.1 kerekana intera irimo icyapa cyo guhagarara akanya gato).



**A.25 :Aho banyura bazengurutse** (ahegereye inkomane banyuramo bategetswe kuzenguruka ).



**A. 26 : Ahegereye amasangano y'inzira nyabagendwa n'inzira ya gari yamoshi ibambiye** (kerekana inkomane n'umuhanda wa gariyamoshi ,iyo nkomane ibambiye hose Cyangwa mu cya kabiri cyayo ).




**A.27: Ahegereye amasangano y'inzira nyabagendwa n'inzira ya gariyamoshi hatabambiye** (kerekana inkomane n'umuhanda wa gariyamoshi, iyo nkomane itabambiye hose cyangwa mu cya kabiri cyayo)










**A.28a Kugeza kuri A.28c: Ahegereye amasangano y'inzira nyabagendwa n'inzira ya gariya moshi** (Utwapa nkiramende dushushanyijeho ku buryo bukurikiranye n'umurongo umwe,ibiri n'itatu iberamye itukura ku buso bwera kandi ari munsi y'ikimenyetso A.26. cyangwa A.27.




**A.29:** *Ibyago* (***ahegereye icyago kidasobanuye ukundi)***.







**A.30&A.31:** Icyago (**Imitemeri n'ibitembo bifite amabara atukura n'ayera asimburana** ) byerekana **icyago kidahoraho** kandi bigenewe kwerekana aho bagana cyangwa aho bayobereza umuhanda nk'igihe cy'impanuka cg harimo imirimo ikorwa mu muhanda.




**B 1**. **Iki cyapa kigusaba gutanga inzira**, gitegeka umuyobozi wese ugeze ku inkomane, ikimenyetso cyo guha inzira ibinyabiziga mu muhanda yegera (**Tanga inzira iburyo n'ibumoso**)




**B 2 A Hagarara akanya gato** (Gitegeka umuyobozi wese ugeze ku nkomane ahari ikimenyetso cyo guhagarara akanya gato mbere yo kwinjira mu nkomane no guha inzira ibindi binyabiziga bigenda mu muhanda yegera )




**B, 2 b : Hagarara akanya gato** (gisobanura kimwe n'icyapa .B2a nyamara ibyapa B2b bizasimburwa buhoro buhoro n'ibyapa B2a




**B,3: N'umuhanda batambukamo mbere** (ikimenyetso cyashizweho abagenda mu muhanda. kibabwirako mu nkomane z'uwo muhanda n'iyindi abagenzi bagendamo ,cg baturuka muri iyo mihanda yindi bagomba guha inzira abagenz i bagendera mu muhanda uriho icyo cyapa




**B,4 Iherezo ryo gutambuka mbere** ( ***aho birangirira*** ) ( ikimenyetso cyashyiriweho abagenda mu muhanda aho uwo muhanda ureka gutambukirwamo mbere y'iyindi .






**B,5 Gutambuka mbere *kw'ibinyabiziga* biturutse aho ujya** .(birabujijwe ku muyobozi wese wegera umuhanda ufunganye aho kubisikana biruhije cg bidashoboka kwinjira muri iyo mfunganwa. Igihe cyose bidashobora kuyirenga bidatumye ikinyabiziga kimwe cyangwa byinshi biturutse aho agana bihagarara .




**B6 Gutambuka mbere *y'ibinyabiziga* biturutse imbere**.( ikimenyetso cyashiriweho umuyobozi agiye kwinjira mu mfunganwa kimwereka ko afite uburenganzira bwo gutambuka mbere y'ibinyabiziga biturutse aho ujya .

**N. B** : Ikinyabiziga kizamuka n'ikimanuka ikimanuka nicyo gitanga inzira.




**B7A&B7B: Inkomane y'inzira nyabagendwa n'inzira ya gariyamoshi** (byerekana inkomane y' Umuhanda n'inzira ya gariyamoshi , ikimenyetso B7B Cyerekana ko inzira ya gariyamoshi ifite nibura amashami abiri .

## UMUGEREKA WA 2: IBYAPA BIBUZA -SIGNAUX D'INTERDICTION ( C.1 Kugeza kuri C.20b)


✓ Ikirango rusange **:** *Ibyapa bibuza bigizwe* ***n'ishusho y' uruziga*** ifite **umuzenguruko w' Umutuku ubuso bw' umweru, ikirango cy' umukara**




**C.1: Ntihanyurwa** (nta kinyabiziga kihanyura)




**C.2a: Ntihanyurwa mu byerekezo byombi** (habujijwe kunyurwa n'ikinyabiziga icyo ari cyo cyose)




**C.2b: Ntihanyurwa n'abandi uretse abahaturiye n'abahagenda** (nta kinyabiziga kihanyura uretse ibinyabiziga by'abahatuye n'ibindi binyabiziga bigomba guhagarara mu gice cy'inzira nyabagendwa giherwa n'ikimenyetso C.2b).




**C .3ª kugeza kuri C.3j:** Ntihanyurwa n'ibinyabiziga bimwe na bimwe cyangwa abagenzi bamwe na bamwe (ibinyabiziga cyangwa abagenzi bishushanyije kuri ibi byapa bibujijwe kuhanyura) mu buryo bukurikiranye gutya :

**C.3a:** Ntihanyurwa n'ikinyabiziga icyo ari cyo cyose gifite moteri uretse amapikipiki adafite Akanyamitende ko ku ruhande kimwe na za velomoteri.




**C.3b:** Ntihanyurwa n'amapikipiki




**C.3c:** Ntihanyurwa n'ibinyamitende



**C.3d:** Ntihanyurwa na za velomoteri




**C3e: Ntihanyurwa n'ibinyabiziga bigenewe gutwara ibicuruzwa** (akapa nyongera gashyizwe munsi y'icyapa C.3e gashobora kwerekana uburemere baheraho babuza ibinyabiziga bifite ubwikorezi ntarengwa bwemewe burenze uburemere bwerekanwe).



**C.3f : Ntihanyurwa n'ikinyabiziga icyo ari cyo cyose gikurura romoruki *itari Makuzungu cyangwa romoruki ifite umutambiko umwe;***



**C.3h :** Ntihanyurwa n'ibinyabiziga bikururwa n'inyamaswa;



**C.3g :** Ntihanyurwa n'abanyamaguru;



**C.3 i:** Ntihanyurwa n'utunyamitwaro dusunikwa;



**C3 J:** Ntihanyurwa n'ibinyabiziga bihinga bifite moteri;




**C.4a na C.4b: Ntihanyurwa n'amoko menshi y'ibinyabiziga** cyangwa **y'abagenzi bashushanyijwe mu kimenyetso kimwe** (ibimenyetso C.4a na C.4b ),bikaba ari ingero z'icyo kimenyetso.





**C.5: Ntihanyurwa n'ibinyabiziga bifite ubugari burenze urugero bwerekanwe n'ikimenyetso** (muri metero);




**C. 6: Ntihanyurwa** n'ibinyabiziga bifite uburebure habariwemo imizigo, burenze urugero rwerekanwe n'ikimenyetso (muri metero);




**C. 7 : Ntihanyurwa** n' ibinyabiziga bifite uburemere burenze ubwerekanwa n' ikimenyetso **( Muri toni )**




**C.8 : Ntihanyurwa** n'ibinyabiziga bifite uburemere ku mutambiko burenze ubwerekanwa n'ikimenyetso (muri toni) .



**C.9 : Ntihanyurwa** n'ibinyabiziga, cyangwa ibinyabiziga bikomatanye bifite uburebure habariwemo imizigo burenze urugero rwerekanwe n'ikimenyetso (muri metero);




**C.10:** Birabujijwe ku binyabiziga ibyo ari byo byose kugenda bidasize hagati yabyo umwanya nibura ungana n'intera yerekanwe n'ikimenyetso (muri metero);







**C.11a na C.11b: Birabujijwe** gukata (mu cyerekezo kerekanwa n'akaranga-cyerekezo);




**C.12: Birabujijwe** guhindukira;




**C.13a: Birabujijwe** kunyura ku binyabiziga byose uretse ibinyamitende




**C.13b: Birabujijwe kunyura ku kindi kinyabiziga** (ibibujijwe ni kimwe n'ibyo ku kimenyetso C.13a ariko bikareba ibinyabiziga byagenewe gutwara ibicuruzwa kandi bifite uburemere Ntarengwa bwemewe bwa toni 3.5, akapa nyongera gashyirwa munsi y'ikimenyetso C.13b gashobora kwerekana muri toni, ubundi burebure ntarengwa bwemewe icyo kimenyetsKibuza kurenga);




**C.14: Umuvuduko ntarengwa ugarukira ku werekanwa n'ikimenyetso** (mu birometero ku isaha) akapa nyongera gashyizwe munsi y'ikimenyetso C.14 gishobora kwerekana uburemere muri toni, no kuba gusa ibinyabiziga bifite uburemere ntarengwa bwemewe burenga uburemere bwerekanwa);




**C.15: Birabujijwe kuvuza amahoni (keretse iyo ari ukwirinda impanuka)**




**C.16: Birabujijwe gutambuka udahagaze akanya gato** (byaba bitewe n'uko ari hafi ya gasutamo,byaba bitewe n'indi mpamvu yerekanwa n'ikimenyetso C.16 mu mwanya w'amagambo **GASUTAMO);**




**C.17a : Iherezo ry'ibibuzwa byose mu karere ku binyabiziga bigenda** (cyerekana ko aho ibibuzwa byerekanwe mbere ,n'ibyapa bibuzwa ku binyabiziga bigenda biba bitagikurikizwa).




**C.17b : Iherezo ry'ibuzwa ry'umuvuduko** (cyerekana ko aho ibibuzwa byerekanwe mbere n'icyapa C.14 ritagikurikizwa);




**C.17c: Iherezo ryo kubuza kunyuranaho** (cyerekana aho kubuza kunyuranaho,herekanwe mbere n'ikimenyetso C.13a,riba ritagikurikizwa ,ikimenyetso C.17c gishobora kugira ibigereranyo kimwe n'ibikoreshwa n'ikimenyetso C.13b,kandi kikerekana ko ibuza ryerekanwe n'icyo kimenyetso riba ritagikurikizwa).



**C.18:-Birabujijwe guhagarara umwanya munini** (cyerekana kuva aho ikinyabiziga gitangirira kubuzwa guhagarara umwanya munini)


C,19

**C.19 : - Birabujijwe guhagarara umwanya munini n'umuto** (cyerekana kuva aho Ikinyabiziga gitangira kubuzwa guhagarara umwanya muto kimwe no guhagarara umwanya munini;


C,20ᵇ

**C.20a na C.20b : Guhagarara umwanya munini** (ikimenyetso C.20a cyerekana kuva aho batangira kubuzwa guhagarara umwanya mu munini mu ruhande ikimenyetso kirimo mu minsi cumi n'itanu ya mbere ya buri kwezi;

**Naho ikimenyetso C20b** *cyerekana kuva aho batangirira kubuzwa guhagarara, umwanya munini mu ruhande icyo kimenyetso kirimo kuva ku munsi wa 16 kugeza ku mutsi wa nyuma w' u kwezi ) ;*

**Ibyitonderwa byerekeye ibyapa C.18 kugeza kuri C.20b.**

1º **Akapa nyongera F.3a (**Gateye ku buryo gateganye n'umurongo ugabanya inzira nyabagendwa mo kabiri) cyangwa **F.4a** (gateye ku buryo nyanguni ku murongo ugabanya inzira nyabagendwa mo kabiri) **gashobora gushyirwa munsi y'ikimenyetso C.18, C.19, C.20a cyangwa C.20b gateye ahantu ibuzwa ritangirira.**

2º **Akapa nyongera F.3b** (gateye ku buryo gateganye n'umurongo ugabanya inzira nyabagendwa mo kabiri cyangwa F.4b (gateye ku buryo nyanguni ku murongo ugabanya inzira nyabagendwa mo kabiri), **gashobora gushyirwa munsi y'ikimenyetso cyavuzwe haruguru gisubiramo ibuza.**

3º **Akapa nyongera F.3c** (gateye ku buryo buteganye n'umurongo ugabanya inzira nyabagendwa mo kabiri cyangwa F.4c (gateye ku buryo nyanguni ku murongo ugabanya inzira nyabagendwa mo kabiri) **gashobora gushyirwa munsi y'ikimenyetso cyavuzwe haruguru cyashinzwe ahantu ibuzwa ritangirira.**

4º**Intera ziri ku twapa nyongera F.3a,F.3b, F.3c** twerekana intera zirebwa n'iryo buzwa mu cyerekezo cy'akaranga – cyerekezo.

5º **Iyo ibuzwa rimenyeshwa n'ikimenyetso C.18,C.19, C.20a cyangwa C.20b** ritangira mbere y'ukurasuka mu nzira nyabagendwa ahantu ibuzwa ritangirira **hazerekanwa n'ikimenyetso cyabigenewe n'akapa nyongera F.3c cyangwa F.4c.**

## 0.4. UMUGEREKA WA 3 : IBYAPA BITEGEKA (SIGNAUX D'OBLIGATION) D.1a kugeza kuri D.9

✓ Ikirango rusange **:** *Ibyapa bitegeka* bigizwe ***n' ishusho y' uruziga ifite ubuso bw'ubururu*** Umuzenguruko w' ubururu , ikirango cy' umweru.

**D.1a :** ***Icyerekezo gitegetswe (gitegeka buri kinyabiziga gukurikiza icyerekezo cyerekanwe n'uturanga - cyerekezo cyangwa kunyura muri kimwe mu byerekezo byerekanwe n'uturanga - cyerekezo)***



D, 1ª


D, 1ª


D, 1ª


D,1ª

**D.1b :Icyerekezo gitegetswe** (bisobanura kimwe n'icyapa D.1a , ikimenyetso cy'akaranga byerekezo bibiri, **kigakoreshwa nyamara kugirango cyerekane ko ibinyabiziga bishobora kunyura hirya no hino y'inkomyi iri mu nzira nyabagendwa.**


D, 1ᵇ



D, 1ᵇ




**D.1c : Uguhigama;** ( cyerekana mu nzira ifunganye igice cyagutse cy'inzira nyabagendwa gituma habaho guhagarika ikinyabiziga kugirango gihe umwanya ibinyabiziga biturutse imbere )

**D.2 : Ugukikira bitegetswe** ;(ikimenyetso gishyizwe ku buhungiro cyangwa imbere y'inkomyi gitegeka buri kinyabiziga kunyura mu ruhande rw'ubuhungiro cyangwa rw'inkomyi yerekanwe n'akaranga –yerekezo) .




**D.3 : Inkomane banyuramo bazengurutse;** (gitegeka buri kinyabiziga gikurikiza amategeko agenga inkomane banyuramo bazengurutse).




**D.4: Inzira y'ibinyamitende itegetswe** (gitegeka buri kinyamitende cyangwa velomoteri,kugendera mu nzira y'ibinyamitende iteyeho icyo kimenyetso aho itangirira ibuza ku binyabiziga bindi byose gutira ako kayira).




**D.5 : Inzira y'abanyamaguru itegetswe** (gitegeka abanyamaguru kunyura mu nzira iriho icyo cyapa mu ntangiriro kikabuza abandi bagenzi banyura muri iyo nzira ).




**D.6:Inzira y'abanyamafarasi itegetswe** (kimenyesha abanyamafarasi ko bagomba kunyura mu nzira iriho icyo cyapa mu ntangiriro kikabuza abandi bagenzi kunyura muri iyo nzira.




**D.7 : Inzira y'amatungo itegetswe** (kimenyesha abayobozi b'amatungo ko bagomba kunyuza amatungo muri iyo nzira)




**D.8 : Umuvuduko muto ntarengwa utegetswe** (kimenyesha ko ibinyabiziga biri mu nzira iriho icyo cyapa mu ntangiriro bigomba kugira umuvuduko nibura ungana n'uwerekanwe(mu birometero) .




**D.9 :Iherezo ry'umuvuduko muke ntarengwa utegetswe** ( Cyerekana aho umuvuduko muke ntarengwa wategetswe mbere n'icyapa D.8 utagitegetswe)

# UMUGEREKA WA 4:IBYAPA BIYOBORA (SIGNAUX D'INDICATION)
## E.1a Kugeza kuri E 21

### 0.5 A. Ibyapa bimenyesha Gutambuka mbere (signaux de presignalisation)

✓ Ikirango rusange **:** *Ibyapa bimenyesha mbere* bigizwe ***n' ishusho y'urukiramende*** ifite **umuzenguruko w' ubururu n' ubuso bw' ubururu , ikirango cy' umweru .**


**Ibyapa E.1a kugeza kuri E.1c: Ukumenyesha mbere icyerekezo** (Urugero rw'ibyapa bishobora gukoreshwa mu kumenyesha abagenzi ibyerekezo biteganyijwe mu masangano begereye).



E, 1a



E, 1c




E, 1b



E, 2a


E, 2b

**Ibyapa E.2a na E.2b :Umuhanda udakomeza**
(urugero rw'ibyapa bimenyesha mbere umuhanda udakomeza)


E. 3

**Icyapa E.3 :Inzira igomba kunyurwamo** (urugero rw'icyapa kimenyesha mbere inzira igomba kunyurwamo kugirango hafatwe icyerekezo cy'ibumoso mu gihe gukatira ibumoso bibujijwe mu nkomane ikurikira).


E, 4

**IcyapaE.4 :Umwanya mu muhanda** (urugero rw'icyapa kimenyesha mbere cyerekana umwanya wo mu muhanda bitewe n'ikerekezo ashaka gufata mu inkomane).

## 0.6 B. IBYAPA NDANGA – CYEREKEZO (SIGNAUX DE DIRECTION)

**Ibyapa E.5a na E.5b: Icyerekezo cy'Akarere** (urugero rw'ibyapa biranga icyerekezo cy'Akarere)



E, 5a



E, 5b



E, 5c

**E.5c: Kuyobya umuhanda** (icyapa cyerekana icyerekezo baganamo iyo inzira umugenzi arimo yahindutse bitewe n' uko hari imirimo .



E, 6

**E.6 : Ikibuga cy'indege** (icyapa cyerekana iyo ikibuga cy'indege giherereye)



E, 7

**E.7 : Ikibanza cy'ingando** (icyapa cyerekana ahari icumbi ry'urubyiruko).



E, 8

**E.8 : Icumbi ry'urubyiruko** (icyapa cyerekana icumbi ry'urubyiruko)

## 0.7 C.IBYAPA BIMENYESHA AHANTU (SIGNAUX DE LOCALISATION) E.9 NA E.10



E, 9

**E.9 :Kwinjira mu mudugudu** (urugero rw'icyapa kimenyesha ko winjiye mu mudugudu )


E. 10

**E.10: Iherezo ry'umudugudu** ( urugero rw'icyapa cyerekana iherezo ry'umudugudu)

## 0.8 D. IBINDI BYAPA ( SIGNAUX DIVERS )


E, 11

**E.11: Inzira y'abanyamaguru** (cyerekana abanyamaguru n'abayobozi aho inzira y'abanyamaguru itangirira)



E, 12


**E.12: Ibitaro** (cyereka abayobozi b'ibinyabiziga ko bakwiye kwitonda iyo bageze hafi y'amavuriro cyane cyane iyo bakirinda gutera urusaku bakoresheje amahoni cyangwa imyuka ivubuka muri moteri).


E. 13ª

**E.13a : Icyerekezo kimwe** (iyo giteye ku buryo nyanguni ku murongo ugabanya umuhanda mo kabiri,cyemeza ko abagenzi banyura mu nzira y'icyerekezo kimwe).


E, 13ᵇ

**E.13b : Icyerekezo kimwe** (iyo giteye ku buryo buteganye n' umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri ,cyemeza ko umuhanda ukurikiye icyerekezo cy'akaranga cyerekezo ari icyerekezo kimwe).


E, 14

**E.14 : Inzira idakomeza** (cyerekana ko inzira giteyeho mu ntangiriro idakomeza)


E, 15

**E.15 : Umuhanda urombeje w'ibice byinshi** (cyerekana ahantu amategeko yo kugendera mu muhanda urombereje w'ibice byinshi atangirira gukurikizwa)




**E.16 : Iherezo ry'umuhanda urombereje w'ibice byinshi** (cyerekana aho amategeko yihariye yo kugendera mu muhanda urombereje w'ibice byinshi atangikurikizwa).




**E.17 : - Umuhanda ugenewe imodoka** (cyerekana ahantu amategeko yihariye y'uburyo bwo kugendera mu mihanda itari imihanda irombereje y'ibice byinshi igenewe kunyurwamo n'imodoka kandi itanyurwamo n'abafite amatungo).




**E.18 : -Iherezo ry'umuhanda ugenewe imodoka** (cyerekana aho amategeko amaze gusobanurwa haruguru ku byerekeye ibyapa E.17 atagikurikizwa)




**E.19 :- Aho za otobisi zihagarara** (cyerekana ahantu hagenewe guhagararwamo n'imodoka nini zagenewe gutwara abantu)

**E.19 bis** :-**Aho amatagisi ahagarara** (cyerekana ahahagararwa ibinyabiziga byagenewe gutwara abantu babirishye ,uretse uretse ibinyabiziga bya Leta bigenewe gutwara abantu muri rusange).




**E.20: Parikingi** (cyerekana ahantu ibinyabiziga byagenewe guhagarara Umwanya munini .





**E.21: Amabwiriza yihariye** (cyerekana ko hari amabwiriza yihariye mu buryo bwo kugendera mu cyambu cyangwa ku kibuga cy'indege)

## 0.9.UMUGEREKA WA 5: IBYAPA NYONGERA N'IBIMENYETSO BYEREKANA IBIGOBOKA ABAGENZI


## 0.10 A.UTWAPA NYONGERA - PANNEAUX ADDITIONNELS F.1 KUGEZA KURI F4 c

A) Ikirango rusange **:** *Ibyapa nyongera* bigizwe ***n' ishusho y'urukiramende*** **ifite umuzenguruko w'umukara ubuso bw' umweru, ikirango cy' umukara**



F, 1


**Urugero 1:**Rwerekana intera iri hagati y'icyapa n'intangiriro y'ahantu hatera ibyago cyangwa ahantu amabwiriza y'icyo cyapa agomba gukurikizwa .




F, 2

**Urugero F.2** :Rwerekana uburebure bw'igice cyatera ibyago cyangwa bw'ahantu amabwiriza y'icyo cyapa agomba gukurikizwa .


**Ingero F.3a kugeza kuri F.3c :** iyo zishyizweho ku buryo ziteganye n'umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri ,zerekana ahantu habujijwe guhagarara umwanya munini cyangwa umwanya muto ku binyabiziga bibujijwe cyangwa bigenwe.



F, 3a




F, 3b



F, 3c

**Ingero F. 4a kugeza kuri F. 4c :**Iyo zishyizweho ku buryo biteganyijwe n'umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri bivuga ku buryo bukurikiranye n'utwapa tw'ingero F.3a kugeza kuri F.3c, akapa F.4a kareba igice cy'umuhanda kiri hirya y'ikimenyetso,akapa F.4b kareba ibice by'umuhanda biri hirya no hino y'icyo kimenyetso naho F.4c kareba igice cy'umuhanda kiri hino y'icyo kimenyetso.


F, 4a


F, 4b


F, 4c

## 0.11 B. IBINTU NGOBOKA : INSTALLATION POUVANT ETRE UTILES AUX USAGERS (F.5 KUGEZA KURI F.18):


F, 5

**F.5 :Icyo cyapa cyerekana ikintu ngoboka**, gisobanuwe n'ikigereranyo cyabigenewe cyanditswe ku buso bwera bw'icyo kimenyetso kandi ibigereranyo bigize ibimenyetso F.6 kugeza kuri F.18 bikabibera ingero.


F, 6

**F.6:** Ahari ubutabazi.






**F.7 :** Aho bagobokera ibinyabiziga
**F.8 :** Ahari terefoni**.**




**F.9 :** Ahari risansi na mazutu.




**F.10 :** Hoteri cyangwa ahari icumbi ry'abagenzi




**F 11 :** Aho bafatira ifunguro




**F12 :** Urunywero cyangwa urusamuriro.




**F 13 :** Ahateganirijwe ururiro rw'abahisi




**F14 :** Aho bahagurukira batembera ku maguru.




**F15 :** Ikibanza cy'ingando.




**F.16 :**Ikibanza cy'abantu bagendera ku nyamaswa.




**F.17 :** Ikibanza cy'ingando cyangwa cy'abantu benshi bagendera ku nyamaswa.




**F.18 :**Icumbi ry'urubyiruko .

# 0.11.UMUGEREKA WA 6:IBIMENYETSO BYO MU MUHANDA (MARQUES ROUTIERS)

**Ingingo ya 110.2:**



**Umurongo w'umweru urombereje:** Umuyobozi wese abujijwe kuwurenga.

**Ingingo ya 110.3.1**



**Umurongo w'umweru udafatanye:**Umuyobozi wese abujijwe kuwurenga *keretse* .iyo *anyura ku kindi kinyabiziga*,gukatira ibumoso, guhindukira cyangwa kujya mukindi gice cy'umuhanda.

**Ingingo ya1103.2.**



**Uduce tw'umurongo uciyemo uduce tugufi twegeranye :**ahegereye umurongo wera urombereje ***kandi habuzwa rwose*** *kurenga uwo murongo.*

**Ingingo ya :110.4:**



**Umurongo wera urombereje n'umurongo wera uciyemo Uduce ibangikanye :** yerekana ko umuyobozi agomba kwita gusa ku murongo wegereye ikinyabiziga cye.

Ibivugwa mu mugereka wa 6, ikinyabiziga kigenda mugice cy'umuhanda **cy'iburyo** ntigishobora na rimwe kurenga umurongo urombereje,naho ikinyabiziga kigenda mu kindi cyerekezo ,mu gice **cy'ubumoso** gishobora kurenga umurongo uciyemo uduce n'urombereje iyo gishaka guhindura icyerekezo no kongera kuwutambuka kugira ngo kigaruke mu gice cy'ubumoso.

**Ingingo ya 110.5:**



**Igice cy'umuhanda gikikijwe n'uduce tugufi tudafatanye tw'ibara ryera :**gitegeka ikinyabiziga cyose cya Leta cyagenewe gutwara abantu muri rusange kunyura muri icyo gice .

**Ingingo ya 110.6 :**




**Igice cy'inzira nyabagendwa gikikijwe n'imirongo ibiri y'umweru iciyemo uduce kandi iteganye, kandi ikaba ifite ubugari budahagije kugirango imodoka zibe zahanyura :**Inzira y'ibinyamitende

**Ingingo ya 110.7 :**




**Umurongo wera urombereje uciye ku nkengero nyayo y'umuhanda ,umusezero w'inzira y'abanyamaguru cyangwa ku nkengero zigiye hejuru:** werekana aho umuhanda ugarukira hanabujijwe kuwurenga bashaka kugenda, guhagarara umwanya muto cyangwa guhagarara umwanya munini ku nkengero

**Ingingo ya 110.8 :**



**Umurongo w'umuhondo uciyemo uduce ku nkengero nyayo y'umuhanda, umusezero w'inzira y'abanyamaguru cyangwa ku nkengero zigiye hejuru :**Ivuga ko bibujijwe guhagarara umwanya munini ku burebure bw' uwo murongo .

**Ingingo ya 110.9.igika cya 1 na 2:**




**Umurongo wera mugari urombereje werekana Inkengero itari nyayo y'umuhanda** Bivuga ko igice cy'umuhanda kiri hirya y'uwo murongo kigenewe guhagararwamo umwanya muto cyangwa munini .

**Ingingo ya 110.9.igika cya 2 na 3**




**Imirongo yera migari irombereje ya mbuki ranya umuhanda ifata kumurongo wera uteganyijwe nigikacya 2 n'ingingo ya 110.9 :** Itangiriro n'iherezo ry'ahantu hahagararwa umwanya muto cyagwa munini no kugaragaza aho ibinyabiziga bishobora guhagarara.

**Ingingo ya 110.12:**




**Imisumari y'ibara risa n'icuga rihishije:**Ibimenyetso by'agateganyo bivanaho agaciro k'ibimenyetso byera birombereje ahongaho.

**Ingingo ya 111.1:**




**Umurongo wera munini urombereje nyanguni ku nkengero y'umuhanda :**Aho ibinyabiziga bigomba guhagarara hakurikijwe icyapa B.2 (STOP),cyangwa icyapa kimurika cyerekana uburyo bwo kugenda mu muhanda

**Ingingo ya 111.2 :**



**umurongo ugizwe naza mpande eshatu nyampanga zera, zifite amasonga areba abayobozi bigenewe,uciwe nyanguni ku nkengero z'umuhanda :**ahantu ibinyabiziga bigomba, iyo ari ngombwa guhagarara umwanya muto bishaka gutanga inzira hakurikijwe icyapa B.1(TANGA INZIRA)


**Ingingo ya 111.3:**




**Ibice by'umuhanda byera bigari biteganye n'umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri:** inzira yabanyamaguru

**Ingingo ya 111.4:**

Ibice by' umuhanda byera bigari biteganye n' umurongo umuhanda mo kabiri Inzira y' abanyamaguru .




**Ingingo ya 112.1**



**Uturangacyerekezo tw'ibara ryera ahegereye amasangano:** Uturanga cyerekezo dutoranya twerekana igisate cy'umuhanda cyo gukoresha mu kwinjira .mu cyerekezo cyerekanwa n'uturanga cyerekezo.

**Ingingo ya 112.2 :**




**Uturanga cyerekezo tw'ibara ryera twuzuza umurongo uciyemo uduce umenyesha ko umurongo urombereje uri hafi: uturanga - gukata tumenyesha igabanuka ry'umubare w'ibisate** by'umuhanda bishobora gukoreshwa mu cyerekezo gikurikiwe.

**Ingingo ya 112.3:**



**Inyandiko z'ibara ryera mu muhanda :**Zuzuza cyangwa zibutsa ibirangwa cyangwa amabwiriza bitangwa n'ibimenyetso byo mu muhanda.

**Ingingo ya 112.4:**




**Ibyerekezo byanditse mu muhanda:** Byuzuza uturangacyerekezo dutoranya mbere.

**Ingingo ya 112.5 :**



**Inyandiko z'ibara ryera ziri iruhande rw'icyapa E.19** : Bigaragaza kandi bigasobanura ahantu habujijwe guhagarara umwanya munini nk'uko biteganyijwe .mu ngingo ya 33,3 y'aya mabwiriza yerekeye imihanda n'uburyo bwo kuyigenderamo.

**Ingingo ya 112.7:**



**Imyanya igaragajwe n'imirongo yera iteganye iciye mu mpuzampembe hakurikijwe icyerekezo cy'umuhanda** :Imyanya ibujijwe kunyurwamo n'ibinyabiziga cyangwa itegeka ibinyabiziga gufata icyerekezo runaka.

# INSHAMAKE Y' AMABWIRIZA RUSANGE AGENGA IMIHANDA N' UBURYO BWO KUYIGENDAMO

# B. UBURYO BWO KWIGA AMATEGEKO Y' UMUHANDA

# 1. IGICE CYA 1: AMATEGEKO ABANZA

## 1.1. UMUTWE WA I: Ibirebwa n'iriteka

**Ingingo ya 1:**

Iri teka rigenga uburyo bwo kugenda mu nzira nyabagendwa, bwerekeye: *Abanyamaguru , Ibinyabiziga , Inyamaswa zikururura , Izikorera ibintu , cyangwa izo bagenderaho kimwe n'amatungo .*

## 1.2. UMUTWE WA II: Ibisobanuro

### Ingingo ya 2:

***Mugukurikiza ibivugwa muri iri teka:***

1. Ijambo **« Inzira Nyabagendwa» ( Voie public)** rivuga: Imbago zose z'imihanda minini, amabarabara, aho abantu nyamwinshi bahurira,aho imodoka zihagarara,inzira n'utuyira two ku muhanda ,ibiraro, ibyombo mbese ku buryo rusange,imihanda nyabagendwa yose igendwamo ku butaka;

2. Ijambo **«Umuhanda»** rivuga: Igice cyangwa ibice by'inzira nyabagendwa bigendwaho n'ibinyabiziga; iyo nzira nyabagendwa ikaba yagira imihanda myinshi itandukanyijwe ku buryo bugaragara n'ubutaka bwayo cyangwa ubusumbane ;

3. Ijambo **« Inzira y'ibinyabiziga »** rivuga:Umuhanda n'inzira ziwukikije ;

4. Ijambo **« Igisate cy'umuhanda »** rivuga: Kimwe mu bice bigabanyije umuhanda mu burebure bwawo; ariko icyo gisate kikagira ubugari buhagije ku buryo ibinyabiziga bitari amagare, velomoteri cyangwa amapikipiki bigenda bibangikanye. bishobora kugaragazwa n'umurongo umwe ukomeje cyangwa ugizwe n'uduce dukurikiranye.

5. Ijambo **«Agahanda k'amagare»** bivuga:Igice cy'inzira nyabagendwa cyagenewe kunyurwamo n'amagare na velomoteri bikagaragazwa n'ikimenyetso cyabigenewe.

6. Amagambo **«Isangano n'Inkomane»** bivuga: $_1$Ahantu hose imihanda ihurira; $_2$ Aho umuhanda wisukira mu wundi; cyangwa $_3$ Mu maharakubiri y'inzira nyabagendwa;ubwo hakabarirwamo imyanya igizwe n'ayo mahuriro n'izo nkomane cyangwa nayo maharakubiri y'imihanda .

7. Ijambo **«Akayira »** bivuga: Inzira nyabagendwa ifunganye yagenewe gusa abanyamaguru cyangwa ibinyabiziga bigendera ku biziga bibiri.

8. Ijambo **«Inzira y'igitaka»** bivuga: Inzira nyabagendwa yagutse kurusha akayira ariko ubusanzwe ikaba itaragenewe ibinyabiziga bibiri.

- ✓ **Inzira y'igitaka** ikomeza kwitwa ityo iyo isa n'umuhanda igihe irasutse gusa mu yindi nzira nyabagendwa.

9. Ijambo **«Urusisiro»** bivuga: 1. Ahantu hose hari amazu yegeranye cyangwa afatanye ari Kuruhande urwo arirwo rwose rw'inzira nyabagendwa; cyangwa se 2 Aho binjirira n'aho basohokera hagaragazwa n'ibyapa by'aho hantu.

10. Ijambo **«Umuyobozi »** bivuga: Umuntu wese utwaye ikinyabiziga, cyangwa Uyobora mu nzira nyabagendwa inyamaswa zikurura, zikorera cyangwa zigenderwaho; cyangwa amatungo, yaba ubushyo cyangwa imwe imwe.

11. Ijambo **Umukozi ubifitiye ububasha** bivuga: Umwe mu bakozi wambaye kuburyo bugaragaza ibimenyetso by' imirimo ashinzwe; (urugero: abapolisi bo mu mutwe ushinzwe umutekano wo mu muhanda).

12. Ijambo **Ikinyabiziga** bivuga: Ikintu cyose gikoreshwa mu gutwara abantu n' ibintu Ku butaka; kimwe n' igikoresho cyose kigendeshwa gihingishwa, gikoreshwa mu nganda cyangwa ahandi.

13. Ijambo **«Ikinyamitende»** bivuga: Ikinyabiziga cyose, nk' igare ry'ikiziga 1, 2, 3, cyangwa bine Kigendeshwa n' ingufu z' abantu bakiriho; nko kuba bakoresha ibirenge cyangwa intoki.

14.a) Ijambo **« Igare »** Bivuga: Ikinyamitende cy' ibiziga bibiri;
b) Ijambo **« Velomoteri »** Bivuga: Ikinyabiziga gifite ibiziga bitarenze bibiri, kandi gifite Moteri itarengeje santimetero kibe 50 cyangwa imbaraga zitarenga KvA4 (Kaveya), Icyindi kandi hakurikijwe uko cyakozwe, umuvuduko wacyo nturenge km 60 mu isaha.

***N.B: Igare na Velomoteri bidahetse ababigendaho ntibibarwa nk' ibinyabiziga.***

15. Ijambo **«Ipikipiki»** bivuga ikinyabiziga cyose cy' ibiziga bibiri gifite moteri, ukuyemo za Velomoteri;

16. Amagambo **« Ikinyamitende itatu n' ikinyamitende ine bifite moteri** Bivuga: Ibinyabiziga by'ibiziga bitatu cyangwa bine bitarengeje uburemere bw' ibiro 400, kandi moteri ikaba itarengeje santimetero kibe 350 cyangwa imbaraga zayo zikaba zitarengeje KvA15.

***N.B: Gushyira intebe kuruhande cyangwa rumoroki inyuma yibi binyabiziga ( bimaze kuvugwa 13, 14, 15,16) ntacyo bihindura kurwego birimo.***

17. Ijambo **ikinyabiziga kigendeshwa na moteri** Bivuga : Ikinyabiziga cyose gifite moteri kigendesha kandi kigendeshwa n' ibikigize.

18. Ijambo **« Imodoka »** : Bivuga ikinyabiziga cyose kigendeshwa na moteri, uretse velomoteri, ipikipiki Ibinyamitende itatu cyangwa ine bifite moteri, n' imashini zihinga* n' izindi zikurura zifite moteri ; zikaba kandi ku busanzwe zitwara munzira nyabagendwa abantu cyangwa ibintu cg se zigenewe gukurura ibindi binyabiziga bitwara abantu cyangwa ibintu.

19. Ijambo **«Rumoruki »** bivuga : Ikinyabiziga kigenewe gukururwa n' ikindi ; iryo jambo rikoreshwa no kuri za Makuzungu.

20. Ijambo **Makuzungu** bivuga : Romoruki iyo ari yo yose yagenewe gufatishwa ku kinyabiziga Gikurura kuburyo igice cyayo kiba kiyiryamyeho, kandi igice cy' uburemere bwacyo ndetse n' ubw'ibyo itwaye bukaba bushikamiye icyo kinyabiziga.

21. Ijambo **Rumoroki ntoya** Bivuga : Rumoruki iyo ariyo yose ifite uburemere butarenga ibiro 75
22. Amagambo «**Ibinyabiziga bikomatanye n' ibinyabiziga bikururana»** bivuga ibinyabiziga bifatanye bikagenda nk' aho ari kimwe.

23. Ijambo **Ikinyabiziga gifatanije** bivuga: Ikinyabiziga gikomatanye, kimwe ari ikinyabiziga gikurura ikindi ari makuzungu.

24. Ijambo**«Ikinyabiziga gikurura kabiri »** Bivuga ibinyabiziga bikomatanye bikururana Bigizwe n'ikinyabiziga gifatanije kandi kiriho romoroki yacyo;

25. Amagambo **Uburemere bwite n'uburemere bw'ikidapakiye**, bivuga: Uburemere bw'ikinyabiziga kizima n'ibikoresho byacyo ngombwa hatabariwemo abagitwaye, abantu cg Imizigo cyikoreye; gifite karisori kandi cyuzuye lisansi, mazutu cg gazi, Amazi n'amavuta,

25. Ijambo **Uburemere bwikorewe** bivuba: Uburemere bwite bw'ikinyabiziga kizima hongereweho uburemere bw'imizigo cyikoreye,ubw'ugitwaye n'ubw'umuntu wese gitwaye ;

27. Ijambo Uburemere **ntarengwa bwemewe** Bivuga: *Uburemere bugendanwa*; Uburemere bwose ntarengwa bw'ikinyabiziga bwemejwe hakurikijwe ibivugwa muri iri teka n'uburemere ntarengwa bwemewe bw'ibinyabiziga bikomatanye , bw'ikinyabiziga gifatanije cg bw'ikinyabiziba gikururana kabiri,bwitwa nanone ***Uburemere bugendanwa***

28. Ijambo **Guhagarara umwanya muto** Bivuga : *Igihe cya ngombwa* ikinyabiziga kimara gihagaze kugirango abantu cg ibintu byinjire cyangwa bisohoke ;

29. Ijambo **Guhagarara umwanya munini** Bivuga: Igihe *kirenze icya ngombwa* ikinyabiziga kimara gihagaze kugirango abantu cg ibintu byinjire cg bisohoke ;

30. Ijambo **Akagarura- rumuri** Bivuga: Akantu karabagirana gasubiza imirasire y'urumuri Ku kintu kiyohereje;

31. Ijambo **Ikinyabiziga ndakumirwa** *Ni ibinyabiziga by'abaporisi , Ibizimya -nkongi* ndetse *n'ibinyabiziga bitwara abarwayi,* iyo bijya aho bigomba gutabara byihutirwa ; kandi bikarangwa n'intabaza irabagirana cg irangurura ijwi ;

32. Ijambo **Amatara y'urugendo** (***Amatara maremare*** ) bivuga: Amatara y'ikinyabiziga amurika umuhanda mu ntambwe ndende, imbere y'icyo kinyabiziga ;

33. Ijambo **Amatara yo kubisikana** (***Amatara magufi*** ) bivuga: Amatara y'ikinyabiziga amurika inzira nyabagendwa imbere y'icyo kinyabiziga bitagombye guhuma cyangwa kubangamira abayobozi bava mucyerekezo.

34. Ijambo **Amatara ndangambere** Bivuga: Amatara *y'ikinyabiziga akiranga*, kandi agaragaza ubugari bwacyo burebewe imbere.

35 Ijambo **Amatara ndanganyuma** Bivuga : *Amatara y'ikinyabiziga akiranga,* kandi yerekana ubugari bwacyo burebewe inyuma ;

36. Ijambo **Amatara kamena-bihu y'imbere** Bivuga :*Amatara y'ikinyabiziga abonesha neza inzira imbere yacyo* igihe: [1] *cy'igihu* , [2].cy'imvura nyinshi , [3]cy'urubura cg [4]cy'umukungugu .

37. Ijambo **Amatara kamenabihu y' inyuma** Bivuga : *Amatara y'ikinyabiziga akiranga kandi yerekana ubugari bwacyo kirebewe inyuma* igihe: [1] cy'igihu , [2].cy'imvura nyinshi , [3]cy'urubura cg [4]cy'umukungugu;

38. Ijambo **Amatara yo gusubira inyuma** Bivuga : *Amatara y' ikinyabiziga agenewe* [1] *Kubonesha inzira inyuma y' ikinyabiziga* no [2] *Kumenyesha abandi bagenzi ko ikinyabiziga gisubira inyuma;* cyangwa [3] *Kigiye gusubira inyuma*

39. Ijambo **Itara ndanga cyerekezo** cyangwa ( *Ikinyoteri* ) Bivuga : Itara ry' ikinyabiziga rigenewe kwereka abandi bagenzi ko umuyobozi ashaka kugana iburyo cyangwa Ibumoso.

40. Amagambo **Itara rishakisha** n' **Itara rihindukizwa** Bivuga: Itara ry' ikinyabiziga gishobora guhindukizwa n' umuyobozi bidatewe n' uko ikinyabiziga kigenda, kandi rishobora kumurika ikintu kiri munzira nyabagendwa cyangwa hirya yayo .

41. **Amagambo "Itara ndangamubyimba" n'itara ndanga burumbarare"** Bivuga: Itara ry' ikinyabiziga ryerekana ubugari bwacyo , ahagana imbere cyangwa inyuma igihe uburebure bwacyo burenga metero 6 cyangwa iyo ubugari bwacyo , habariwemo ibyo cyikoreye burenga metero 2.10.

42. Ijambo **Ubuso bubonesha** Bivuga kubyerekeye amatara: *Ni ubuso busohokana urumuri* naho kubyerekeye utugarurarumuri Bikavuga: *Ubuso burabagiranamo urumuri*.

43. Ijambo **Itara ry'Umuhondo** Bivuga : Itara ryose ry' umuhondo winganje; ry' umuhondo nyawo cyangwa usa n'icunga hakurikijwe ibisobanuro bivugwa ku mugereka wa 7 w' iri teka .

## 1.3.UMUTWE WA III : Abakozi babifitiye ububasha ( Agents qualifies )

*Bitabujije ububasha abagenza - cyaha bahawe n' amategeko y' umwihariko, abashinzwe kubahiriza cyane iri teka ni :*

1. **A**bapolisi bo mu mutwe ushinzwe umutekano wo mu muhanda
2. **B**a ofisiye na ba su zofisiye bo muri polisi y' igihugu igihe bari mu kazi,
3. **A**bakozi ba gasutamo
4. **A**bakozi bo mubiro by' imisoro
5. Ba ofisiye bashinzwe polisi y' ingabo igihe bayobora abasirikari bagenda ku mirongo
6. Abakozi bo mubiro bishinzwe amateme n' imihanda.
7. Abakozi bo mubiro bya minisiteri ishinzwe gutwara abantu n' ibintu mumirimo yayo babiherewe uburenganzira na ministeri y' ubutabera
8. Ba kaporali n' abapolisi bo muri polisi y' igihugu igihe bari mukazi babitumwe na prokireri wa Repuburika wo muri iyo fasi.
9. abakozi bo mukigo cy' ubucyerarugendo na parike z' igihugu babiherewe uburenganzira na Ministiri w'ubutabera

- ✓ Abakozi bavugwa muri iyi ngingo bafite ububasha bwo kugenza ibyaha byica iri teka batarengereye imirimo bashinzwe n' ifasi bakoramo.

## 1.4. UMUTWE WA IV: Impanuka (Accidents)

**Ingingo ya 4:**

*Bitabangamiye ibiteganywa n' amategeko ahana, umugenzi wese uguweho n' impanuka agomba :*

a) **G**uhita ahagarara igihe bimushobokeye, kandi atagobye kubangamira bundi bushya uburyo bwo kugenda mu muhanda cyangwa kwiteza ibyago ubwe.

b) **G**ukora uko ashoboye kose kugirango uburyo bwo kugenda mu muhanda bwaho impanuka yabereye bwoye guhungabana;1 **A**shyira ibimenyetso ahabyara inkomyi nko gukoresha ikimenyetso A29, 2.**K**wakiriza rimwe amatara ndangacyerekezo y' ikinyabiziga, cyangwa 3.**K**uhatereka itara rimyatsa ry'umuhondo cyangwa risa n' icunga.

c) Iyo umuntu yapfiriye muri iyo mpanuka cyangwa yakomerekeyemo bikabije kandi bikaba bidahungabanya uburyo bwo kugenda mu muhanda *Ugomba kwirinda* : 1**G**uhindura uko ibintu bimeze, 2 **G**usibaganya ibimenyetso bishobora kugaragaza abari mu makosa,no 3 **K**ubimenyesha cyangwa gutumaho abubahiriza amahoro bari hafi aho.

d) Iyo abandi bantu bahuye n'iyo mpanuka babimusabye,kubabwira umwirondoro we

e) Iyo umuntu yapfiriye muri iyo mpanuka cyangwa yakomerekeyemo bikabije ariko akabona nta byago bishobora kumutera,kuguma aho impanuka yabereye cyangwa kuhagaruka kugeza igihe abubahiriza amahoro bahagereye,keretse iyo bamwemereye kuhava cyangwa iyo agomba gutabara abakomeretse cyangwa kujya kwivuza we bwite.

f) Iyo impanuka yangije ibintu gusa cyangwa hakaba hari abakomeretse byoroheje,kugana aho impanuka yabereye, kugirango,abyumvikanyeho n'uwo bagonganye ,bagaragaze uko byagenze cyangwa niba batabyumvikanyeho bafashe umukozi ubushinzwe kubyirebera.

Ariko rero iyo umukozi ubifitiye ububasha adashobora cyangwa atashoboye kugera aho byabereye mu gihe kiringaniye,abahuye n'impanuka bashobora buri wese kubimureba,igihe bishoboka,kubimenyesha umutegetsi ushinzwe kubahiriza amahoro uri hafi cyangwa uri aho batuye.

- ✓ *Nkuko iyi ngingo ibiteganya: (n ibyiza gutandukanya aya magambo)*

- **Umuntu wakomeretse cyane**: Bivuga umuntu wagize 1 Ibikomere bishobora kumuviramo urupfu 2 **k**umushegesha wese, 3 **k**umutesha igice cy' umubiri cyangwa 4 **w**acitse urugingo.
- **Igikomere cyoroheje**; **bivuga:** Igikomere cyose umuntu asanga 1 kitahungabanya ubuzima 2 **k**itamushegesha wese, cyangwa 2 **k**itatuma atakaza igice cy' umubiri cyangwa urugingo.

## 1. 5. UMUTWE WA V: Ibitegekwa – Ibyakwa – Ibimenyetso
**(Injonction, Requisition, signalisation)**

- ➢ Umugenzi wese uri munzira nyabagendwa agomba guhita yumvira ibitegetswe n' abakozi babifitiye ububasha. **« ibitegekwa n' ibi bikurikira »:**

1. **Ukuboko kuzamuye :** Gutegeka abagenzi bose guhagarara keretse abageze mu isangano bagomba guhita bahava .

2. **Ukuboko cyangwa amaboko atambitse:** Ategeka guhagarara abaturuka mu byerekezo bisanganya icyerekezo cyerekanwa n' ukuboko cyangwa amaboko arambuye.
3. **Kuzunguza intambike itara ritukura :** Bitegeka guhagarara abo iryo tara riganishaho
4. umuyobozi w'ikinyabiziga gihagaze umwanya muto cyangwa munini ategetswe kugikuraho igihe abisabwe n'umukozi ubifitiye ububasha.
5. Umugenzi wese agomba kubahiriza ibimenyetso byashiriweho gutunganya uburyo bwo kugenda m umuhanda igihe cyose ibyo bimenyetso biteye uko byagenwe kandi bigaragara bihagije.
6. ibitegekwa n'abakozi babifitiye ububasha birusha agaciro ibindi bimenyetso

- ✓ Ibitegekwa n' abakozi babifitiye ububasha birusha agaciro ibindi bimenyetso.

# 1.6.UMUTWE WAVI : Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga ( Permis de conduire )

## 1. 6. 1. ICYICIRO CYA I : Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rutangiwe mu Rwanda Permis de conduire National

**Ingingo 6:**

Ntawe ushobora gutwara ikinyabiziga kigendeshwa na moteri mu nzira nyabagendwa adafite kandi atitwaje urushya rwo gutwara ibinyabiziga r*watanzwe na Polisi y' igihugu.*

- ✓ *Uko uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga* ***ruteye n' uko rutangwa:*** *Bigengwa n' iteka rya Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n' ibintu abisabwe na komite y' igihugu ishinzwe umutekano wo mu muhanda; umuyobozi agomba kwerekana ako Kanya Uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga abibajijwe n'umukozi ubifitiye ububasha ,uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga rwerekana urwego cyangwa inzego z' ibinyabiziga cyatangiwe.*

## Inzego z' ibinyabiziga zisabirwa uruhushya n'izi:

**URWEGO A (Catégorie A)** **A**mapikipiki n' **I**binyamitende itatu bifite moteri birimo cyangwa bidafite intebe ku ruhande

**URWEGO B (Catégorie B)**

- Imodoka zagenewe gutwara abantu kandi zifite imyanya umunani ntaregwa yo kwicarwamo hatabariwemo uw'umuyobozi ,
- ***Imodoka*** zagenewe gutwara abantu kandi zifite uburemere ntarengwa **b**wemewe ***b****utarenga ibiro 5.000*
- Ibinyamitende ine ifite moteri.

- ➢ Ku binyabiziga by' urwo rwego bashobora gushyiraho romoroki ntoya ifite umutambiko umwe

**URWEGO C (Catégorie C)**

***Imodoka*** zagenewe gutwara ibintu bifite uburemere ntarengwa **b**wemewe ***b****urenga ibiro* ***5.000***

- ➢ Ku binyabiziga by' urwo rwego bashobora gushyiraho rumoroki ntoya.

**URWEGO D ( Catégorie D)**

**I**modoka zagenewe gutwara **a**bantu kandi zifite **i**myanya *irenga* umunani yo kwicaramo hatabariwemo uw'umuyobozi.

**URWEGO E (Catégorie E)**

Ibinyabiziga bikomatanye bifite ikinyabiziga gikurura kiri muri rumwe mu nzego B, C na D umuyobozi afitiye uruhushya kandi rumoroki yabyo ikaba ifite uburemere ntarengwa bwemewe burenga ibiro 750

**URWEGO F(Catégorie E)**

Ibinyabiziga bidasanzwe (ibimashini bihinga, bikora imihanda biterura……..)

- ➢ *Imodoka* zigenda munzira nyabagendwa zitabarirwa muri rumwe munzego zimaze kuvugwa ,nk' *imashini z' ubuhinzi* cyangwa z' inganda zibarirwa mu rwego **B** , *nta kwita ku buremere bwazo.*

- ➢ Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rutangwa burundu abarusaba bamaze gutsinda ibikurikira kandi herekanywe icyemezo gitanzwe na muganga wemewe akurikije ibivugwa mu gika bya 8 cy'iyi ngingo:

a) *Ikizamini ku masomo cyerekana ko ubazwa azi bihagije amategeko y'umuhanda*;

b) *Ikizamini cyerekana ko ubazwa azi gutwara ikinyabiziga cyo mu rwego asabira uruhushya rwo gutwara*:

✓ Ibizamini byerekeye amasomo no gutwara ibinyabiziga *kugirango hatangwe uburenganzira bwo gutwara ibinyabiziga bikorwa muburyo bwashyizweho* na **M**inisitiri ushinzwe **g**utwara **a**bantu n'**i**bintu.

5. Uruhushya rw'amategeko yo gutwara ibinyabiziga rushobora guhabwa umuntu wese urusabye kugirango bimufashe kugera ku bumenyi buhagije bwo gutwara ibinyabiziga buzatuma abona icyemezo cy'uburenganzira burunduye.

Uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga rutangwa ari uko urwaka atsinze ikizamini cy' amasomo giteganwa mu gika cya 4a), cy'iyi ngingo .

b) Uruhushya rw'agatenyo rwo gutwara ibinyabiziga rufite agaciro ku nzego zose z'ibinyabiziga.

c) Uruhushya rw' agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga rumara amezi atatu ;icyo gihe rushobora kongerwa inshuro eshatu gusa.

g) Ufite uruhusha rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga ntiyemerewe gutwara imodoka keretse ari kumwe n'umwigisha ufite uburenganzira bwo mu rwego rw'imodoka atwaye .

Umwigisha agomba kuba iruhande rw'uwo yigisha kugirango ashobore kureba neza ibyo akora kandi amugoboke mugihe cyo kuyitwara iyo bibaye ngombwa.

✓ *Ikinyabiziga cyigirwaho kigomba kuba gifite inyuma ikimenyetso kigizwe n'inyuguti* **L** *yanditswe mu ibara ry'ubururu kandi ifite uburebure butari hasi ya santimetero 15 cg icyapa cy'umweru cyanditsweho* **(AUTO-ECOLE )** *Mu nyuguti z'umukara .*

6. Iyo rwatakaye ,rwibwe cg rwangiritse , *uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga rusimburwa* by'agateganyo ,mu gihe gihagije kugirango habe habonetse inyandiko yarwo kandi icyo gihe *ntikirenge iminsi cumi n'itanu* n'urupapuro rufite agaciro nk'ako uruhushya rwo gutwara imodoka *rutangwa na prokireri wa Repubulika.*

Bisabwe n'uwari ufite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga rwatakaye, rwibwe cg rwangiritse, abategetsi batanga urwa mbere butanga n'inyandiko nshungu yarwo .

7. Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga n'inyandiko nshungu yarwo bitangwa ari uko harishwe aya mafaranga:
- Uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga ku rwego rutangirirwaho:20.000
- kuri buri rwego rwiyongereyeho 2500.
- Inyandiko nshungu:2500

Nyamara abafite uruhushya rw'agateganyo rufite agaciro batanga gusa amafaranga yari asigaye kugirango babone uruhushya burunduye rwo gutwara ikinyabiziga.

8.a*) Uruhushya rwo gutwara ibinyagiziga* ***rwimwa cg rwamburwa*** *abantu barwaye indwara zikurikira :*

Ku byerekeye uruhushya rwo murwego **C,D,E,**na **F**, **Ukubona kw'ijisho kugomba** *kugira* **8/10** kuri buri jisho cyangwa**7/10** ku ijisho rimwe na **9/10** ku rindi jisho cyangwa se **6/10** ku ijisho rimwe na **10/10** ku irindi. Biremewe ko uburwayi bw'amaso bukosorwa n'amataratara abigenewe .

-Ukumva: *Kutumva cyangwa kumva buhoro bikabije kandi ku matwi yombi .*
-*izindi ndwara z'ubuzima zibuza bikabije ingingo gukora neza cyangwa zihungabanya imikorere y'ubwonko*

b) Porokireri wa Repubulika ashobora gutumiza umuntu wese ufite uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga akekaho bumwe mu burwayi bumaze kuvugwa kugira ngo asuzumwe na muganga amutegetse; muganga yohereza porokireri ibyo yabonye mugihe kitarengeje iminsi umunane .

c) *Porokireri wa Repuburika ashobora kwambura by'agateganyo uruhushya rwo gutwara*

*ikinyabiziga umuntu wese wanze gusuzumwa na muganga ; ashobora nanone kwambura uruhushya umuntu wese uzwiho uburwayi bumaze kuvugwa .*

d) Icyemezo cya Porokireri wa Repubulika kiri kumwe n'inyandiko yemewe ya raporo ya muganga wa leta , cyohererezwa nyir'ubwite mu ibaruwa ishinganywe mu iposita ikanatangirwa icyemezo cy'uko bayibonye .

e) Icyemezo cya Prokireri wa Repubulika nti kijuririrwa iyo cyafashye kubera kwanga gusuzumwa na muganga .

f) Kuzindi mpamvu , icyemezo gishobora kujuririrwa kwa Prokireri mukuru w'urukiko rw'ubujurire mugihe cy'iminsi 30 nyirubwite amaze kubona icyemezo cya prokireri wa repuburika igihe cyemewe cyo kujurira n'ubujurire ntibihagarika icyemezo .

h) Uwajuriye asuzumwa n'akanama ka abaganga batatu umwe muribo agashyirwaho na Prokireri mukuru , uwakabiri agashyirwaho n'uwajuriye ,uwagatatu agashakwa nabo baganga babiri bambere .

Ukwamburwa uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga kugumaho ari uko byemejwe n'ubwiganze bw'amajwi bwabagize ako kanama ; muri icyo gihe amafaranga agomba gutangwa aherera kuwa juriye .Icyemezo cyo kwambura burundu uruhusa rwo gutwara ikinyabiziga kimenyeshya ubutegetsi bwabutanze.
9)binyuranyije n'ibimaze kuvugwa,ntibategetswe kugendana uruhusha rwo gutwara ibinyabiziga,abayobozi bataramara umwaka mu u Rwanda iyo bafite :

-Uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga biteye kimwe n'urugero rugize umugereka wa 7 w'amasezerano yakorewe i Viyeni ku wa 8 Ugushingo 1968 byerekeye uburyo bwo kugenda mu muhanda

-Uruhushya mva mahanga rwo gutwa ikinyabiziga ruhuje n'amategeko ari ku mugereka wa 6 w'amazezerarano y'I Viyene yo ku wa 8 Ugushyingo 1968;ariko urwo ruhushya rukaba rufite agaciro, kandi rwaratanzwe n'igihugu cyasinye ayo masezerano cyangwa n'ikigo cyabiherewe ububasha n'ikindi gihugu cyasinye ayo mazerano.abafite kimwe muri izo mpushya ,bagomba guhita barwerekana, iyo babisabwe n'umukozi ubifitiye ububasha Batagombye gukora ikizamini cy'amasomo n'icyo gutwara ikinyabiziga, bashobora kubona uruhushya mpuzamahanga cyangwa mvamahanga, bapfa gusa kubisaba mbere y'irangira ry'igihe cy'umwaka giteganywa Ku gice cya mbere cy'iki gika.

## 1.6.2. ICYICIRO CYA II:Uruhushya mpuzamahanga rwo gutwara ikinyabiziga

Permis de conduire International

**Ingingo ya 7 :**

1. Polisi y'igihugu ifite ububasha bwo gutanga uruhushya mpuzamahanga rwo gutwara ikinyabiziga hakurikijwe ibiri kurugero rugize umugereka wa 7 w'amasezerano y'i Viyene yo kuwa 8 Ugushyingo 1968 yerekeranye n'uburyo bwo kugenda mu muhanda ;

2. Uruhushya mpuzamahanga rwo gutwara ikinyabiziga *rushobora guhabwa gusa abafite icyemezo cyo gutwara ikinyabiziga cyatanzwe n'igihugu cyabo* kandi kigifite agaciro;abagihawe batanga amafaranga ibuhumbi 20.000 y'Urwanda.

# 2. IGICE CYA II : UBURYO BWO KUGENDA MU MIHANDA (CIRCULATION)

## 2.1. IMUTWE WA MBERE: AMATEGEKO RUSANGE (Régles générales)

### 2.1.1. ICYICIRO CYA MBERE: Kurinda inzira nyabagendwa n'abayigendamo Protection des voies publiques et des usages

**Ingingo ya 8:**

1. *Birabujijwe kubangamira uburyo bwo kugenda mu muhanda cyangwa gutuma watera ibyago* kubera: $_1$**K**ujugunya,$_2$ **K**urunda, $_4$ **G**usiga cyangwa $_5$ **K**ugusha mu nzira nyabagendwa ibintu ibyo aribyo byose; nk'ibisate by'**i**birahure ,**m**azutu,**r**isansi,**g**azi n'**a**mavuta kuhuka umwotsi cyangwa ibyuka,cyangwa se kuhashyira ikintu cyose cy'inkomyi.

*Ibyo ntibibujijwe ku bakozi b'imirimo ya Leta* igihe bari ku kazi kabo bakoresha ibyuma bivubura imyotsi, ibyuka cyangwa ibifu.Nikimwe no kubikorera ubwabo bakoresha nk'ibyo kandi imirimo bakora ikaba ari iya Leta cyangwa se bakaba bayikora bafite uruhushya bahawe na *Perefe.*
Mugihe iyo mirimo ikorwa, abagenzi nibo bagomba gukora uko bashoboye kose kugirango birinde impanuka ishobora kuba.

2. Iyo ikinyabiziga gihagaze kubera impanuka cyangwa iyo ibyo gitwaye cyangwa bimwe muri ibyo biguye mu nzira nyabagendwa, umuyobozi wacyo agomba gukora uko ashoboye kose kugirango inzira igendwemo nta nkomyi.
Iyo umuyobozi atabishoboye umuherekeje niwe ugomba kubikora, yaba ntawe afite bigakorwa n'undi mugenzi wese waguweho n'iyo mpanuka.

3. Birabujijwe konona inzira nyabagendwa, **k**uvanaho, **k**wimura, **k**wangiza, **g**uhirika cyangwa **g**usenya *imbago, ibimenyetso, ibyapa biyiteyeho cyangwa ibiyubatseho*.

**Ingingo ya 9 :**

Umuyobozi agomba gukora uko ashoboye kugirango yirinde kwangiza umuhanda **a**genda buhoro, **a**gabanya iby'ikinyabiziga kikoreye cyangwa se **a**nyura indi nzira.by'umwihariko ibinyabiziga bifite iminyururu, iyo bigenda mu nzira nyabagendwa bigomba gushyirwaho ibyangombwa bituma bitagira icyo byangiza ku muhanda.

- ✓ Nta narimwe bishobora kugenda ku mihanda ya kaburimbo, uretse ibinyabiziga bya gisirikare mu bihe bidasanzwe.

### 2.1.2. ICYICIRO CYA II: Ibyerekeye abayobozi

**Ingingo ya 10:**

1. Ikinyabiziga cyose cyangwa ibinyabiziga bikururana, iyo bigenda, bigomba kugira ubiyobora.
   Inyamaswa zikurura, zikorera cyangwa zigenderwaho, kimwe n'amatungo yaba rimwe cyangwa ubushyo zigomba kugira uziyobora iyo zigenda mu nzira nyabagendwa.

2. Umuyobozi agomba kuba ashobora kuyobora ,*gukora igihe cyose ibyo ategetswe kandi agomba kugenga igihe cyose ikinyabiziga cyangwa inyamaswa ayoboye*.
   By'umwihariko, umuyobozi ntagomba guterwa imbogamizi igihe ayobora no gukingirizwa bitewe n'umubare w'abagenzi cyangwa n'uko bafashe imyanya, cyangwa bitewe n'ibintu bitabonerana byometse ku birahuri.

**Ingingo ya 11:**

**Imyaka y'ifatizo ni:**

- Imyaka **20** ku bayobozi b'imodoka ziri mu nzego **C,D,E na F** zivugwa ku gice cya 2 cy'ingingo ya 6 y'iri teka;
- Imyaka **18** ku bayobozi b'ibinyabiziga biri mu nzego **A na B**;
- Imyaka **15** ku bayobozi ba **velomoteri**, mu gihe ariko nta wundi uyiriho uretse uyitwaye, **na17 mu bindi bihe;**
- Imyaka **14** ku bayobozi b'inyamaswa zikurura, zaba ziziritse cyangwa zitaziritse ku icyo zikurura no ku bayobozi b'inyamaswa zikoreye cyangwa zigenderwaho;
- Imyaka 12 ku bayobozi b'amatungo ;

**Ingingo ya 11 bis: Inyamaswa**

Usibye igihe hatanzwe amabwiriza yihariye yo kwimuka, inyamaswa zigomba kugabanwamo ibice by'imirongo ifite uburebure buringaniye kandi itandukanyijwe n'intera ihagije kugira ngo bitabangamira uburyo bwo kugenda. (buri tsinda ry' inyamaswa riba rifite umubare wabagomba kuriyobora).

## 2.1.3. ICYICIRO CYA III: Uruhande rugenderwamo mu muhanda

**Ingingo ya 12** .

1. Umuyobozi wese w'ikinyabiziga ,igihe cyose bishoboka , *agomba gukomeza kugendesha ikinyabiziga atwaye ku ruhande* **rw'iburyo** rw'umuhanda kandi akegera inkombe yawo y'iburyo igihe abonye undi uturutse aho agana cyangwa agiye kumunyuraho kimwe n'igihe cyose atabona imbere ye neza.

*Inyamaswa zigenda mu muhanda zigomba uko bishobotse kose, gukomeza kugendera ku nkombe y'iburyo; keretse*:

2. *Hari amategeko yihariye*; *iyo inzira nyabagendwa igabanyijwemo imihanda ibiri cyangwa itatu itandukanyijwe ku buryo bugaragazwa n'akarondorondo n'ubutaka,umwanya utanyurwamo n'ibinyabiziga,*ubusumbane bw'imihanda, cyangwa itandukanjijwe n'umurongo w'umweru urombereje,abayobozi ntibashobora kunyura mu muhanda ubangikanye n'uwo bagenderamo.

3. *Iyo umuhanda ugabanyijwemo ibisate bine kandi kuwugendamo bigakorwa mu byerekezo bibiri*, umuyobozi wese abujijwe kunyura mu bisate bibiri biri ibumoso kandi kugenda mu mirongo ibangikanye **byemewe gusa** $_1$ *ku gice cya kabiri cy'iburyo bw'umuhanda*. Kugenda mu mirongo ibangikanye byemewe na none mu $_2$ mihanda igenderwamo mu cyekerekezo kimwe kandi igabanijwemo nibura ibisate bibiri.

✓ **Ibyo kugenda ku mirongo ibangikanye byemewe kandi** $_3$ ibisate by'umuhanda bikaba bigaragazwa n'imirongo irombereje cyangwa iciyemo uduce,abayobozi babujijwe kunyura hejuru y'iyo mirongo.

4. *Iyo umuhanda ugabanyijemo ibisate* ***bitatu*** *kandi ukaba ugenderwamo mu byerekezo byombi,***Umuyobozi wese: Abujijwe kugendera mu gisate cyerekeye inkombe y'ibumoso bw'umuhanda.**

5. *Iyo umuhanda ugabanyijemo* ***ibisate bitatu*** *kandi ukaba ugenderwamo mu byerekezo byombi, umuyobozi wese*: **Abujijwe kugendera mu gisate kiri ibumoso bw'umuhanda, keretse iyo kugana muri urwo ruhande byemewe.**

6. *Umuyobozi wese ugenda mu muhanda: Agomba gusiga ibumoso bwe* ***ubwikingo***,imbago n'ibindi bimenyetso byerekana aho bagomba kunyura ku buryo buboneye ,keretse iyo hashinzwe .

**ikimenyetso N° D1.b aribwo bashobora kunyura iburyo cyangwa ibumoso uko bashatse.**

**Ingingo ya 13 :**

1. Umuyobozi wese ugenda mu muhanda *abujijwe* $_{1}$**k**urengerera inzira y'abanyamaguru, $_{2}$**u**bwikinge $_{3}$**i**nkombe , $_{4}$**u**muhanda, cyangwa $_{5}$**u**duhanda tw'amagare *abigirishije uruhande urwo arirwo rwose rw'ikinyabiziga cyangwa ibyo kikoreye.*

**Ingingo ya14 :**

Iyo banyuze iruhande rw'inkomyi abanyamaguru bagomba gukikira banyuze mu muhanda, abayobozi bagomba gusiga umwanya ufite *ubugari bwa metero imwe* **nibura hagati yabo n'iyo nkomyi**.

- ✓ I*yo bidashobora kubahirizwa kandi umunyamaguru akaba anyura hafi y'iyo nkomyi*, ***umuyobozi agomba kuyikikira afite umuvuduko utarengeje kilomtero 5 ku isaha .***

## 2.1.4. ICYICIRO CYA IV: Inkomane – Gutambuka mbere

**Ingingo ya 15 :**

1. *Umuyobozi wese ugiye kugera mu nkomane agomba gukoresha ubwitonzi buhagije* bujyanye n'uko aho ageze hameze kandi akareba neza niba umuhanda agiye kwinjiramo utarimo inkomyi, akagenda agabanya umuvuduko akurikije uko asanga atabona neza kandi byaba ngombwa agatanga ikimenyetso cy'uko ageze hafi.

Umuyobozi w'ikinyabiziga agomba by'umwihariko kwegera isangano agenda yegera isangano ku buryo ashobora guhagarara kugirango ubunyabiziga bitambuka mbere bihite ;ndetse n'iyo ibimenyetso by'umuriro bimwemerera gutambuka ntashobora kwinjira mu isangano iyo ikinyabiziga cye gishobora kuhahagarara kandi kikabiza guhita ibinyabiziga bigenda mu muhanda usanganya.

2. ***U****muyobozi wese uvuye mu nzira nyabagendwa ifite ibyerekezo bibiri akaba ashaka kwinjira mu yindi ifite icyerekezo kimwe* ***Agomba kureka ibinyabiziga biyigendamo bigatambuka.***

3. Umuyobozi wese uvuye mu nzira nyabagendwa idafite umuhanda wa kaburimbo cyangwa ukozwe nk'urimo kaburimbo akaba yinjira mu nzira ya kaburimbo n'ibimeze nkayo *agomba kureka ibinyabiziga biyigendamo bigatambuka* .

4. Umuyobozi wese uvuye mu kayira cyangwa mu nzira y'igitaka akaba ajya mu nzira nyabagendwa itari akayira ntibe n'inzira y'igitaka: *Agomba kureka ibinyabiziga bigenda muri iyo nzira bigatambuka.*

5. Umuyobozi wese uvuye ahantu hahana imbibi n'inzira nyabagendwa agiye kwinjiramo *Agomba kureka ibinyabiziga biyinjiramo bigatambuka.*

**Ingingo ya 16** :

Binyuranyijwe n'ibimaze kuvugwa mu gika cya 15,umuyobozi wese agomba kureka ibinyabiziga bituruka mu kuboko kwe kw'iburyo bigatambuka keretse iyo ari mu masangano aho agomba kubahiriza amategeko yo gutambuka mbere yerekanwa n'ibimenyetso B.1 cyangwa B.2b na B.22cyangwa yerekanwa n'ibimenyetso by'amatara .

Utegetswe kureka abandi bagahita ntashobora gukomeza urugendo atari uko abona adashobora guteza impanuka agereranije n'uko ibindi binyabiziga biri mu muhanda bimuri kure.n'umuvuduko bifite.

1. Umuyobozi ugiye kwinjira mu isangano aho bagomba kuzenguruka,*Agomba kureka ibinyabiziga byagezemo bikabanza bigatambuka.*

2. Umuyobzi wese ugeze mu masangano aho ibinyabiziga biyoborwa n'ibimenyetso by'umuriro ***Agomba kuva muriryo sangano adategereje ko kugenda mu cyerekezo aganamo byemerwa***,
   - ✓ Ariko akabikora ku buryo atabera inkomyi ibindi binyabiziga bigana mu cyerekezo cyemerewe kugendwamo

## 2.1.5.ICYICIRO CYA V :Imiyoborere.

**Ingingo ya 17** :

Umuyobozi wese ushaka kugira aho agana ntashobora kubigira atabanje:**k**wiringira ko nabigira ataza gutera ibyago cyangwa ngo abere inkomyi abandi bagenzi bamukurikiye, bamuri imberere cyangwa bagiye kubisikana,akabigira akurikije uko abandi bagenzi bari mu muhanda, aho bagana n'umuvuduko bafite .

Ni nako bigenda nko ku muyobozi wese uvuye ku murongo w'ibinyabiziga cyangwa awugiyemo agana ibumuso cyangwa iburyo, mu muhanda,wambukiranyije umuhanda ukase ibumoso cyangwa iburyo agira ngo anyure mu yindi nzira nyabagendwa cyangwa ngo yinjire ahantu hahana imbibi n'iyo nzira nyabagendwa,avuye aho yari amaze umwanya munini ahagaze,uhaguruka aho yari ahagaze akanya gato,uhindukira cyangwa usubira inyuma.

*Mbere yo kujya ku ruhande rw'umuhanda,* ***u****muyobozi agomba mbere y'igihe kubigaragaza* ku buryo budashidikanywa *akoresheje indanga-cyerekezo cyangwa ibiranga-cyerekezo* by'ikinyabiziga cye cyangwa byaba bidakora, byamushobokera *agakoresha ukuboko* .Icyo kimenyetso cyatanzwe kigomba gukomeza kwerekanwa mu gihe cyose ikinyabiziga kikiyoborwa, ntigikomeza kwerekanwa iyo imiyoborere irangiye .

**Ingingo ya 18** :

*Mu nsisiro, kugirango ibinyabiziga bisanzwe bitwarira hamwe abantu bigende neza*, **abayobozi b'ibindi binyabiziga bagomba,** bitanyuranyije n'ibivugwa mu ngingo ya 17,18 , kugenda buhoro ndetse byaba ngombwa bagahagarara akanya gato *kugirango ibyo binyabiziga* ***bitwarira hamwe abantu bishobore kongera kugenda bihaguruka aho bigomba guhagarara*** **.**

## 2.1.6. ICYICIRO CYA VI: Kubisikana no Kunyuranaho

**Ingingo ya 19 :**

1. Ku byerekeye imyubahirize y'iri teka, *kubisikana no kunyuranaho:* Bireba gusa ibinyabiziga bigenda.
2. *Aho ibinyabiziga bigenda ku mirongo ibangikanye* , gutambukira iburyo abayobozi bagenda ku murongo w'ibumoso ***n****tibifatwa nk'aho ari ukunyuranaho bisobanurwa n'iri teka*

**Ingingo ya 20 :**

**1.** Kubisikana bikorerwa ku ruhande rw'iburyo.

**2.** Umuyobozi wese ubisikana n'undi agomba gusiga ibumoso bwe umwanya uhagije kugirango itambuka ry'undi ryorohe ndetse byaba ngombwa akegera inkombe y' iburyo bw' umuhanda;iyo mu gihe cyo kubisikana abangamiwe n'inkomyi cyangwa n'abandi bagenzi agomba kugenda buhoro kandi byaba ngombwaagahagarara akanya gato kugirango umugenzi cyangwa abagenzi bava mu cyerekezo aganamo bahite.

**3.** Iyo ubugari bw'inzira nyabagendwa igendwaho n'ibinyabiziga budahagije kugirango bibisikane nta nkomyi,abagenzi bategetswe koroherana kugirango batambuke .

**4.** Mu mihanda yo mu misozi no mu zindi nzira nyabagendwa zicuramye cyane cyane aho ibisikana ridashoboka chyangwa riruhije, *Umuyobozi w'ikinyabiziga kimanuka agomba gushyira ku ruhande ikinyabiziga atwaye kugira ngo areke ikinyabiziga cyose kizamuka gitambuke*,keretse iyo hari ubwikingo ibinyabiziga bishobora guhagararamo,uwo mwanya uteye neza ku buryo ;hakurikijwe umuvuduko n'aho ibinyabiziga biri,ikinyabiziga kizamuka cyaba gifite ubwikingo cyangwa kimwe muri ibyo binyabiziga kikaba kigomba gusubira inyuma niba ikinyabiziga kizamuka kitagiye muri ubwo bwikingo .

- ✓ *Iyo byanze bikunze kimwe mu binyabiziga bigiye kubisikana kigomba gusubira inyuma, abayobozi bagomba gusubira inyuma* ni $_1$abatwaye ibinyabiziga bidakomatanye bahuye n'abatwaye ibikomatanye, $_2$abatwaye

- ✓ **i**binyabiziga bito bahuye n'abatwaye ibinini, **4** n'abatwaye imizigo bahuye n'abatwaye ibinyabiziga bitwarira hamwe abantu.
- ✓ *Iyo ibinyabiziga bigomba kubisikana ari ibyo mu rwego rumwe*,1ugomba gusubira inyuma ni umuyobozi w'ikinyabiziga *kizamuka*, **keretse** iyo bigaragara ko gusubira inyuma byoroheye kurushaho ikinyabiziga kizamuka .

**Ingingo ya 21 :**

1. *Kunyuranaho bikorerwa mu ruhande **rw'ibumoso***

*Ariko kunyuranaho bigomba gukorerwa* **iburyo** iyo umuyobozi unyurwaho amaze kwerekana ko 1**A**shaka kugana ibumoso;**y**ajyanye ikinyabiziga cyangwa inyamaswa ayoboye ibumoso bw'umuhanda, kugirango 2 **A**gane ibumoso anyura mu yindi nzira nyabagendwa ;4yinjire ahantu hahana imbibi n'uwo muhanda cyangwa 5 **A**hagarare ibumoso bwawo.

2. *Mbere yo kugira uwo anyuraho umuyobozi wese agomba kwiringira ko :*

a) Nta wundi muyobozi umukurikiye watangiye kumunyuraho;
**b)** Umuyobozi umuri imbere atagaragaje ko ashaka kunyura ku wundi cyangwa se atashatse gukatira ibumoso;
**c)** Igisate cy'umuhanda agiye kunyuramo kitarimo inkomyi ,mu ntambwe zihagije kugirango hakurikijwe ikinyuranyo cy'umuvuduko w'ikinyabiziga atwaye n'uw'abo agiye kunyuraho,imiyoborereye itera impanuka cyangwa ngo ibangamire abagenzi bava aho agana .
**d)** Ashobora kugaruka ibumoso bw'umuhanda atabangamiye umugenzi cyangwa abagenzi yanyuzeho keretse iyo yinjiyemu nzira nyabagendwa igenderwamo mu kerekezo kimwe .

3. *Umuyobozi wese ushaka kunyuranaho agomba ,kwitaza umugenzi cyangwa abagenzi yanyuzeho ku buryo asiga umwanya utarimo inkomyi uhagije utagomba igihe cyose kujya munsi ya santimetero50*

- ✓ *Iyo ikinyabiziga ashaka kunyuraho ari igikuruwe **n'inyamaswa** na none **uwo mwanya ntuje munsi ya metero imwe*** iyo ashaka kunyura ku **m**unyamaguru , ku **k**inyamitende cyangwa ku **ny**amaswa ihetse cyangwa idahetse umuntu .

4. *Umuyobozi ubonye ko hari undi umukurikiye ushaka kumunyuraho:* **Agomba kwegera iruhande rw'iburyo rw'umuhanda atongeye umuvuduko,keretse mu gihe byateganyijwe mu ngingo ya (25,1 B)**
5. *Umuyobozi wese w'ikinyabiziga gifite uburebure bwa **metero 8:*** **Agomba akoresheje ikimenyetso cyabigenewe cy'icyo kinyabiziga, kugaragaza ko yabonye ikimenyetso cy'umuyobozi ugiye kumunyuraho .**

Umuyobozi wese w'ikinyabiziga ushaka kwongera kugenda *agomba***: g**ukomeza guhagarika **i**kinyabiziga cye *kandi akareka ibinyabiziga bigiye kumunyuraho cyangwa guhura nawe bigahita* .

**Ingingo ya 22 :**

1. *Mu mihanda bagendamo mu byerekezo byombi*, **k**unyuraho ibumoso birabujijwe,bitewe n'impamvu nk'ibihu cyangwa kuba hafi y'ikomyi cyangwa y'impinga y'umupando .
2. Kunyuranaho mu ruhande rw'ibumoso birabujijwe iyo umuyobozi ugiye kunyurwaho yerekanye ko ashaka gukatira ibumoso.
3. *Kunyura ku binyabiziga bindi uretse icy'ibiziga bibiri bibujijwe :*

a) **1A**hantu hari ikimenyetso n$^{o}$C,13a kiri kumugereka wa 2 w'iri teka
b) Ako kanya mbere y'uko no mu gihe bava mu masangano yose ,atari ayo bagenderaho bazengurutse keretse :
1. Iyo kugenda mu muhanda biyoborwa n'umukozi ubifitiye ububasha cyangwa n'ibimenyetso by'umuriro
2. Iyo inzira nyabagendwa (inyuranirwamo) itambukirwamo mbere y'izindi nzira zirasuka mu masangano.

c) Mu mihanda ifite ibisate bitarenga 3 iyo umuyobozi unyurwaho nawe ubwe anyura ku kinyabiziga gifite ibiziga bibiri ;
d) **H**afi y'iteme iyo hari umuhanda ufunganye ;
e) **H**afi y'ibice by'umuhanda bimeze nabi cyangwa byerekanwe bityo ;
f) **H**afi y'aho abanyamaguru banyura.

## 2.1.7. ICYICIRO CYAVII: Icyerekezo kimwe.

**Ingingo ya 23:**

1. Kugira ngo habe umutekano mu kugenda mu muhanda , **Umukuru w'Intara**,**ashobora, mu ifasi ashinzwe, gutegeka ko mu mihanda avuze haba icyerekezo kimwe.**

**2. Iyo icyerekezo kimwe ,kireba ishami ry'inzira nyabagendwa mu ntara nyinshi, icyerekezo Gifatwa na Minisitiri ushinzwe imirimo ya Leta akoresheje iteka.**

**Ingingo ya 24:**

- Icyerekezo kimwe gishobora kubaho buri gihe cyangwa kigashyirwa ku masaha amwe namwe gusa.Iyo kugenda mu muhanda bidashobora kunyuzwa mu yindi nzira kuburyo bworoshye,icyerekezo kimwe gishobora gushyirwaho mu buryo busimburana.

## ICYICIRO CYA VIII:Guhindura icyerekezo

**Ingingo ya 25:**

1:*Umuyobozi wese ushaka gukatira iburyo cg ibumoso ava mu muhanda cg ahagarika ikinyabiziga cye ibumoso bw'umuhanda agomba mbere na mbere:* ***Kwerekana aho ashaka kujya*** **nk'uko biteganywa n'ingingo ya 44 y'iri teka:**

**a)** *Yaba akatira iburyo , akegera uko bishobotse kwose iburyo bw'umuhanda* na none uko bishobotse kose akabikorera *ahantu hato kandi agabanyije umuvuduko*, ariko rero ,ashobora kugana ibumoso iyo imiterere yaho hantu cyangwa ingano y'ikinyabiziga cyangwa ibyo gitwaye bidatuma yegera uruhande rw'iburyo rw'umuhanda *kandi akabikora amaze kumenya ko*;**₁** ntamuyobozi umukurikiye watangiye ku munyuraho ko kandi **₂** bitakururira ibyago abayobozi bagenda uko bisanzwe mu nzira nyabagendwa agiye kuvamo n'iyo agiye kujyamo;

**b)** *Yaba akatira ibumoso akagana ibumoso kandi akegera uko bishobotse kose umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri* , ariko atawugiye hejuru, *cyangwa akegera ibumoso bw'igisate cy' umuhanda ,cyabigenewe* , *iyo ari umuhanda ugendwamo mu byerekezo byombi*, cyangwa *akegera uruhande rw'ibumoso rw'umuhanda* ***iyo ari umuhanda w'icyerekezo kimwe*** *kandi akabigira agabanyije umuvuduko* yashaka nanone kugana mu wundi muhanda ugenderwamo mu byerekezo byombi *akabigira* ***kuburyo yawujyamo anyuze iburyo***.

2. *Iyo ari ukugenda mu mirongo ibangikanye* , ***umuyobozi ashobora gukatira iburyo ari uko ari mu murongo w'iburyo, kandi akajya ibumoso ari uko ari mu murongo w' ibumoso.***

3.Mugihe *ahindagura icyerekezo umuyobozi wese* ***agomba kubigira agabanije umuvuduko*** kandi akareka hagahita:

**a)**Ibinyabiziga n'abanyamaguru **₁** ***b****igenda mu muhanda avuyemo* cyangwa **₂** ***b****iwugenda ku ruhande ;*

**b)** ***A****banyamaguru bambukiranya umuhanda* ***a****vuyemo cyangwa uwo* ***a****ganamo.*

## 2.1.9. ICYICIRO CYA IX: Umuvuduko n'umwanya hagati y'ibinyabiziga

**Ingingo ya 26 :**

1.Umuyobozi wese agomba buri gihe kuyobora ikinyabiziga cye yitonze, kandi *akaringaniza umuvuduko wacyo* **1** ***n'uko ahantu hameze***, **2** ***uko habona***,3 ***imimerere y'umuhanda***,**3** ***imimerere y'ikinyabiziga n'ibyo cyikoreye***, **4** ***imiterere y'ikirere***, **5** ***ubwishi bw'ibigenda*** kugira ngo uwo muvuduko utaba intandaro y'impanuka n'imbogamizi y'uburyo bwo kugenda mu muhanda.

- Agomba gushobora guhagarika ikinyabiziga cye akurikije aho ageza amaso n'imbere y'inkomyi yose idatunguranye.
- *Agomba kugabanya umuvuduko kandi byaba ngombwa agahagarara* **bitewe nuko ahantu hameze** 1***nk'igihe hatabona neza***, 2 ***iyo umuhanda urimo inkomyi***, **3** ***iyo ari mu makoni***, **4** ***iyo amashami y'inzira nyabagendwa afunganye cyangwa akikijwe n'amazu***, 4 ***hafi y'impinga z'imipando n'amasangano***, 5 ***kimwe ndetse n'igihe cy' ibisikana cyangwa cyo kunyura ku gatsiko ka banyamaguru n'ibinyabiziga bihagaze cyangwa ishyo ry' inyamaswa n'igihe ari hafi yaho abantu bateraniye.***

2. **B**irabujijwe kubangamira imigendere isanzwe y'ibindi binyabiziga kubera kugabanya umuvuduko ku buryo budasanzwe cyangwa gukacira feri bidatewe no kwirinda ibyago.

3. **B**irabujijwe kwoshya cyangwa gutuma umuyobozi agendana umuvuduko urenze urugero hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

**Ingingo ya 27 :**

*Iyo umunyamaguru yageze mu mwanya wabigenewe,* aho uburyo bwo kugenda mu muhanda butagengwa n'umukozi ubifitiye ububasha cyangwa n'ibimenyetso by'umuriro ,abayobozi bashobora kuhinjira bagabanyije umuvuduko kandi bakahatambuka babonye ko batateza umunyamaguru impanuka;bibaye ngombwa bagomba guhagarara kugirango umunyamaguru abanze atambuke.

**Ingingo ya 28 :**

1. **U**muyobozi wese *agomba kutarenza umuvuduko washyizweho n'amategeko*.

2. ***I****yo ntamategeko awugabanya by'umwihariko*,***umuvuduko ntarengwa w'ibinyabiziga ushyizweho ku buryo bukurikira:***

   a) *Amapikipiki n'imodoka zifite uburemere ntarengwa bw'ibiro 3500 uretse amavatiri cyangwa tagisi n'ibinyabiziga bitwarira hamwe abantu* :**Ibirometero 80 mu isaha;**
   **b)** *Imodoka zikoreshwa nk'amavatiri y'ifasi cyangwa amatagisi zifite uburemere bwemewe butarenga kg 3500* : **ibirometero 70 mu isaha;**
   c) *Imodoka zifite uburemere ntarengwa buri hagati ya kg 3500 na12500,kimwe n'ibinyabiziga bitwarira abantu hamwe bitari byavuzwe kuri b****)*** **: ibirometero 60 mu isaha ;**
   **d)** *Imodoka cyangwa ibinyabiziga bikomatanye bifite uburemere ntarengwa bwemewe cyangwa uburemere bugendanwa burenga ibiro 12.500 kimwe na velomoteri* : **ibirometero 50 mu isaha;**
   **e)** *Ibinyabiziga by'ubuhinzi bifite imipira irambuka cyangwa itarambuka ,imodoka zidafite ibiziceka kubera ko ariko zakozwe , izindi modoka zose zikozwe ku buryo bwihariye ,zitari mu rwego rw'izimaze kuvugwa*: **ibirometero 25 mu isaha ;**

3. ***M****u nsisiro, umuvuduko ntarengwa w'ibinyabiziga ushyizweho ku buryo bukurikira:*

   **a)** ***Imodoka zigenewe gusa gutwara abantu ,uretse ibinyabiziga bitwarira abantu hamwe,kimwe n'imodoka zidashobora kwikorera ibirenze toni imwe*** : **ibirometero 50 mu isaha ;**
   **b)** ***Ibindi binyabiziga byose*** : **ibirometero 40 mu isaha;**

- ✓ **Ba perefe bashobora gutegeka ko mu nsisiro no mu nzira nyabagendwa bavuze haba umuvuduko uri munsi y'ibimaze kuvugwa.**

4. **I**kinyabiziga cyose gifite uburemere ntarengwa burenga toni eshanu (5) kigomba gushyirwaho na nyiracyo cyangwa se ugikoresha, icyapa gihuje n'urugero rwa 1 ruri ku mugereka wa 8 w'iri teka kandi kerekana umuvuduko ntarengwa ikinyabiziga kidashobora kurenza .
5. *Icyo cyapa kigomba gushyirwa inyuma y'ikinyabiziga ku ruhande rw'iburyo* ***.kigomba kugira umurambararo wa santimetero 21 kandi ubugari bw'umuzenguruko utukura bugomba kugira santimetero 3,imibare ikagira ubuhagarike bwa santimetero 17 n'ubugari bwa santimetero 45 n'ubunini bwa santimetero 1.***
6. *Ariko rero, ku byerekeye ibinyabiziga by'ingabo z'igihugu, ikimenyetso cy'umuvuduko ntarengwa ikinyabiziga kigomba kugira gishobora kwandikwa inyuma yacyo ku ruhande rw'iburyo hakurijwe ishusho,ubunini n'amabara amwe nk'ayi'icyapa kimaze kuvugwa haruguru.*

**Ingingo ya 30 :**

- ✓ Hanyuranyijwe n'ibimaze kuvugwa ,iteka rya Minisitiri ushinzwe imirimo ya Leta rishobora gushyiraho imivuduko ntarengwa inyuranye ku nzira nyabagendwa zimwe cyangwa zose .

**Ingingo ya 31:**

1.Umuyobozi w'ikinyabiziga gikurikiye ibindi agomba gusiga umwanya witaje uhagije hagati y'icye n'icyo akurirkiye kugirango atakigonga mu gihe agabanyije umuvuduko cyangwa gihagaze ku buryo butunguranye.

2. Ahatari mu nsisiro ,umuyobozi wese ugenza ikinyabiziga kimwe cyangwa ibinyabiziga bikomatanye bifite uburemere ntarengwa bwemewe burenga ibiro 3500 cyangwa bifite uburebure bwite burenga metero 10, agomba, keretse iyo anyuze cyangwa agiye kunyura ku bindi binyabiziga,gusiga hagati y'ikinyabiziga cye n'ikimuri imbere umwanya uhagije kugirango ibinyabiziga bimuhiseho bishobore kuhigobeka bidateje impanuka igihe bibaye ngombwa.

3. Nyamara ariko,ibi bitegetswe ntibikurikizwa mu gihe ibigendera mu muhanda ari byinshi kimwe no mu duce tw'inzira nyabagendwa aho kunyuranaho bibujijwe.

## 2.1.10.ICYICIRO CYA X : Guhagarara umwanya muto no guhagarara umwanya munini

**Ingingingo ya 32**

**U**retse igihe hari amategeko yihariye akurikizwa muri ako karere cyangwa imitunganyirize bwite y'aho,***ikinyabiziga cyose cyangwa inyamaswa ihagaze umwanya muto cyangwa munini igomba kuba iri :***

a) ***Mu kuboko kw'iburyo hakurikijwe aho yaganaga*** *keretse iyo ari umuhanda w'icyerekezo kimwe ari nabwo nanone* ***ishobora kuba iri ibumoso bw'umuhanda*** ;

b) ***Ahegereye bishobotse akayira k'abanyamaguru iyo umuhanda ugafite****,ariko umwanya uri hagati y'ibiziga n'akayira ntube urenga santimetero mirongo itanu 50cm ;*

c) Kure cyane bishobotse y'umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri kandi byaba ngombwa ikaba iri ahitaruye umuhanda mu mwanya uri mu mpande zawo cyangwa,ahatari insisiro,ku ruhande rwose rutagenewe ku buryo bw'umwihariko abandi bagenzi;

d) Iyo ari umwanya wo ku ruhande wagenewe *abanyamaguru,umuyobozi agomba kubasigira akanya gafite byibura* **metero imwe** y'ubugari kugira ngo bashobore kugenda batagombye kunyura mu muhanda .

2. Uretse igihe hari amategeko yihariye y'aho hantu cyangwa imitunganyirize bwite yaho ibinyabiziga bihagaze mu muhanda umwanya muto cyangwa munini bigomba kuuba bitonze umurongo ubangikanye n'inkombe y'umuhanda.

*3. Birabujijwe guhagarika umwanya munini mu gihe kirenze iminsi 7 ku nzira nyabagendwa:*

a) Ibinyabiziga bifite moteri bitagishoboye kugenda kimwe na romoruki ;

b) Mu nsisiro, ibinyabiziga n'ibinyabiziga bikomatanye bifite uburemere ntarengwa bwemewe burengeje ibiro 3500,keretse ahantu hari ikimenyetso n$^{o}$ E 20 .

4. **U**muyobozi ntashobora gusiga ikinyabiziga cye cyangwa inyamaswa ze atabanje kwiringira ko nta mpanuka iyo ari yo yose iri bube, kandi nanone yaba ari ikinyabiziga gifite moteri, atabanje kwiringira ko kitakoreshwa nta ruhushya rwe.

5. ***Birabujijwe gukingura umuryango cyangwa kuva mu kinyabiziga cyangwa kukijyamo*** **utabanje kwiringira ko bidashobora gutera ibyago cyangwa kutabera imbogamizi abandi bari mu nzira nyabagendwa.**

6. *Ikinyabiziga cyose* ***uretse velomoteri cyangwa ipikipiki idafite akanyabiziga kari ku ruhande*** *gihagaritswe ku muhanda* **kigomba** ***kurangirwa kure n'ikimenyetso cyabigenewe kiri ahantu hagaragara, kugir ngo kiburire hakiri kare abandi bayobozi baza bagisanga:***

**a) I**yo ikinyabiziga gihagaritswe n'ijoro ku buryo abayobozi bakigana badashobora kumenya ko bibabereye imbogamizi;

**b)I**yo umuyobozi agombye guhagarika ikinyabiziga ahantu habujijwe guhagarara.

✓ *Ikinyabiziga cyahagaritswe gishobora kurangwa, bitewe nuko ibintu bimeze ,* ***1n'ikimenyetso cya mpande eshatu yerekana ahashobora gutera ibyago yateganyijwe ku ngingo ya 88,5,a)*** no **2 *gucanira rimwe amatara ndanga cyerekezo amyatsa cyangwa se bagakoresha 3 itara ritwarwa mu ntoki rimyatsa ry' umuhondo cyangwa risa n' icunga rihishije.***

***7 .Uretse amategeko yihariye akurikizwa muri ako karere***, *umwanya usigara hagati y'ibinyabiziga bibiri bihagaze umwanya munini ku ruhande rumwe rw'umuhanda ubisikanirwamo kandi utuma hahita ibinyabiziga bibiri gusa,* ***ugomba kuba nibura metero 5 iyo ari munsisiro, na metero 20 ahatari mu nsisiro .***

**Ingingo ya 33.**

1. Birabujijwe guhagarika akanya gato cyangwa kanini ikinyabiziga cyangwa inyamaswa ahantu hose bigaragara ko hashobora guteza ibyago cyangwa kubera imbogamizi abandi bagenzi bitari ngombwa.

***2. Guhagarara akanya gato no guhagarara akanya kanini bibujijwe cyane cyane :***

**a)** **1** Mu duhanda tw' abanyamagare no **2** mubice by' umuhanda byagenewe abanyamaguru velomoteri n'abagenzi bambukiranya umuhanda **3**.ahatari nibura metero 5 hino yaho abanyamaguru bambukira;

**b) M**u nzira z'abanyamaguru , no mu nsisiro ,ari ku nkengero ziciye hejuru,keretse iyo hari amategeko yihariye akurikizwa muri ako karere;

**c) M**u ruhande ruteganye n'urwo ikindi kinyabiziga gihagazemo akanya gato cyangwa kanini ari :

***-Ku mihanda ibisikanirwamo iyo ubugari bw'umwanya w'ibinyabiziga bigomba gutuma bibisikanirwamo budafite metero 6;***

***-Ku mihanda y'icyerekezo kimwe iyo ubugari bw'umuhanda usigaye w'ibinyabiziga bigomba gutuma buba butagifite metero eshatu***

**d)** Hejuru no munsi y'amateme no mu mihanda inyura ikuzimu ,keretse hari amategeko yihariye akurikizwa muri ako karere.

**e)** Muri metero ziri hasi y'icumi 10 uhereye ku nkombe iri bugufi bw'umuhanda wambukiranya keretse iyo hari amategeko yandi yakurikizwa muri ako karere kimwe no mu mwanya ugizwe n'aho iyo mihanda ihuriye;

**f)** $_1$Mu muhanda , $_2$ mu ikoni cyangwa hafi y'impinga y'umupando iyo kureba mu byerekezo byombi bihuriye kuri *metero 20* nibura mu nsisiro cyangwa *kuri metero 100* nibura ari ahatari insisiro.

**g)** Ahatagejeje muri metero 2nibura hino y'ikimenyetso cy'umuhanda cyangwa hino y'ikimenyetso cy'umuriro cyerekana uburyo bwo kugenda mu muhanda**;**

**h)Ku mihanda ibisikanirwamo;iyo kunyura ku kinyabiziga gihagaze akanya gato byatuma barenga umurongo urombereje mu muhanda;**

**i)A**hari ibimenyetso bibuza byabigenewe

***3. Ikinyabiziga kibujijwe guhagarara akanya kanini :***

a) **I**mbere y'ahantu nyabagendwa hinjirwa n'ahasohokera abantu benshi ;
b) Mu masaha bafunguriraho imbere y'ahinjirwa n'ahasohokerwa *hagenewe imyidagaduro*;h'amashuri n'amazu y'imyidagaduro ;
*c)* Imbere y'aho binjirira mu duhanda tujya mu bibanza byadikanye ***usibye ibinyabiziga bifite numero z'ibyapa byazo zanditswe aho hantu ku buryo busomeka ;***
d) Ahantu hose ikinyabiziga cyabuza kugera ahateganyijwe guhagararamo hari hirya y'umuhanda ;
e) ***Ahantu abanyamaguru bagomba kunyura kugirango bakikire inkomyi*** ;
f) Ahatarengeje muri metero 1,haba imbere cyangwa inyuma y'ikindi kinyabiziga gihagaze akanya gato cyangwa kanini n'ahandi hose ikinyabiziga cyabuza kugeraku kindi kinyabiziga gisanzwe gihagaze mu buryo bukwiye cyangwa cyahita kihava.
g) Ahatarengeje muri metero 15 kuva imbere n'inyuma z'ikimenyetso cyerekana aho ikinyabiziga cyagenewe gutwara abantu gihagarara akanya gato ;
*h)* ***Mu muhanda hagati mu nzira ugizwe n'imihanda itatu .***
*i)* Mu muhanda aho ugabanyijemo ibisate bigaragazwa n'imirongo idacagaguye ;
*j)* Mu muhanda ahakurikiye umurongo w'ibara ry'umuhondo ugizwe n'uduce, wateganyijwe ku ngingo ya 110,8y'iri teka.
*k)* Mu muhanda wo hagati ugizwe n'imihanda itatu;
*l)* Ahatari mu nsisisro ,ku muhanda w'inzira nyabagendwa w'abagomba gutambuka mbere ugaragazwa n'ikimenyetso n°B,3
*m)* Iyo ubugari bw'umwanya usigaye ku muhanda bwaba butagifite metero 3;
*n)* Ahadafite metero 1 kuva ku mpande z'ahashyizwe uruhombo amazi azimya umuriro;
*o)* Ahantu ho kugenda ibinyabiziga byo ku mirayirayi byababagnamirwa;
*p)* Ahantu hari ibimenyetsobibibuza byabigenewe

**Ingingo ya 34 :**

Ikinyabiziga kibujijwe guhagarara akanya ahantu hagaragazwa n'icyapa n°C 20 cyangwa C 20b

**Ingingo ya 35 :**

*Iyo umuyobozi w'ikinyabiziga adahari* ,umukozi ubifitiye ububasha ashobora guhita agikuzaho ariko ibyacyangirikaho n'amafaranga yo kugikuzaho,bikabarwa kuri Leta keretse iyo icyo kinyabiziga cyahashyizwe ku buryo bunyuranijwe n'amategeko yerekeye guhagarara akanya gato cyangwa kanini.
Ubwo buryo ntibushobora gukoreshwa mu nzira nyabagendwa n'undi mugenzi atabifashijwemo n'umukozi ubifitiye ububasha.

## 2.1.11. ICYICIRO CYA XI : Ibinyabiziga ndakumirwa

**Ingingo ya 36 :**

1.*Intabaza zihariye zirabagirana z'ibinyabiziga ndakumirwa zigizwe n'itara rimwe cyangwa n'amatara menshi amyatsa y'ubururu* ***zigomba gukoreshwa igihe ikinyabiziga ndakumirwa kiri mu butumwa bwihutirwa .***
2. *Uretse intabaza ndangururajwi ziteganijwe ku ngingo ya 83,****ibinyabiziga ndakumirwa bifite intabaza yihariye itanga amajwi nk'arongoroye cyangwa y'inshengera – matwi.***
*3.Intabaza ndangururajwi ikoreshwa mu gihe ikinyabiziga ndakumirwa kiri mu butumwa bwihutirwa.*

**Ingingi ya 37 :**

*Iyo umugenzi ari mu nzira nyabagendwa asatiriwe n'ikinyabiziga ndakumirwa kirangwa n'intabaza ndangururajwi yihariye ,* ***agomba kugihigamira ako kanya ndetse byaba ngombwa agahagarara .***

2. *Uretse ibyo bategekwa n'abakozi babifitiye ububasha bakaba kandi batateza ibyago,* ***abayobozi b'ibinyabiziga ndakumirwa ntibategetswe kubahiriza amategeko yerekeye umuvuduko ntarengwa n'ayerekeye ibimenyetso by'umuriro byerekana uburyo bwo kugendera mu nzira nyabagendwa iyo guhita kwabyo kurangwa n'intabaza yihariye.***

## 2.1.12. ICYICIRO CYA XII :Imirongo y'abasirikare,udutsiko tw'abanyeshuri ,imperekerane

**Ingingo ya 38 :**

1. Imirongo yose y'ingabo n'agatsiko kose k'abanyamaguru bari ku muhanda *bategetse kugendera ku ruhande rw'iburyo bw'umuhanda no gusiga umwanya uhagije kugirango ibinyabiziga bihite .*
2. **Abagendera mu nzira nyabagendwa babujijwe kwata :**

   a) ***Umurongo w'abasirikare bagenda cyangwa imirongo y'ibinyabiziga by'ingabo z'igihugu zigenda mu muhanda ;***
   b) ***Mu murongo w'abanyeshuri bashorewe n'umwarimu;***
   c) ***Uruhererekane*** ;

Izi nkomyi zikurikizwa ku binyabiziga ndakumirwa.
3. Abagenzi bari mu nzira nyabagendwa bagomba kumvira ibyo bategetswe n'abasirikare bubahiriza umutekano kugirango abasirikari batambuke neza.

## 2.1.13. ICYICIRO CYA XIII : Amasiganwa n'andi marushanwa mu mikino

**Ingingo ya 39 :**

1. *Uretse iyo ubutegetsi bwabitangiye uruhushya ,****birabujijwe gusiganirwa mu nzira nyabagendwa ,mu mihanda no mu duhanda tw'amagare ,kuhakinira cyangwa kuhakorera ibindi bikorwa by'imikino byabera imbogamizi uburyo bwo kugendera mu muhanda.***

2. *Uruhushya rugomba gusabwa* 1**u**muyobozi w'akarere ,2**u**mukuru w'intara cyangwa 3**M**inisitiri ushinzwe ubutegetsi bw'Igihugu,iyo 1 *ibyo bibera mu karere kamwe* , 2 mu gice kirenze akarere kamwe gusa 3 cyangwa kirenze intara imwe .
3. Uruhushya ruvugwa muri iyi ngingo rusabwa gusa abategura amasiganwa cyangwa andi marushanwa y'ibinyabiziga ,*iyo berekanye ko bafite ubwishingizi* bwemeza ko uburyozwe cyangwa ibizaba ku mubiri w'abarushanwa cyangwa ku bizangirika ku bintu by'abaje kureba iyo mikino byagombaga kubabarwaho bizatangirwa indishyi.
4. **A**bategura amarushanwa y'imikino kunzira nyabagendwa *bagomba na none kwishingira amafaranga atangwa hakurikijwe uburyo bushyizweho n'iteka rya Perezida* mu gihe cyo kubahiriza ku budasanzwe umutekano wa rubanda no kubahiriza amategeko y'uburyo bwo kugendera mu muhanda.

## 2.1.14.ICYICIRO CYA XIV: Kwambuka amateme n'ibyome

**Ingingo 40:**

1. Iyo kunyura ku iteme biteye impungenge uburemere ntarengwa bwemewe kimwe n'amabwiriza agomba gukurikizwa *byerekanwa n'ibyapa bishyirwa mu ntangiriro z'iryo teme ku buryo abayobozi b'ibyo binyabiziga babibona ku buryo buhagije.*
   Iyo byihutirwa,Umuyobozi w'akarere cyangwa umukozi w'ahongaho ushinzwe amateme n'imihanda ashobora gufata ibyemezo by'agateganyo kugira ngo abahanyura batagira impanuka.

6. *Uretse igihe icyapa kibyerekana ukundi,**uburemere ntarengwa ku mateme akozwe mu nziga z'ibiti cyangwa mu mbaho ni Toni 8. Cyakora, Perefe ashobora gushyira uburemere ntarengwa buri munsi y'izo toni,bitewe n'uko ibintu byifashe,nk'igihe iteme rishaje.***

3. *Iyo begereye ibyome,**abayobozi bagomba gutonda umurongo umwe no guhagarara iburyo bw'umuhanda igihe bagitegereje gutambuka.***

***Nyamara ibijnyabiziga bigiye kuvugwa bitambuka mbere y'ibindi kandi muburyo bukurikira :***

- ✓ ***a)Ibinyabiziga bitwaye abarwayi cyangwa inkomere kimwe n'ibijyanye abaganga bahururijwe kuvura byihutirwa;***
- ✓ ***b) Ibinyabiziga ndakumirwa*** bifite uburenganzira bwo guhita mbere bivugwa ku ngingo ya 2,31 y'iri teka;
- ✓ **c)** Ibinyabiziga bitwaye umuntu ufite icyemezo kimwanditseho cyo guhita mbere cyatanzwe na perefe ,bitewe n'uko bifitiye rubanda akamaro;
- ✓ d).***Ibinyabiziga bitwaye ubutumwa bwanditse bifite ikimenyetso kibiranga*** ;
- ✓ *f)* ***Ibinyabiziga bitwaye amatungo.***

4. *Uretse umuyobozi n'abagiherekeje abantu bose bari mu kinyabiziga bagomba kukivamo mbere yuko gishyirwa mu cyome.*

   Igihe bava mu cyome ku nkombe yo hakurya umuyobozi n' abaherekeje ikinyabiziga nibo bonyine bashobora kujyamo.

5.Umuyobozi w'imodoka agomba kumanura ibirahuri mbere yo kugishyira mu cyome na mbere yo kuyikuramo ageze ku nkombe yo hakurya.

7. Uburemere ntarengwa bwemewe bujya mu cyome bwerekanwa n'i byapa biri kuri buri nkombe. Perefe ashobora gushyiraho amabwiriza yose abona ko ari ngombwa mu kubahiriza umutekano w'abambukira mu byome.

## 2.1.15. ICYICIRO CYA XV: Uko amatara akoreshwa

**Ingingo ya 41:**

Kubyerekeye kwerekena ibinyabiziga n'ukumurika kwabyo 'ndetse no kwerekana ihindura ry'ibyerekezo byacyo n'umuvuduko, birabujijwe gukora andi matara cyangwa utugarurarumuri uretse ibitegetswe cyangwa ibiteganywa n'iri teka.
Ibimaze kuvugwa ntibyerekeye gukoresha amatara ari imbere mu modoka mu gihe bitabangamiye abandi bayobozi.

# 1. Amatara – ndanga.

**Ingingo ya 42:**

**1.** *Iyo kuva bwije kugeza bukeye cyangwa bitewe n'uko ibihe bimeze,* ***nk'igihe cy'ibihu cyangwa cy'imvura nyinshi niba bitagishoboka kubona neza muri metero 200, ukuba mu nzira nyakbagendwa kw'abagenzi, kw'ikinyabiziga, kw'imitwaro n'amatungo kugomba kugarahgazwa ku buryo bukurikira:***

***a) Ibinyamitende*, *velomoteri n'amapikipiki bidafite akanyabiziga ko kuruhande uretse ikinyamitende na velomoteri bidafite umuyobozi :***

- ***Imbere itara rimwe ryera*** cyangwa ry'umuhondo cyangwa se risa n'icunga rihishije(itara ndangambere).

- ***Inyuma itara rimwe ritukura(itara ndanga nyuma)***

*Ibi bimaze kuvugwa ntibikurikizwa kubinyabiziga bivuzwe haruguru* , ***iyo kubera uko byahanzwe, bidafite batiri,kandi bikaba bihagaze akanya gato cyangwa kanini murusisiro kimwe no kuruhande rw'umuhanda.***
***b) ibinyabiziga bigendeshwa na moteri bitari velomoteri cyangwa amapikipiki bidafite akanyabiziga ku ruhande :***

- Inyuma, n'amatara abiri atukura (amatara ndanganyuma)

***c) Imodoka zikuruwe n'inyamaswa, ingorofani, inyamaswa zitwaye imizigo cyangwa zigenderwamo kimwe n'amatungo bigomba kurangwa:***

- Imbere n'itara ryera cyangwa ry'umuhondo cyangwa se risa n'icunga rihishije (itara ndangambere)

- Inyuma n'itara rimwe ritukura (itara ndanganyuma)

Ayo matara ashobora guturuka ku isoko imwe itanga ahagana imbere urumuri rwera cyangwa rw'umuhondo cyangwa se rusa n'icunga rihishije,kandi inyuma igatanga urumuri rutukura cyangwa ayo matara agasimburwa n'itara rimwe rityerekezo byose urumuri rusa n'icunga rihishije cyangwa ry'umuhondo cyeretse iyo ikinyabiziga cyangwa ibinyabiziga bikomatanye bikururwa n'inyamaswa bifite uburebure burenga metero6 harimo n'imitwaro cyangwa iyo inyamaswa zigize umukumbi w'inyamaswa 6 byibura .ayo matara ashobora gutwarwa n'umuyobozi cyanwa umuherekeza ugenda ahegereye ibumoso bw'ikinyabiziga cyangwa bw'inyamaswa.
***d) ibinyabiziga bihinga n'ibindi bikoresho byihariye bikoreshwa n'ibigo bipatana imirimo:***

- byaba amatara ateganyijwe ku mugemo b)
- cyangwa ku matara ateganyijwe ku mugemo c*)*

**Ibyo binyabiziga bipfa kutarenza gusa umuvuduko wa kirometero 20 ku isaha kandi uburebure bwayo habariwemo ibyo bitwaye bukaba butarengeje metero 6.**

***e) Ibindi binyabiziga iyo bigenda mu muhanda bigomba kugira*** **:**

- Imbere,itara ryera cyangwa ry'umuhondo cyangwa risa n'icunga riihishije riri lkuruhande rwibumoso rw'ikinyabiziga.
- Inyuma,itara ritukura riri kuruhande rw'ibumoso rw'ikinyabiziga.

**Ibinyabiziga bigendwamo n'abana kimwe n'ingoronfani n'ibimuga cyangwa abarwayi ntibitegetse kugira ibimyenyetso byerekana iyo byambukiranya umuhanda cyangwa bigenda ku ruhande rwawo**

e) Imirongo y'ingabo z'igihugu zigendera kuri gahunda n'utundi dutsiko twose tw'abanyamaguru nk'imperekerane cyagwa udutsiko tw'abanyeshuri bari kumurongo bayobowe n'umwarimu iyo bagenda mu .muhanda, kwisonga hakaba hari abantu barenze umwe:

- *Imbere, n'itara ryera ritwariwe kuruhande rw'ibumoso n'umuntu uri kumurongo w'imbere hafi y'umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri.*

- *Inyuma, n'itara ry'umutuku ritwariwe kuruhande rw'ibumoso n'umuntu uri kumurongo w'imbere hafi y'umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri .*

Impande z'iyo mirongo cyangwa z'utwo dutsiko; iyo uburebure bwazo burenga metero 6,zigomba kugaragazwa n'itara rimwe cyangwa menshi yera cyangwa y'umuhondo cyangwa asa n'icunga rihishije.

***Imitwe y'ingaboziri mu myitozo ntizitegetswe kugira ibimenyetso biziranga, muri icyo gihe ibigomba gukorwa kugirango abagenzi bagire umutekano bitegekwa na Minisitiri ushinzwe ingabo z'igihugu.***

**g) Romoruki**

- Iyo ziziriritse ku binyabiziga bivugwa mu mugemo A:

  *Itara ryera cyangwa ry'umuhondo cyangwa risa n'icunga rihishije riri kuri romoruki inyuma iyo uburumbarare bwayo cyangwa ibyo yikoreye bituma itara ry'ikinyabiziga gikuru ritagaragara;*

- Iyo ziziritse ku bindi binyabiziga byose; n'amatara ndangambere n'ayandanganyuma ateganyijwe ku binyabiziga bikurura.

***h)Ibinyabiziga cyangwa imitwaro bifite ubugari burenga metero2,50 :***

- ✓ Imbere n'inyuma; n'amatara ateganywa ku mugemo b) w'iyi ngingo;
- ✓ Imbere n'inyuma kandi kuri buri ruhande, ndetse byabangombwa no ku mpande y'amabondo y'ikinyabiziga cyangwa y'imitwaro, n'itara ndangaburumbarare risa n'icunga rihishije cyangwa ry'umuhondo.

2. ***Amatara ndangambere n'aya ndanganyuma y'imodoka zitarengeje metero 6 z'ubureburena metero 2 z'ubugari habariewemo imitwaro kandi nta kindi kinyabiziga kiziritseho, ashobora gusimburwa n'amatara yo guhagarara umwanya munini iyo ibyo binyabiziga bihagaze umwanya muto cyangwa munini mu nsisiro bibangikanye ku ruhande rw'umuhanda;***

**A**yo matara azaba yera cyangwa asa n'umuhondo ahagana imbere n'umutuku ahagana inyuma
Itara cyangwa amatara yo guhagarara umwanya munini ku ruhande rw'umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri niyo yonyine agomba gucanwa.

Amatara kamenabihu y'inyuma ntashobora gukoreshwa atari uko inkomyi zo kubona neza ,imiterere y'ikirere mu buryo bwo kubona neza nk'igihu cyangwa imvura nyinshi bituma ntawe ubona hirya ya metero 100.

## II. AMATARA MAGUFI N'AMATARA MARENARE

**Ingingo ya 43:**

1. *Amatara magufi n'amatara maremare agomba gucanirwa rimwe n'amatara ndanga* **iyo hagati yo kurenga no kurasa kw'izuba cyangwa bitewe n'uko ibihe byifashe, nk'igihe cy'igihu cyangwa cy'imvura nyinshi, bidashobotse kubona neza muri metero zigeze ku 100.**

2. *Nyamara amatara magufi n'amatara maremare agomba kuzima iyo ikinyabiziga gihagaze umwanya muto cyangwa munini.*

3. ***Amatara maremare y'ikinyabiziga agomba kuzimwa :***

   **a)** *Iyo umuhanda umurikiwe hose bihagije,* kugira ngo umuyobozi ashobore kureba neza muri meterozigeze ku 100 ;
   **b)** *Iyo ikinyabiziga kigiye kubisikana n'ikindi,hakiri intambwe zihagije* kugirango icyo kinyabiziga gishobore gukomeza kugenda mu buryo bucyoroheye kandi butagiteza ibyago,akabikora mu gihe umuyobozi acana azimya vuba vuba amatara maremare yerekana ko ahumwe;

   **c)** *Iyo ikinyabiziga gikurikiye ikindi mu ntambwe zitagera kuri metero 50,* keretse iyo umuyobozi wacyo ashaka kunyura akurikiye acana azimya vuba vuba amatara maremare.

4. *Amatara magufi y'amapikipiki na velomoteri bigenda mu nzira nyabagendwa agomba gukoreshwa igihe cyose no muburyo bwose.*

5. *Amatara kamenabihu y'imbere y'ikinyabiziga akoreshwa gusa* $_1$iyo imiterere y'ikirere nk'igihe cy'ibihu cyangwa icy'imvura nyinshi bitumantawe ubona neza nko muri meteo 100, $_2$iyo ikinyabiziga kigenda mu nzira nyabagendwa ifunganye irimo amakoni menshi.

***Ayo matara kamenabihu ashobora gusimbura n'amatara yo kubisikana cyangwa amataray'urugendo.***

6. ***Amatara ndanga agomba gucanirwa rimwe n'amatara yo kubisikana, n'amatara y'urugendo cyangwa n'amatara kamenabihu.***

7. *Amatara yo gusubira inyuma acanwa gusa igihe cyo gusubira inyuma*,nta na rimwe agomba kubangamira abandi bagenzi.
8. *Amatara ashakisha acanwa gusa igihe ari ngombwa kandi atabangamiye abandi bayobozi.*

## III.Kwerekana guhindura icyerekezo cy'umuvuduko.

**Ingingo ya 44:**

*Umuyobozi ushaka guhindukiza ikinyabiziga cyangwa kukiganisha ku ruhande,nko kugikata mu masangano kuva mu muhanda cyamgwa kugihagarika ibumoso bw'umuhanda,* **agomba: *kubanza kubigaragaza neza kandi ku buryo buhagije, akiri muri metero 50 nibura, akoresheje itara cyangwa amatara ndanga cyerekezo y'ikinyabiziga cye cyangwa yaba atayafite ,akabikoresha ukuboko kwe.Uko kubyerekana kugomba kurangirana n'icyo yashakaga gukora.***

**Ingingo ya 45:**

*Umuyobozi ushaka kugabanya umuvuduko w'ikinyabiziga cye* **agomba** *kubyerekana.**Uko kubyerekana kugomba kugaragazwa n'amatara yo guhagarara,*** **yaba ntayo** *bikerekanishwa ukuboko.*

**Ingingo ya 46:**

*Ukwerekana guhindura icyerekezo cyangwa umuvuduko ntibibuza umuyobozi gukurikiza ibyo agomba gukora bitewe n'umwanya abandi bagenzi barimo n'umuvuduko bafite.*

## 2.1.16. ICYICIRO CYA XVI: Gukoresha imburira n'imikandara yo kwirinda ibyago

**Ingingo ya 47 :**

1. Birabujijwe gukoresha izindi mburira atari iziteganyijwe n'iri teka

2. *Gukoresha amahoni bigomba kumara umwanya muto* uko bishobotse kose kandi igihe hari impamvu zo kwirinda impanuka cyangwa igihe atari mu nsisiro,kugirango *umuyobozi uri imbere amenyeshwe ko bagiye kumunyuraho* .
3. *Hagati ya saa kumi n'ebyiri za n'ijoro no kurasa kw'izuba*, keretse iyo hagiye kuba impanuka ,amahoni agomba gusimbuzwa imburira zimurika ,hakoreshejwe gucana uzimya vuba vuba amatara magufi cyangwa hasimbuzwa vuba vuba amatara magufi n'amatara maremare .
4. *Imburira zimurika zemewe zikoreshwa kugirango bamenyeshe umuyobozi ko bagiye kumunyuraho* haba mu nsisiro cyangwa ahandi hose.
5. *Birabujijwe gukoresha amahoni cyangwa gusakurisha cyane moteri ahegereye* ***inyamaswa zikurura, izikoreye ibintu cyangwa amatungo.***
6. Ibivugwa mu gika cya 2n'icya 3 by'iyi ngingo ntibikurikizwa ku byerekeye ibinyabiziga ndakumirwa.

**Ingingo ya 47 bis**

Abagenzi bicaye ku ntebe zifite imikandara kimwe n'umuyobozi w'ikinyabiziga bagomba kurumanya neza imikandara yabo.

## 2. 2. UMUTWE WA II : Amategeko y'umwihariko areba bamwe mu bagenzi

### 2.2.1. ICYICIRO CYA I : Abanyamaguru

**Ingingo ya 48 :**

1. **U**retse iyo hari amategeko yihariye yerekanwa n'ibimenyetso,utuyira turi ku mpande z'umuhanda n'inkengero zigiye hejuru bihariwe abanyamaguru.

Abnyamaguru batatanye cyangwa bagize udutsiko tudafatanyije gahunda kandi batanayobowe n'umwarimu *Bategetswe kunyura mutuyira turi kumpande z'umuhanda no kunkengero zigiye hejuru uretste ubutaka butsindagiye butandukanya imihanda ibiri bwo bunyurwamo gusa n'abanyamaguru bashaka guhagarara akanya gato igihe bambukiranya umuhanda*

*2.Iyo hatari utuyira kumpande z'umuhanda cyangwa inkengero zigiye hejuru, cyanwa bidashobora kugendwa.abanyamaguru bagomba kunyura mu tuyira turi ku musezero w'umuhanda,bapfa gusa kutabuza cyangwa kutabangamira uburyo bwo guhagarara akanya gato,bwo kubisikana cyangwa kunyuranaho by'abayobozi,bibaye ngombwa bagomba kwegera uruhandea rw'inyuma rw'inkengero y'umuhanda*

*3.Iyo nta nkengero y'umuhanda* iringaniye cyangwa idashobora kugendwamo ,abanyamaguru bashobora kunyura *mu kayira k'abanyamagare cyangwa se mu muhanda.*

*4.Iyo banyuze mu kayira k'abanyamagare,* ***abanyamaguru bagomba kureka abanyamagare n'abagendera kuri velomoteri bagahita.***

***5. A****banyamaguru ntibashobora kwambukinya umuhanda batabanje kumenya ko bashobora kubigira bitabateye ibyago kandi bitabangamiye ibinyabiziga bigenda.Bagomba kunyura mu myanya yabageteganyirijwe iyo iri ahatageze kuri metero 50.*

6.*Ahari ibimenyetso by'amatara byagenewe abanyamaguru* ,abo ***bagomba kubahiriza ibyerekanwa n'ayomatara;*** *Aho uburyo bwo kugenda mu muhanda butanzwe n'umukozi ubifitiye ububasha cyangwa amatara* ***,abagenzi bashobora kwambukiranya umuhanda uko uburyo bwo kugenda mu muhanda butanzwe mu cyerekezo bajyamo .***

7. Nta narimwe abagenzi bashobora gutinda mu muhanda cyangwa kuhahagarara keretse iyo hari impamvu.

8.Iyo umuhanda ugabanyijemo ibice byinshi bitandukanyijwe n'akihugiko kamwe cyangwa ubutaka butsindagiye,abanyamaguru bageze muri kimwe muri ibyo bice ntibashobora kwambuka ikindi gice gikurikiraho batubahirije ibivugwa cyangwa ibitegetswe n'iyi ngingo .

9.***Abantu batwaye utunyabiziga tw'abana, abarwayi,cyangwa utw'ibimuga bubahiriza ibyo abanyamaguru bategetswe,*** ni nako ibimuga byitwaye mu tunyabiziga twabyo bigomba kubigenza,bipfa gusa kutihuta birengeje umunyamaguru ugenda bisanzwe .

### 2. 2.2. ICYICIRO CYA II : Ibinyabiziga biherekeranyije mu butumwa

**Ingingo ya 49 :**

***1.*** *Hagati y'imodoka ziherekeranyije mu butumwa zigamije urugendo rumwe* ***hagomba kuba byibura metero 30***

***2. Ibinyabiziga biherekeranyije mu butumwa ntibishobora gutonda uburebure burenga umurongo wa metero 500 iyo bibaye bityo ibinyabiziga biherekeranyije mu butumwa bishobora kugabanywamo amatsinda atonze umurongo atarengeje metero 50 z'uburebure kandi hagati yayo matsinda hakaba byibura metero 50 .***

Ariko rero ayo mategeko amaze kuvugwa haruguru ntakurikizwa ku binyabiziga by'abasirikare biherekeranyije.

a) Mu nsisiro ;
b) Kuva bwije kugeza bukeye ;
c) Igihe igihu kibuditse,kigatuma badashobora kureba neza muri metero30 byibura .

3. *Ikinyabiziga cyambere mu biherekeranyije mu butumwa****, kigomba gushyirwaho icyapa cy'umuhondo cyanditseho mu nyuguti zitukura «ATTENTION CONVOI » aya magambo akaba asomeka neza ku manywa muri metero 100*** *.*
*Ikinyabiziga cya nyuma mu biherekeranyije mu butumwa* ***kigomba gushyirwaho inyuma icyapa cy'umuhondo cyanditseho mu nyuguti zitukura « FIN DE CONVOI » aya magambo akaba asomeka neza ku manywa muri metero 100 .***

✓ **Ibinyabiziga biherekeranyije bya gisirikare birangwa n'amabwiriza ashyirwaho na Minisitiri w'ingabo z'igihugu.**

4. ***Ibinyabiziga bikururwa n'inyamaswa biherekeranyije mu butumwa bigomba kugabanywamo amatsinda afite uburebure butarengeje metero 500 kandi hagati y'ayo hakaba nibura metero 30 .***

**Ingingo ya 50 :**

Ku mateme hagati y'ibinyabiziga bifite ibimenyetso byerekana umuvuduko nkuko biteganywa ku ngingo ya 29, 4 *hagomba kuba nibura metero 10 .*

## 2.2.3. ICYICIRO CYA III : Ibinyabiziga bikururwa n'inyamaswa

**Ingingo ya 51 :**

1. *Umubare w'inyamaswa zikurura ibinyabiziga ntushobora kurenga* ***enye zikurikiranye n'eshatu zibangikanye .***

2. Uburyo bwo kuyobora no kuzirika ibikururwa kubikurura bugomba gutuma umuyobozi ahora agenga inyamaswa zikurura kandi akayoborana ikinyabiziga cye ubuhanga n'ubwitonzi .
3. Ibinyabiziga bikururwa n'inyamaswa bigomba kujyana n'umubare uhagije w'abaherekeza kugirango bitabangamira uburyo bwo kugenda mu muhanda cyakora iyo umubare w'inyamaswa zikurura urenze 5 hashyirwaho umuherekeza wunganira umuyobozi w'ikinyabiziga.
4. Iyo uburebure bw'imizigo iri ku kanyamizigo gakururwa burenga metero 12 hagomba umuherekeza ukurikira icyo kinyabiziga cya kabiri.
5. iyo uburebure bw'imizigo iri kukanyamizigo gakururwa birenga metero12,hagomba umuherekeza ukurikira icyo kinyabiziga kumaguru.

## 2.2.4.ICYICIRO CYA IV : Utunyamiziga dusunikwa -Ingorofani

**Ingingo ya 52:**

1. Iyo akanyamizigo gasunikwa cyangwa ibyo gatwaye bidatuma umuyobozi abona neza imbere ye, uwo muyobozi agomba gukurura ikinyabiziga cye. Ingorofani zinyuzwa mu nkengero zagutse, iyo inzira nyabagendwa idafite inkengero iringaniye n'umuhanda
cyangwa iyo aho hatagendeka .

## 2.2.5.ICYICIRO CYA V: Amagare,Velomoteri n'Amapikipiki

***1. Abayobozi b'amagare na velomoteri babujije*** *:*

a) **Kuyobora**

- Badafashe amahembe, Badakandagiye ku kirenge, Bakurura inyamaswa, Bakururwa.
Batwaye cyangwa basunika ibintu byabangamira imiyoborere y'ikinyabiziga cyangwabyateza ibyago abandi bagenzi bari mu nzira nyabagendwa .

b) Kunyura mu muhanda kandi hari akayira k'amagare kagendeka ;
c) Kurenza umuvuduko wa kirometero 40 mu isaha iyo bagenda mu kayira k'amagare;
d) Gukoresha amahoni yandi atari ateganijwe n'ingingo ya 83;
e) Kunyura hagati y'imirongo ibiri y'ibinyabiziga bibangikanye.

2. Hanyuranyijwe n'ibivugwa mu ngingo ya 12 y'iri teka,abayobozi b'amagare na velomoreri bashobora Kugenda

mu muhanda babangikanye .ariko rero bagomba kugenda bashoreranye mu nsisiro kimwe n'iyo bwije n'iyo bagiyeguhura n'ikinyabiziga kigendeshwa na moteri cyangwa n'ikinyabiziga gikururwa n'inyamaswa.

**5.** Abayobozi ba velomoteri n'amapikipiki n'ababihetsweho bagomba kwambara ingofero yo kubarinda yabigenewe ku buryo bw'umwihariko .iyo ngofero igomba kuba ifunze kuburyo bufashe .

**6.** Abayobozi ba velomoteri amapikipiki n'amagare bagomba kuyobora ikinyabiziga cyabo bacyicayeho kandi bakaba batwara umuntu hakurikijwe amabwiriza y'uwagikoze.

**7.** abayobozi b'amagare na vero moteri bubahiriza amategeko agenga abanyamaguru iyo bayoboye ikinyabiziga cyabo batakicayeho.

**8.** ibivugwa muri iyi ngingo ntibireba abasirikari bagenda kumurongo kimwe n'abarushanwa kwihuta babifitiye uruhusha nkuko biteganywa n'ingingo ya 39

## 2.2.6.ICYICIRO CYA VI : Inyamaswa .

**Ingingo ya 54 :**

1. Umuyobozi w'inyamaswa zikurura,izikorera ibintu cyangwa izo bagenderaho kimwe n'uwo amatungo agomba ,bibaye ngombwa , kubifashwamo n'umubare uhagije w'abaherekeza be kugira ngo hubahirizwe umutekano mu muhanda ,ibyo aibyo byose kandi uwo mubare ntushobora kujya munsi y'umuherekeza umwe ku nyamaswa umunani .
2. Iyo igenda mu nzira imikumbi hagomba kugabanywamo udutsiko tugizwe ***n'inyamaswa zitarenze icumi kandi dutandukanyijwe n'intera ya metero 20.***
3. Birabujijwe kubyagiza imikumbi y'inyamaswa mu nzira nyabagendwa .

**Ingingo ya 55 :**

1. *Mu nsisiro, birabujijwe gukinagiza inyamaswa zikurura, izikorera ibintu cyangwa izo bagenderaho kimwe n'amatungo .*
2. Birabujijwe kubyagiza inyamaswa zikurura, izikorera ibintu cyangwa izo bagenderaho n'amatungo munzira nyabagendwa.

## 2.2.7. ICYICIRO CYA VII: Uburyo bwo kugenda mu byambu no ku bibuga by'indege

**Ingingo ya 56:**

*3. Amategeko ntayegayezwa cyangwa atihutirwa ashyirwaho na Perezida.*

Hashobora gushyirwaho amategeko yihariye kugirango bahagarike cyangwa bahindure ugukurikiza iri teka ku byerekeye kugenda mu mbago z'ibyambu n'iz'ibibuga by'indege .

**Ubundi amategheko yihariye ashyirwaho na Perefe kandi ntashobora kumara igihe kirenze amezi atatu.(3)**

**Ingingo ya 56 bis :**

*Ku mihanda y'uturere dufite aho binjirira harangwa n'ikimenyetso E,9 kiri hejuru y'ikimenyetso E,19 bis* ibinyabiziga bisanzwe bigenewe gutwara abantu bishyura amafaranga kandi bishobora gutwara abantu barenze batanu bicaye,uretse ibinyabiziga bya Leta bitwara abantu muri rusange ,***bishobora guhagarara bishyiramo cyangwa bikuramo abantu cyangwa ibintu ahantu harangwa n'ikimenyetso E,19 kandi mu ntera zitarenga metero icumi ku mpande zombi z'icyo kimenyetso.***

# 3. IGICE CYA III: IBINYABIZIGA

## 3.1. UMUTWE WA MBERE: UBURUMBARARE

**Ingingo ya 57:**

***Uburumbarare bw'ikinyabiziga cyangwa bw'ibinyabiziga bikururana n'ibirenze ku mubyimba wabyo hatabariwemo amatara yerekana icyerkezo n'indorerwamo zibonesha ibiturutse inyuma ntibishobora kurenza izi ngero :***

**1.** *Ubugari bupimiwe mu butambike ubwo ari bwo bwose* : ***metero 2 na santimetero 65.Ariko ubugari bwa romoruki ntiburenza :***

***a) Santimetero 75 iyo zikuruwe n'igare cyangwa velomoteri***

***b) Metero 1 na santimetero 25 iyo ikuruwe n'ipikipiki idafite akanyabiziga kometse ku ruhande.***

***c) Ubugari bw'ikinyabiziga gikurura iyo gikuruwe n'ipikipiki ifite akanyabiziga kometse ku ruhande rwayo,cyangwa iyo ikuruwe n'ikinyamitende itatu cyangwa ine ,gifite cyangwa kidafite moteri .***

Byongeye kandi ibinyabiziga bihinga ,iyo biva aho biba bijya mu mirima cyangwa iyo bitahuka kandi bikaba bitarengeje umuvuduko wa kilometero 20 mu isaha bishobora kugera kubugari ntarengwa bwa metero 3

Ariko ibice by'inyuma bihindukizwa cyangwa bishobora gukurwaho nta ngorane,bigomba guhinwa cyangwa gukurwaho kugirango ubugari bugabanuke mu gihe bikigendera mu nzira nyabagendwa.

***Uburenganganzira buvugwa mu gika kibanziriza iki bukurikizwa ku mashini zikoreshwa n'abapatanye imirimo ,iyo zivuye mu igaraji zijya aho imirimo ikorerwa,cyangwa iyo zivuye mu mirimo zimukiye ahandi,ariko ntizirenze umuvuduko wa kirometero 20 mu isaha.***

**2. Uburebure bw'ikinyabiziga cyangwa bw'ibinyabiziga bikururana :**

***a)*** *Uburebure ntiburenza metero 7 ku kinyabiziga gifite :*

- Umutambiko umwe uhuza imipira
- Imitabiko ibiri ikurikiranye mu bubugari bwayo, ni ukuvuga imitambiko yihindukiza kucyo ifungiyeho ;
- Imitambiko ibiri ifite ikiyihuza, kandi intera hagati yayo ntirenze metero imwe na santimetero 60 ni ukuvuga imitambiko ikoranye ariko hatabariwemo icyuma cyagenewe ibikurura.

**b)** Uburebure ntiburenza metero 11 ku binyabiziga bifite imitambiko ibiri cyangwa irenga, hadashyizweho Icyuma gituma zifata iyo ari ikinyabiziga gikuruwe,n'ikindi cyangwa gikuruwe n'inyamaswa.

c) Uburebure bwa makuzungu ntiburenza vmetero 17 na santimetero 40

d) Mu gihe umuhanda umeze neza ,Ministiri ushinwe gutwara abantu n'ibintu ashobora kwemerera ibigo bya Leta ***cyangwa ibindi bigenewe gutwara abantu, kuwunyuzamo ibinyabiziga byazo bifite uburebure butarenze metero 13.***

***e) Uburebure bw'ibinyabiziga bikururana, hashyizweho ibituma zikururana icya mbere kikaba gikururwa n'inyamaswa ntiburenza metero 18.***

**3.** Ubuhagarike bw'ikinyabiziga : metero 4 na santimetero 20.

**4.** Igice kirenga ku biziga

-By'inyuma : metero 3 na santimetero 50
-By'imbere : metero 2 na santimetero 70;

*Na none kandi,ku binyabiziga bifite imitambiko ibiri hagati ya za agisi hakaba hasumba metero imwe na santimetero 60 igice kirenga ku biziga by'ibyuma ntigishobora kurenza 65/100 by'uburebure buri hagati y'ibiziga by'inyuma n'iby'imbere naho ikirenga ku biziga ikirenga ku biziga by'imbere ntikirenza 55/100 by'ubwo burebure.*

Iyo ikinyabiziga gifite imitambiko irenze ibiri,muri yo ikaba ikurikiranye ,uburebure buri hahati y'imipira y'inyuma n'iyi'imbere n'uburebure bw'ibice birenga ku mipira , bupimwa bahereye ku mitambiko iteganye .

**Ingingo ya 58 :**

Iminyururu n'ibindi byuma bishobora kuvanwaho cyangwa binagana hatabariwemo ibimenyetso byerekana ibyerekezo bigomba gufungirwa ku binyabiziga ku buryo igihe byizunguza bitarenga impande ziheza uburumbarare bw'ikinyabiziga .
Ibyo byuma bifashisha ntibigomba gukururuka ku butaka,***ibyo nyamara ntibibujijwe ku mashini zihinga no kubyerekeye iminyururu***

**Ingingo ya 59:**

*Ku buryo budasanzwe kandi bunyuranyije n'ibivugwa mu ngingo ya 57* ***Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu cyangwa intumwa ze,ashobora igihe hari impamvu ikomeye cyane kwemerera kugenda mu muhanda ibinyabiziga byakorewe imirimo yihariye kandi bifite uburumbarare burenga ubuteganyijwe ntarengwa .***

## UMUTWE WA II : IMIZIGO

**Ingingo ya 60 :**

1. ***Imizigo ikinyabiziga cyikoreye igomba gupakirwa no gupangwa ku buryo idashobora :***

   a) **G**uteza abantu ibyago mu rugendo
   b) **K**wangiza mu rugendo inzira nyabagendwa ,impande zayo, ibiyubatsweho cyangwa umutungo uyikikije ;
   c) **K**ubuza umuyobozi kubona neza cyangwa kubangamira gufata ku muhanda cyangwa imiyoborere y'ikinyabiziga.

   d) **G**ukingiriza amatara, uturebanyuma two hanze, ibimenyetso byerekana icyerekezo, utugarura – rumuri,nimero ziranga ikinyabiziga cyangwa ibimenyetso umuyobozi yerekanisha ukuboko.

Imizigo igomba gupakirwa kadi iyo ari ngombwa ikazirikwa ku modoka ku buryo idashobora kugwa no gukururuka mu nzira nyabagendwa no kugwisha ikinyabiziga.

Ibintu byose byifashisha nk'iminyururu, amahema,n'ibindi bigenewe kuzirika imizigo cyangwa kuyirinda kwangirika ,bigomba kuyizenguruka ku buryo budanangiye .

2. Umuyobozi w'ikinyabiziga agomba gukora uko ashoboye kugirango imizigo itagenda ibomborana ku buryo bukabije .

**Ingingo ya : 61**

Uburumbarare bw'ikinyabiziga gipakiye yaba imodoka ,yaba ikinyabiziga gikururwa n'inyamaswa cyangwa romoruki hapimiwemo n'ibirenze ku mubyimba ntibushobora kurenga ingero zikurikira :

1. Ubugari bupimiwe mu butambike ubwo ari bwo bwose ;metero 2 santimetero 50.Nyamara :

   ***a) Iyo imizigo igizwe n'ibinyampeke ,ikawa,amakara,ipamba idatonoye,ibishashara ibyatsi ibishami cyangwa ibyats by'amatungo idahambiriye uretse amapaki afunze ,ubugari bwayo bushobora kugera kuri metero 2 na santimetero 75;***

   ***b) Iyo imizigo igizwe n'ibimaze kuvugwa haruguru kandi ikaba ijyanwa mu karere katarenze kirometero 25 uvuye aho yapakiriwe, ubugari bwayo bvushobora kugera kuri metero 3 usibye mu nsisiro .***

Mu biteganyijwe mu migemo a) na b) ibanza nta nkingi n'imwe ikomeye ishobora gushyirwaho ku buryo igice cyayo icyo ari cyo cyose cyarenga metero 1 na santimetero 25 uhereye ku murongo ugabanya ikinyabiziga mo kabiri mu burebure bwacyo.

2. **Uburebure** : *haseguriwe amategeko yerekeye gutwara ibintu birebire cyane,imizigo ntishobora gusumba ibinyabiziga ,cyangwa yaba ari ikinyabiziga gikuruwe n'inyamaswa ,umutwe w'ikibikurura.*

***3.*** *Ubuhagarike*: ***Metero 4 keretse iyo hari uruhushya rudasanzwe rutanzwe na Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu cyangwa rutanzwe n'umukuru w'Intara iyo gutwara ibntu ku buryo budasanzwe bikorewe mu ifasi y'Intara imwe gusa.***

**Ingingo ya 62 :**

***1. Iyo ikinyabiziga kikoreye ibintu birebire bidashobora kugabanywa ,icyo gihe imizigo ntishobora kurenza metero 3 ku mpera y'inyuma y'ikinyabiziga .***

***2. Imitwaro miremire igomba guhambiranwa ku buryo budanangiye no kuzirika ku kinyabiziga kugirango igihe yicunda itarenga impande z'ikinyabiziga.***

**Ingingo ya 63 :**

***Iyo imizigo isumba ipera y'inyuma y'ikinyabiziga ho metero irenga ,igice gihera cy'imizigo kigomba kugaragazwa :***

- ✓ **Ku manywa** : n'agatambaro gatukura gafite byibura santimetero 50 z'uruhande
- ✓ **Iyo amatara y'ibinyabiziga agomba gucanwa :** ni itara ritukura cyangwa akagarura-rumuri gatukura.

***Ibimenyetso bikoreshwa kugirango impera y'inyuma y'imizigo ntibishobora gushyirwa ku buhagarike burenze metero 1 na santimetero 55 uhereye ku butaka.***

**Ingingo ya 64:**

***1.*** **Ubugari bw'imizigo yikorewe** n' **a**magare na **v**elomoteri kimwe na **r**omoruki zikuruwe *n'ibyo binyabiziga ntibushobora kurenga santimetero 75.uburebure burenga inyuma ni santimetero 50.*

***2.*** a) ***Ubugari bw'imizigo, yikorewe n'amapikipiki adafite akanyabiziga ku ruhande kimwe na romoruki zikururwa n'ibyo binyabiziga ntibushobora kurenga metero 1.25 .***

***b) Ubugari bw'imizigo yikorewe n'ipikipiki ifite akanyabiziga ko ku ruhande kimwe n'ubw'iya romoruki ikuruwe na bene icyo kinyabiziga ntibushobora kurenza santimetero 30 ku bugari bw'icyo kinyabiziga kidapakiye***

***3) Ubugari bw'imizigo yikorewe n'ikinyamitende itatu n'ubw'iyikorewe n'ibinyamitende ine bifite cyangwa bidafite moteri kimwe n'ubw'iyikorewe na romoruki zikuruwe n'ibyo binyabiziga ntibushobora kurenza santimetero 30 ku bugari bw'icyo kinyabiziga kidapakiye,kandi ubugari ntarengwa budakuka bukaba metero 2 na santimetero 50 .***

**Ingingo ya 65 :**

- ✓ Imizigo yikorewe n' amagare , velomoteri, amapikipiki, ibinyamitende by' ibiziga bitatu n' ibyine bifite cyangwa bidafite moteri ntibishobora kurenza impera y' imbere y' ikinyabiziga, n' aho iyinyuma y' ikinyabiziga ntishobora kurenza santimetero 50 .

**Ingingo ya 66 :**

a).1. ***Umuyobozi w'ikinyabiziga cyangwa uw'ikinyamitende itatu cyangawa w'ikinyamitende ine bifite moteri agomba kugira aho yicara hafite ubugari butari munsi ya santimetero 55.***

- ✓ Umuyobozi wa kimwe mu binyabiziga bivugwa mu gika kibanziriza iki ntashobora kwemerera abandi bantu kwicarana nawe mu gihe umwe muri bo adafite umwanya wo kwicaramo ungana nibura na santimetero 40 z'ubugari.

**2. Birabujijwe:** Gutwara ku ntebe z'ikinyabiziga umubare w'abantu urenze umubare wateganyijwe n'uwayikoze.

3. **Birabujijwe:**Gutwara ku ntebe y'imbere y'imodoka abana badafite imyaka cumi n'ibiri iyo harimo indi myanya.

4. Umuyobozi wa kimwe mu binyabiziga byavuzwe mu gika cya mbere abujijwe gutwara abantu mu bice by'inyuma bya karisoro y'icyo kinyabiziga cyangwa bya romoruki yacyo.

5. Igare, velomoteri, n'ipikipiki ntibishobora gutwara abantu barenze umubare wateganyijwe. Ibivugwa mu gika cya 5, bikurikizwa ku byerekeye ibinyamitende itatu n'ibinyamitende ine bifite moteri cyangwa bitayifite, bifite akazu k'umuyobozi.

*b) Nyamara umuyobozi ashobora kwemerera umuntu umwe cyangwa benshi gufata umwanya mu gice cy'ikinyabiziga cyigenewe gutwara ibintu ,iyo abona bishoboka kandi bidashobora kuvamo impamvu yatera impanuka .Agomba kuba yizeye ko ahantu hose umutekano w'abo atwaye udashobora guhungabana .*

c) Ibimaze kuvugwa ntibikurikizwa n'abayobozi b'ibinyabiziga bikoreshwa mu mirimo ya gisirikare cyangwa ya gipolisi cyangwa mu mirimo y'abarwanya inkongi cyangwa y'abasukura imihanda.

## 3. 3. UMUTWE WA III: UBUREMERE NTARENGWA BWEMEWE

**Ingingo ya 67:**

1. A) *Mu mijyi kimwe no mu mihanda y'igihugu igenwa na Ministiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu* uburemere ntarengwa ku kinyabiziga cyangwa ku binyabiziga bikururana bushyizweho ku buryo bukurikira :

   Ubwikorezi ntarengwa bwemewe kuri buri mutambiko ufungwaho ibiziga bine buzaba:

   ***-Kuri buri mutambiko usanzwe: toni 10***
   ***-Ku mitambiko ibiri ikurikiranye: toni 16***
   ***-Ku mitambiko itatu: toni24; ikamyo iyo ari yo yose ntishobora na rimwe gutwara ibintu vírense toni 53.***

B) *Ku yindi mihanda yagenwe na Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu,*uburemere ntarengwa bwemewe kuri buri kinyabiziga cyangwa ku binyabiziga bikururana bishyizweho ku buryo bukurikira:

***a)*** *Ibinyabiziga bifiteimitambiko 2 hariho makuzungu :* ***Toni 12***
***b)*** *Ibinyabiziga bifite imitambiko itatu cyangwa irenga hatariho makuzungu :****Toni 16***
*c) Ibinyabiziga bifatanye :*
*-Bifite imitambiko itatu:* ***Toni 12***
*-Bifite imitambiko ine cyangwa irenga:* ***Toni 16***
*- Ibinyabiziga bikururana**: Toni 20***

*Mu mijyi kimwe no mu mihanda yavuzwe ku migemo A na B ,y'iki gika,* uburemere ntarengwa bwemewe kuri buri ruziga bushyizweho ku buryo bukurikira :

- *Inziga zihagwa:* **Toni 3,20 ariko ingufu z'umwuka ntizirenga kg 5,5 kuri cm$^2$**
- *Inziga zifite umwuka ariko zidahagwa:* **Toni 15 DL ;**
- Inziga zidahagwa, izikoze mu byuma cyangwa izikoze muri kawucu gusa: **Toni 8** DL ariko buri ruziga rukoze mu cyuma rudahagwa ntirurenga kg 250.

*Mu ndemeko zavuzwe haruguru D ivuga muri metero,umurambararo w'inyuma y'umupirabapimiye mu butambike ;naho L ikavuga ubugari busumba ubundi bwose bupimiwe mu murongo w'uruziga .*

***D). Uburemere ntarengwa kuri buri mutambiko bushyizweho ku buryo bukurikira:***

**a)** *Mu mijyi kimwe no mu mihanda ivugwa ku mugemo A w'iki gika* :Toni 10 ariko umutambiko urushije iyindi kuremererwa mu mitambiko ikurikiranye ntube warenza toni 8;

**b)** *Ku mihanda ivugwa ku mugemo B*: Toni 5,5 ariko umutambiko urushije iyindi kuremererwa mu mitambiko ikurikiranye ntube warenza toni 4.

Ubwo buremere bugizwe n'igiteranyo cy'ubwikorezi bwose inziga zose zitsindagira ku butaka ishingiro ryabwo rikaba hagati y'ubuhagarike n'ubugari bukwirakwijwe mu bugari bwose bw'ikinyabiziga.

*c) Ku yindi mihanda uretse iyavuzwe ku migemo A na B, y'iki gika*, uburemere ntarengwa bwemewe bw'ikinyabiziga cyangwa ubw'ibinyabiziga bikururana ntibushobora kurenza toni 7 kandi buri mutambiko ntushobora kurenza toni 3,5 .

d) Uretse bibonewe uruhushya ubundi birabujijwe gushyira no gukomeza kugendesha imodoka cyangwa romoruki mu nzira nyabagendwa yikoreye toni zirenga 5 ubariye kuri buri ntera ya metero imwe iri hagati y'imitambiko ibiri ihera *cyangwa iyo uburemere bw'ibyikorewe burenze uburemere ntarengwa bwemewe n'ikarita iranga ikinyabiziga.*

2. Ibivugwa mu gika cya mbere ntibikurikizwa iyo ari imashini zikoreshwa mu kubaka imihanda;

3. *Ku byerekeye ibinyabiziga bigendeshwa n'ingufu za gazi n'ibigendeshwa n'ibyuma bibika amashanyarazi,* uburebure bwavuzwe haruguru bwongerwaho hatarengejwe toni imwe, uburemere bw'ibyuma, uburemere bwa gazi,mu gihe ikinyabiziga kigenda ,ibyuma bitwara iyo gazi cyangwa ibibitse amashanyarazi n'ibindi bijyana n'ibyo bikoresho ;

4. Uburemere ntarengwa bw'ikinyabiziga n'ubwikorezi ntarengwa ku mitambiko itsindagiye ku butaka ntibishobora kurenga uburemere ikinyabiziga n'imitambiko yacyo byemerewe.

**5. Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu ashobora:**

a) *Gutanga uruhusa,* ku bice bimwe avuze by'inzira nyabagendwa kugirango binyurwemo kuburyo busanzwe n'ibinyabiziga bifite uburebure burenze ubwavuzwe haruguru;

***c)*** *Gutanga uruhusha akoresheje ibyemezo byihariye kandi by'igihe gito kugirango ibyo binyabiziga binyure mu mayira agenwe*.Iyo bibaye ngombwa, ateganya ibigomba kuzuzwa kugirango ibyo binyabiziga bishobore kunyura muri ayo mayira.

**Ingingo ya 68**:

1. ***Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu ashobora :*** *Kugabanya uburemere ntarengwa buteganyijwe mu ngingo ya 67,ku bice bimwe na bimwe by'umuhanda kimwe no ku mateme, ibyombo cyangwa ku bindi byubatswe ku nzira nyabagendwa ku buryo bukwiranye n'icyatuma ayo mayira y'ibyo byubatswe bitakwangirika no kurinda ibyago abagenda mu mihanda .*

Igiteranyo cy'uburemere bwemewe kizagaragazwa ku cyapa **N° c,7** gishinzwe ku mpera z'imihanda cyangwa hafi y'ibyo byubatseku muhanda byavuzwe haruguru.

2. Iyo uburebure ntarengwa bwemewe bwashizweho hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 67 burenga toni eshatu ,kimwe no ku modoka zose cyangwa romoruki byagenewe gutwara ibintu,ibiranga uburemerebw'ibinyabiziga n'ubw'ibyo bishobora kwikorera byandikishwa na nyirabyo mu rubavu rwabyo rw'iburyo ahagana imbere.
   *Ibyo bishobora kwandikishwa irangi kuri karisori cyangwa bikandikwa ku cyapa gifashe neza kuri karisori.*

*Inyuguti n'imibare bigomba kugira byibura santimetero 5 z'ubuhagarike n'umubyimba wabyo ukagira byibura miri metero 5.*

Ibyanditseho n'uko byandikwa bigomba guhuza n'ibiri ku rugero rwa 2 rw'ingereka ya 8 y'iri teka.

**Ibimaze kuvugwa nti bikurikizwa:**

a) *Ku mashini zihinga;*
*b) Ku mashini zihariye zikoreshwa n'abapataniye imirimo;*
*c) Kuri za otobosi no kuzindi modoka nini zitwara abantu;*
*d) Ku byo ibinyabiziga bitwaye inyuma no ku tunyabiziga dukurura nk'utwikorera ingeri z'ibiti .*

3. Iyo ubifitiye ububasha ashidikanya ku buremere bukubiye hamwe bw'ikinyabiziga ,umuyobozi ategetse kumuba hafi no kumufasha mubyo agomba ku genzura bitagombye kurenza amasaha abiri.

## 3. 4.UMUTWE WA IV: IBINYABIZIGA BIKURURANA

**Ingingo ya 69**

Ibivugwa mu ngingo ya 57 kugeza kuya 68 z'iri teka bikurikizwa kuri buri kinyabiziga cyose kiri mubi kururana.

**Ingingo ya70:**

1. Ikinyabiziga kigendeshwa na moteri n'ikinyabiziga gikururwa n'inyamaswa ntibishobora gukurura ibinyabiziga birenze bibiri .
   **Nyamara ipikipiki ifite akanyabiziga ku ruhande ntishobora gukurura romoruki n'imwe.**

***2.*** *Gushyira mu muhanda ku buryo budasanzwe ibinyabiziga bikururana birenze bitatu* ***bigomba gutangirwa uruhusa na Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu.***

3. Ibivugwa mu gika cya 1 n'icya 2 by'iyi ngingo ntibikurikizwa ku binyabiziga bikururana bivugwa hepfo, bipfa kuba bigenda bitarengeje umuvuduko wakilometero 20 ku isaha.
*a) Ibinyabiziga bikururana bikoreshwa mw'imurika- gurishwa cyangwa na ba mukerarugendo iyo bivuye aho bibikwa bigiye gukora cyangwa se iyo byimutse aho byakoreraga bijya gukora ahandi.*
b) *Ibinyabiziga bikururana bikoreshwa n'abapataniye imirimo iyo bivuye aho bibikwa bigiye aho bikora cg iyo bitahutse cg se iyo byimutse aho byakoraga bijya gukora ahandi.*
c) Imashini zihinga zikururana iyo zigenda urugendo rutarenze kilometero 25 rwaho zikora.
d) Ibinyabiziga bikururana bitwaye ibyamamazwa
✓ **Igiteranyo cy'uburebure bw'ibyo binyabiziga bikururana nti bishobora kurenga metero 25.**

**INGINGO YA71**

1. Iyo hagati y'uruhande rw'imbere rwa romoruki n'uruhande rw'inyuma rw'ikinyabiziga kiyikurura hari umwanya urenze metero 3, ikibizirikanyije kigomba kugaragazwa :

- **Ku manywa:** *N'agatambaro gatukura gafite byibura santimetero 50 z'uruhande*
- **Iyo amatara y'ikinyabiziga agomba gucanwa** : n'ikimenyetso gisa n'icunga rihishije rigaragara mu mbavu keretse iyo ikibizirikanyije kimuritse.

2. Ibizirikisho by'iminyururu cg by'insinga kimwe n'ibindi bizirikisho by'ingoboka bikoreshwa gusa igihe nta kundi umuntu yabigenza kandi nta kindi bigiriwe, uretse gusa kugira ngo ikinyabiziga kigere aho kigomba gukorerwa kandi nturenze na rimwe kilometero 20 mu isaha.

Ibyo bizirikisho bigomba kugaragazwa n'icyapa cyera cya mpande enye zingana zifite nibura santimetero 30 kuri buri ruhande, kiri ku ruhande rw'imbere rw'ikinyabiziga gikurura.

3. Hanyuranyijwe n'ibivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, iyo uburemere ntarengwa bwemewe bwa romoroki burenga ibiro 750 cyangwa icya kabiri cy'uburemere bw'ikinyabiziga gikurura kirimo ubusa kandi ibyuma bya feri bitifunga ubwabyo, mu gihe ikizirikisho cy'ingenzi gicitse,iyo romoruki igomba kuba ifite n'ikizirikisho cyo gutabara gikozwe mu minyururu cyangwa mu insinga,kiyongera ku kizirikisho cy'ingenzi gituma ikurura kandi iyobora romoruki,bigatuma igihe ibyangombwa by'ingenzi biramutse bidakoze neza ; bikurura iyo romoruki kandi bikayibuza no guta icyerekezo,bikanatuma icyo bifasheho kidakora hasi .

Igihe ibyangombwa by'ingenzi bicitse ikizirikisho cyo gutabara gikoreshwa gusa mu bihe biteganyijwe mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo.

## 3. 5.UMUTWE WA V: UBURYO BUDASANZWE BWO GUTWARA IBINTU

**Ingingo ya 72:**

**1.** Gutwara ibintu bidashobora kugabanywamo ibice no kugendesha ibinyabiziga cyangwa za romoruki zikoreshwa mu gutwara ibyo bintu kandi ibiziranga bikaba birengeje ingero ntarengwa zashyizweho n'iteka, *bitangirwa uruhushya na Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu amaze kuvuga ibyangombwa bigomba kuzuzwa kugira ngo rutangwe.*

**2. Iyo uruhushya rwasabwe rwerekeye ubugari, ubuhagarike cyangwa uburebure**, *bugomba kwandikwaho itariki, kandi byaba ngombwa, rukandikwaho amasaha ibyo bintu bizatwarirwaho kimwe n'aho bizanyuzwa.*

**3.** *Uruhushya rwandikwaho ibigomba gukorwa kugirango baborohareze urugendo* kandi bagende ntacyo bikanga mu nzira no kugira ngo hatagira icyangiza inzira nyabagendwa, impande zayo, ibyubatseho, n'umutungo uyikikije.

**4.** Uwasabye uruhushya aruhabwa gusa ari uko yemeye gutanga indishyi n'amafaranga ashobora gukomoka kuri ubwo bwikorezi no gutanga bibaye ngombwa, *amafaranga y'ingwate yemejwe muri urwo ruhushya.*

**5.** Uruhushya rushobora guhabwa urusabye ku rugendo rumwe gusa, uretse igihe ibitwawe bifitiye koko rubanda akamaro.

*Gutwara mu binyabiziga bigendera ku mihanda,* **rukururana, za gari ya moshi** zirimo ubusa cyangwa zipakiye,bishobora kwakirwa impushya zemewe ku rugendo rumwe gusa cyangwa ku ngendo nyinshi.
**Ibivugwa mu gika cya mbere n'icya kane bikurikizwa kuri ubwo buryo bwo gutwara ibintu.**

**Ingingo ya 73:**

Iyo umuyobozi yaciye ku bivugwa ku ngingo ya 67 cyangwa ku byateganyijwe kugira ngo uruhushya rutangwe hakurikijwe ingingo ya 72, agomba gupakurura, kuzitura cyangwa guhagarika ikinyabiziga cye hafi hatuwe, **bitagenze bityo ikinyabiziga kizahagarikwa.**

## 3.6. UMUTWE WA VI: IBYEREKEYE FERI

**Ingingo ya 74 :**

1.Mu kubahiriza ibivugwa muri uyu mutwe :

**d)** Ijambo **"Ibiziga by'umwihariko"** bivuga ibinyabiziga biteganye cyangwa bijya gusa n'ibiteganye, uhereye ku murongo ugabanya ikinyabiziga mo kabiri mu burebure, niyo ibyo biziga byaba bidafungiye ku mutambiko umwe, kubwo umutambiko ukurikiyeho ugafatwa nk'aho ari imitambiko ibiri.

**e)** Ijambo **"Feri y'urugendo"** bivuga uburyo busanzwe bukoreshwa kugirango ikinyabiziga kigende buhoro cyangwa gihagarare.

**f)** Ijambo **"Feri yo guhagarara umwanya munini "** rivuga uburyo bukoreshwa kugirango ikinyabiziga kigume hamwe mu gihe umuyobozi atakirimo, yaba ari romoruki ,ngo igume hamwe mu gihe itagifatanye n'ikinyabiziga;

**g)** Ijambo **"Feri yo gutabara"** rivuga uburyo bukoreshwa kugira ngo ikinyabiziga kigende buhoro kandi gihagarare , igihe feri idakora neza

**h)** Ijambo **"Romoruki "**rikoreshwa gusa kuri za romoruki zigenewe gukururwa n'imodoka.

2. Ikinyabiziga cyose cyangwa ibinyabiziga bikururana bigomba kugira uburyo bwo gufunga feri butunganye kugirango hagenzurwe imigendekere y'ikinyabiziga, kugihagarika kuburyo bwihuse kandi bwizerwa no kubuza kwikaraga kw'ikiziga n'ukw'ibiziga bifunze , uko imodoka yaba yikoreye kose cyangwa igeze ahacuramye cyangwa ahaterera .

**3. Feri y'imodoka**

a) Buri modoka igomba kugira uburyo bwo gufunga feri bushobora gukoreshwa n'umuyobozi ku buryo bworoshye kandi butuma imiyoborere y'imodoka idahungabana kamdi bugizwe na:

**1 º Feri y'urugendo**

Ituma imodoka igenda buhoro kandi igahagarara kuburyo bwizewe bubangutse kandi nyabwo ,n'uko imodoka yaba yikoreye kose,yaba. Igeze ahacuramye cyangwa ahaterera;

**2 º Feri yo guhagarara umwanya munini**

Ituma imodoka iguma aho iri uko yaba yikoreye kose ku muzamuko cg ku gacuri bya 16%, imyanya ya feri igomba gufata igakomeza kwegera kuburyo bw'ibyuma niyo umuyobozi yaba atarimo.

**3 º Feri yo gutabara**

Ni feri ituma imodoka igenda buhoro kandi igahagarara, uko yaba yikoreye kose ,ku burebure bugereranyije n'ubwo feri y'urugendo yaba idakora neza.

b) Uburyo bwo gufunga feri bushobora kugira ibice buhuriyeho mu gihe byibura bibiri mu biyikoresha bitandukanye.

c) **Feri y'urugendo:** Ni feri igomba gufunga ibiziga byose by'imodoka, nyamara ku modoka zifite imitambiko irenga ibiri, ibiziga by'umutambiko umwe bishobora kudafungwa.

d) *Feri y'urugendo na feri yo guhagarara umwanya munini* bigomba gufunga byibura umupira umwe wa buri ruhande rwo hirya no hino y'umurongo ugabanya imodoka mo kabiri mu burebure bwayo.

e) *Feri y'urugendo na feri yo guhagarara umwanya munini* zigomba gufunga imyanya yose ifashe ku biziga ku buryo buhoraho hakoreshejwe ibyuma bikomeye bihagije.

***f)*** *Nta mwanya n'umwe feri ifungiraho ushobora kurekurana n'ibiziga* ***keretse :***

1. Iyo kurekurana ari iby'akanya gato, nk'igihe cyo guhinduranya vitesi;
2. Iyo bireba feri yo guhagarara umwanya munini, ubwo kurekurana ntibishoboka bidakozwe n'umuyobozi

3. Iyo kurekurana bireba feri y'urugendo cyangwa feri yo guhagarara,ufata feri bishobora no gukorwa ku buryo nyabwo bwavuzwe mu gika a) kibanza.

**4. Feri ya za romoruki :**

a)Buri romoruki uretse intoya ,igomba kugira uburyo bwo gufata feri bukurikira:

1. ***Feri y'urugendoni feri ituma ikinyabiziga kigenda buhoro cyangwa gihagarara ku buryo bwemewe, bwihuse kandi nyabwo uko cyaba kikoreye kose cyangwa kigeze ahacuramye cyangwa ahaterera.***

2. ***Feri yo guhagarara umwanya munini ituma romoruki iguma aho iri uko yaba yikoreye kose ku muzamuko cyangwa gacuri bya 16%, imyanya ya feri igomba gufata igakomeza kwegerana ku buryo bw'ibyuma.***

   Ibi ntibikurikizwa kuri za romoruki zidashobora kurekurana n'ibizikurura hadakoreshejwe ibikoresho,hapfa kuba hubahirijwe ibyerekeye feri yo guhagarara umwanya munini ku binyabiziga byose.

b) Ibyo byose bituma feri y'urugendo na feri yo guhagarara umwanya munini bishobora kugira ibice bihuriyeho.

c) feri y'urugendo igomba gufunga ibiziga bya romoruki

d) Feri y'urugendo igomba kuba ishobora gukoreshwa n'igitegeka feri y'urugendo y'ikinyabiziga gikurura.

Nyamara, iyo uburemere ntarengwa bwemewe bwa romoruki butarenga kg 3500 feri y'urugendo ishobora gukorwa ku buryo ikoreshwa gusa n'uburemere, ni ukuvuga ukwegerana konyine kwa romoruki n'ikinyabiziga gikurura.

e) Feri y'urugendo na feri yo guhagarara umwanya munini zigomba gufuga imyanya yose ifashe ku biziga ku : buryo buhoraho hakoreshejwe ibyuma bihagije.

f) Uburyo bwo gufunga feri bugomba kuba buteye ku buryo romoruki yihagarika igihe ikiyiziritse gicitse . .bigenda

Nyamara ibi ntibikurikizwa kuri za romoruki zifite umutambiko umwe cyangwa iz'imitambiko ibiri itandukanyijwe n'umwanya utageze kuri metero, uburemere ntarengwa bwazo bupfa gusa kuba butarenza kg 1500keretse makuzungu n'ubwo kandi, habariwemo inyuma ikizizirikanye, zaba zifite ikindi cyuma cya kabiri kizifashe nkuko biteganywa mu ngingo ya 71, 3, y'iri teka.

**5. Ibyerekeye feri y'ubukomatanye rw'ibinyabiziga bikururana:**

Uretse ibivugwa ku gika cya 4 n'icya 4 by'iyi ngingon byerekeye imodoka na romoruki iri yonyine ibinyabiziga bikomatanye bigomba na none gukurikiza aya mategeko:

a) Ibyuma byose bituma feri ifata bifunze kuri buri kinyabiziga, bigomba kuba bikora kimwe.

b) Uko feri y'urugendo ikora kugomba kuba kumwe kandi ku gihe kimwe kuri buri kinyabiziga kizitse ibikomatanye;

c) Uburemere ntarengwa bwemewe bwa romoruki idafite feri y'urugendo ntibushobora kurenga ½ cy'uburemere bw'ikinyabiziga gikurura n'ubw'umuyobozi.

6**. Ibyerekeye feri ya velomoteri, amapikipiki n'ibimyamitende 3 cyangwa 4**

Buri velomoteri n'ipikipiki, ikinyamitende 3 cyangwa 4, *bigomba kugira ibyuma byo guhagarara kimwe nibura gifunga inziga z'inyuma indi ikaba ifunga byibura inziga z'imbere.*

Iyo icyo kinyabiziga gifite akanyabiziga ko ku ruhande, uruziga rwako ntirugomba feri.

Uburyo bwo gufunga feri bugomba gutuma ikinyabiziga kigenda buhoro cyangwa gihagarara ku buryo bwizewe, bwihuse kandi nyabwo uko cyaba cyikoreye kose cyangwa kigeze ahacuramye cyangwa ahaterera.

**7. Ibivugwa kuva ku gika cya mbere kugeza ku gika cya gatandatu cy'iyi ngingo ntibikurikizwa:**

a) *Ku tumodoka tw'abana n'utw'ibimuga* cyangwa tw'abarwayi tugendeshwa n'undi muntu;

b) *K'utunyabiziga dusunikwa twikorera uburemere butarenga kg 150;*

c) *Kuri za romoruki zifite umutambiko umwe ngusa n'uburebure ntarengwa bwemewe butarenga kg 500* nabwo butarenga ½ cy'uburemere bwite bw'ikinyabiziga gikurura;

d) Ku binyabiziga bikururwa n'inyamaswa bifite ibizigabibiri byikoreye ubureme butarenze kilogarama 1.000 kandi ikibizirikanije kiba giteye kuburyo kuburyo ikinyabiziga gihagarari icyarimwe n,inyamaswa igikurura.

## 3.7. UMUTWE WA VII. AMATARA Y'IBINYABIZIGA N'IBIMENYETSO BIRANGA IBINYABIZIGA N'INYAMASWA

### 3.7.1. ICYICIRO CYA I. Amategeko rusange

**Ingingoya 75.**

1. Amatara yaburi kinyabiziga agomba kuba ateye kuburyo ntatara na rimwe cyangwa agarurarumuri bitukura Byaboneka kuruhande rw'imbere rw'ikinyabiziga uretse itara ryo gusubira inyuma n'aranga icyere kezo.

2. Amatara n'utugarura urumuri bigomba gushyirwaho kuburyo ntagice na kimwe cy'ikikinyabiziga cyangwa cy'imizigo cyabangamira ibonesha nyabyo.

3.*Ikinyabiziga ntigishobora kugira amatara abiri yubwoko bumwe* **kereka kubyerekeye itara ndanga mubyimbacyangwa itara ndanga burumbarere n'itararyerekana icyerekezo.**

4.*Iyo ikinyabiziga gifite amatara abiri cyangwa menshi y'ubwoko bumwe,ayo matara agomba kugira ibara rimwe n'ingufu zingana;* kandi akagomba gushyirwaho ku buryo buteganye uhereye ku murongo ugabanya ikinyabiziga mo kabiri mu burebure bwacyo.
Ibimaze kuvugwa ntibikurikizwa ku byerekeye itara ribonesha iyapa kiranga nomero y'ikinyabiziga inyuma.

**3.** ***Utugarurarumuri turi kuruhande rw'imbere rw'ikinyabiziga*** **tugomba gusa n'umweru** ***,utw''inyuma*** **tugasa n'umutuku*,naho utwo mu mbavu* tugasa n'umuhondo cyangwa icunga rihishije.**

4. Amatara menshi y'ubwoko budahuje Kimwe n'amatara n'utugarura rumuri bishobora gushyirwa ahantu hamwe cg mu kintu Kimwe amurikiramo, buri tara na buri kagarurarumuli bipfa kuba bikurikije amategeko abyerekeye kandi ku buryo budashobora kujijisha.

5. Nta tara na rimwe cyangwa akagarura rumuri bishobora kuba bifunze ku buryo igice cyabyo cyo hasi cyane kimurika kitaba kiri hasi ya santimetero 40 kuva ku butaka, igihe ikinyabiziga kidapakiye.Ibimaze kuvugwa nti bikurikizwa ku matara kamenabihu no kw'itara ryo gusubira inyuma.

***6. Gushyira amatara ku kinyabiziga kimwe cyangwa ku binyabiziga bikomatanye bigomba gukorwa kuburyo:***

1. **Amatara maremare**, *amatara magufi, amatara kamenabihu, amatara ndangambere, n'itara ribonesha icyapa kiranga ikinyabiziga* ashobora gukoreshwa gusa mu gihe amatara ndanga ari kumpera z'ikinyabiziga cya nyuma mu bikomatanye nayo acanye;
2. **Amatara ndangambere** *yakira rimwe buri gihe n'amagufi n'amatara kamenabihu y'imbere*

Nyamara, ibivugwa ku gika cya mbere ntibitegetswe ku matara maremare cg magufi , iyo akoreshejwe bashaka kwerekana ibimenyetso bimurika bivugwa mu ngingo ya 47 y'iri teka.

**Ingingo ya 76:**

**1.** Ibinyabiziga, hakurikijwe urwego rwabyo ,bigomba kuba bifite burigihe amatara n'utugarurarumuri bikurikira:

# IMBONERAHAMWE Y'AMATARA

| Urugero rw'ikinya biziga | Itara ndanga mbere | Itara Ndanga nyuma | Akaga rura rumuri k'imbe re | Akaga-rura rumuri k'inyu ma | Amatara y'uru-gendo | Amatara yo Kubisi kana | Itara ryo Guhaga rara | Amatara ndanga cyerekezo imbere | Amatara ndanga cyerekezo inyuma | Itara ri Bonesha Riranga Ikinya biziga | Ibyi tonde rwa |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Igare na Velomoteri | | 1 | - | 1 | 1 | 1 | | | | | (1) |
| Ipikipiki idafite akanyabiziga ko ku ruhande | 1 | 1 | - | 1 | 1 | 1 | 1 | - | 2 | 1 | (2) |
| Ipikipiki ifite akanyabiziga ko ku ruhande | 2 | 2 | - | 2 | 1 | 1 | 1 | - | 2 | 1 | (2) |
| Ikinyamitende itatu gifite umutende umwe imbere | - | 1 | - | 2 | 1 | 1 | - | - | - | - | (1) (3) |
| Ikinyamitende itatu gifite imitende ibiri i mbere | - | 1 | - | 1 | 1 | 1 | - | - | - | - | (1) |
| Ikinyamitende Ine | - | 1 | - | 2 | 1 | 1 | - | - | - | - | (1) (3) |
| Ikinyamitende itatu gifite moteri n'umutende umwe imbere | 1 | 2 | | 2 | 1 | 1 | 1 | 2 | 2 | 1 | (2.4.5.6.7) |
| Ikinyamitende itatu gifite moteri n'imitende ibiri imbere | 1 | 2 | - | 2 | 1 | 1 | 1 | - | - | - | (2.3.4.5.7) |
| Ikinyamitende ine gifite moteri | 2 | 2 | - | 2 | 2 | 2 | 2 | 2 | 2 | 2 | (2.4.5.7) |
| Imodoka | 2 | 2 | - | 2 | 2 | 2 | 2 | 2 | 2 | 1 | |
| Rumoruki zikururwa n'ibinyabiziga bitari imodoka | - | - | 2 | 2 | 2 | - | - | - | - | 1 | (7.8) |
| Rumoroki zikururwa n'imodoka | 2 | 2 | 2 | 2 | 2 | - | - | 2 | 2 | 1 | - |
| Ibinyabiziga bikururwa n'inyamaswa | - | - | 2 | 2 | 2 | - | - | - | - | - | - |

**IBYITONDERWA**

**1.** *Amatara maremare n'amagufi* ashobora gushyirwa mu kirahuri kimwe kimurika imbere y'imodoka urumuri rwera cyangwa ry'umuhondo rudahuma amaso .

**2.** *Itara ryo guhagarara* rishyirwaho gusa iyo ingufu za moteri zirengeje santimetero kibe 125.

**3.** *Itara ndanganyuma* rigomba gushyirwa aherekeye inguni y'ibumoso y'ikinyabiziga.

**4.** *Itara rigufi* rishobora gushyirwa cyangwa kudashyirwa ku binyabiziga bifite moteri y'ingufu zitarenga santimetero kibe 50.

**5.** *Amatara maremare n'ayo kubisikana* ategetswe gukoreshwa gusa iyo umuvuduko w'ikinyabiziga kidapakiye kandi kigeze ahategamye ushobora kurenga kirometero 20 mu isaha.

(6) *Ibinyamitende itatu bifite moteri bigomba kugira amatara abiri ndangambere n'amatara abiri ndanganyuma* yerekana ko ibinyabiziga bihagaze n'utugarurarura rumuri tubiri inyuma, iyo hakurikijwe ubugari bwacyo, ibitegekwa mu ingingo ya 77-3 bidashobora kubahirizwa hakoreshejwe itara rimwe gusa.

(7 ) *Itara ribonesha icyapa kiranga nimero z'ibinyabiziga* ritegetswe gukoreshwa gusa iyo ikinyabiziga kigomba kugira bene icyo cyapa.

(8) .1. Za romoruki zigomba na none kugira inyuma amatara yateganyijwe ku binyabiziga bikurura, iyo imbogamizi itewe nazo ituma amatara yazo atabona neza.

*a) Ibinyabiziga ndakumirwa bigomba kugira itara ry'ubururu rimyatsa riboneka mu mpande zose.*

*b)* ***Ibinyabiziga bifite ubugari burenga metero 2 na santimetero 10 bigomba kugira amatara ndanga burumbarare.***

c) Imodoka zose uretse izagenewe gutwara abantu kandi zifite imyanya 8 zicarwamo hatabariwemo intebe y'umuyobozi kimwe na romoruki zikururwa n'izo modoka **bigomba kugira ibyapa bifite imirongo inyuranyemo itukura n'iyera** ku buryo ku mpande zombi zigira inyuguti ya V icuramye nkuko bigaragara ku rugero ruri ku mungereka wa 9 w'iri teka.

Buri cyapa cyujuje ibimenyetso bivuzwe haruguru kigomba mbere yo gutandikwa, kwemerwa na Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu no gutumanaho.

**2. Uretse amatara n'utugarurarumuri mu gika cya mbere k'iyi ngingo ,hashobora gukoreshwa andi matara cyangwa utugarurarumuri hakurikijwe izi ngingo :**

a) *Ibinyabiziga bishobora gushyirwaho amatara amurita kure cyane***,** amatara kamena-bihu amatara yo gusubira inyuma, n'itara rishakisha rifite ibara ryera cyangwa umuhondo.

b) *Akagarurarumuri gashobora gushyirwa kuri buri tara ndanga*. Akagarurarumuri kamwe cyangwa tubiri dushobora gushyirwa ku mpande z'ikinyabiziga cyangwa ku byo cyikoreye.

c) Ibinyabiziga bikoreshwa butagisi bitegerereza abantu mu nzira nyabagendwa, bishobora gushyirwaho amatara, yerekana icyo bikora, n'imbere itara ry' icyatsi ryerekana ko ikinyabiziga kidakodeshejwe.Imodoka zigishirizwaho nazo zishobora gushyirwaho itara ryerekana ko zikoreshwa.

d) Ibinyabiziga bigenewe imirimo ifitiye rubanda nyamwinshi akamaro cyangwa za otobisi zishobora gushyirwaho amatara yera agenewe kumuruka ibyanditswe byerekana inzira bikurikira n'aho bijya.Iyo ayo matara ari inyuma y'ikinyabiziga, ntashobora kohereza urumuri inyuma.

e) Ibinyabiziga bifite *ubugari burenga* metero 2 na santimetero 10 bishobora gushyirwaho amatara ndanga burumbarare.

f) Ikiranga imbere y'ikinyabiziga gishobora kongerwaho itara ryera cyangwa ry'umuhondo riri imbere, rireba inyuma kandi rimurika uruhande rw'imbere rw'ikinyabiziga. Iryo tara ntirishobora kubera imbogamizi umuyobozi w'ikinyabiziga riteyeho cyangwa abandi bayobozi.

**g)** Buri modoka cyangwa romoruki ikuruwe n'iyo modoka bishobora kugira *itara risa n'icyats*i *kibisi* **bituma umuyobozi yerekana ko yabonye ikimenyetso cy'uwitegura kumunyuraho.'iryo tara rigomba gushyirwa inuma,kandi hafi y' impera y'ibomoso bw' ikinyabiziga.**

h) Ibinyabiziga bihinga n'ibikoresho byabigenewe bikoreshwa n'abapataniye imirimo ntibigomba gushyirwaho amatara yateganyijwe ku gika cya mbere cy'iyi ngingo iyo bitagenda hagati y'uko izuba rirenga n'uko rirashe.

i) Za otobisi zigenewe gutwara abanyeshuri zishobora gushyirwaho amatara abiri asa n'icunga rihishije amyatsa, rimwe riri imbere irindi riri inyuma kugirango zerekane ko zihagaze no kwerekana ko bagomba kwitonda.Ayo matara agomba kumurika muri metero 100 buri ruhande rw'aho zihagarara.

## 3.7. 2. ICYICIRO CYA II: Amategeko yihariye

**Ingingo ya 77:**

1. *Amatara ndanga* yera cyangwa y'umuhondo ari *imbere y'ikinyabiziga* n'amatara ndanga *atukura ari inyuma* y'ikinyabiziga agomba ariko kuba adahumishije cyangwa ngo atere imbogamizi abandi bayobozi, kandi agaragara n'ijoro igihe ijuru rikeye, muri metero300 nibura uhereye imbere n'inyuma h'ikinyabiziga, kamenabihu yo ni muri metero 100.

Nyamara, ku byerekeye amatara y'inyuma y'ibinyamitende na velomoteri iyo ntera iba gusa metero 100.

**3.** Utugarurarumuri tugomba nijoro, igihe rikeye, kubonwa n'umuyobozi w'ikinyabiziga kiri muri metero 150, iyo tumuritswe n'amatara y'urugendo y'icyo kinyabiziga.

Utugarurarumuri turi inyuma ya za romoruki tugomba gusa n'igishushanyo cya mpande eshatu zingana zifite kuva kuri santimetero 15 kugeza kuri 20 kandi rimwe mu masonga yayo ireba hejuru, uruhande ruteganye naryo rukaba rutambitse.

Romoruki zifite ubugari ntarengwa bwa santimetero 80 zishobora gushyirwaho akagarurarumuri kamwe gusa, iyo zikuruwe n'ipikipiki idafite akanyabiziga ku ruhande.

Utugarurarumuri turi ku kindi kinyabiziga kitari romoruki ntidushobora gusa n'igishushanyo cya mpande eshatu.

**4.** Umuguno w'inyuma w'igice kimurika cy'amatara mato ndanga mbere na ndanga nyuma kimwe n'icy'utugarurarumuri tw'imbere n'utw'inyuma, igomba kuba ahatarenga santimetero 40 ku mpande z'ubugari ntarengwa bw'ikinyabiziga.

1. Ahari hejuru cyane y'ubuso bumurika h'amatara mato ndanga mbere na ndanga nyuma, ntihashobora kuba aharenze metero 1 na santimetero 90 hejuru y'ubutaka, iyo ikinyabiziga kidapakiye.Ku byerekeye utugarura rumuri ubwo buhagarike ntibushobora kurenga metero 1 na santimetero 20.

2. Amatara ndanga burumbarare agomba kubonwa nijoro, igihe ijuru rikeye n'umuyobozi w'ikinyabiziga kiri ku ntera ya metero 200 nibura.

3. Amatara yo guhagarara umwanya munini agomba kohereza imbere urumuri rwera ,n'urutukura inyuma, kandi akubahiriza ibyangombwa bituma amatara ndanga mbere na ndanga nyuma agaragara .

**Ingingo ya 78:**

1. Amatara maremare y'ibara ryera cyangwa ry'umuhondo agomba nijoro igihe ijuru rikeye, kumurika mu muhanda ku ntera ya metero **100** nibura imbere y'ikinyabiziga.

Iyo ntera ingana na metero **75** ku binyabiziga bifite moteri itarengeje ingufu ligera kuri santimetero kibe **125** Imiguno y'inyuma y'igice kimurika cy'amatara maremare ntigomba na rimwe iyo ayo matara agizwe n'umubare utari igiharwe, kwegera impera z'ubugari bwose no ku mikaba y'inyuma y'igice kimurika cy'amatara magufi.

Iyo ntera ingana na metero **15** ku binyabiziga bifite moteri itarengeje ingufu zigera kuri santimetero kibe **125**.umuguno wo hejuru w'igice kimurika cy'amatara magufi ntushobora gusumba metero 1na santimetero 20 uhereye ku butaka igihe ikinyabiziga kidapakiye.

Ku binyabiziga bigomba kugira kuri buri ruhande amatara abiri magufi, isonga ry'igice kimurika uhereye ku murongo ugabanya ikinyabiziga mo kabiri mu burebure bwacyo ntigishobora kujya hirya ya santometero 40 ku isonga y'ubugari bw'ikinyabiziga.Imodoka ntishobora **kugira amatara arenze abiri magufi.**

4**. Iyo ikinyabiziga gifite itara ryo gusubira inyuma,** iryo tara rigomba kuba ryarakozwe kandi rigashyirwaho ku buryo ryohereza urumuri rwera cyangwa rw'umuhondo, mu ntera irenga metero 20 kandi rudahuma cyangwa ngo rubangamire abandi bayoyozi.Igituma iryo tara ryaka kigomba kuba ku buryo ryaka gusa iyo usubira inyuma bitangiye.

**Ingingo ya 79:**

**1**. Itara ryo guhagarara ritukura, ridahumisha, kugaragara nijoro igihe ijuru rikeye nibura ni mu ntera ya metero 150, no ku manywa igihe cy'umucyo mu ntera nibura ya metero20.
Iyo itara ryo guhagarara riri hamwe n'itara ndanga nyuma cyangwa rifatanye naryo, rigomba kugira urumuri rubonesha cyane kurusha iryo tara rifatanye naryo.

2. Ahari hejuru cyana h'ubuso buboneka kw'itara ryo guhagarara ntihashobora gusumba metero 1 na santimetero 55 uhereye ku butaka, igihe ikinyabiziga kidapakiye.

3. Iyo ikinyabiziga gifite gusa itara rimwe ryo guhagarara, iryo tara rigomba gushyirwa mu murongo ugabanyije ikinyabiziga mo kabiri ku buryo bungana mu burebure bwacyo cyangwa hagati y'uwo murongo n'impembe y'ibumoso y'ubugari ntarengwa by'ikinyabiziga.

**4. Itara ryo guhagarara rigomba kwaka iyo feri y'urugendo ikoreshejwe.**

**Ingingo ya 80:**

1. Amatara ndanga cyerekazo agomba kuba agizwe n'ibintu bifashe ku rumuri rumyatsa, biringaniye ku buryo bigira umubare utari igiharwe, ku mpande z'imbere n'inyuma z'ikinyabiziga, amatara y'imbere akaba yera cyangwa umuhondo, ay'inyuma akaba atukura cyangwa asa n'icunga rihishije.Ayo matara ashobora gufatanywa n'amatara ndanga n'amatara yo guhagarara.

2. Aho amatara ndanga cyerekezo ashyirwa ku kinyabiziga hagomba kuba hateye ku buryo ibyerekezo byerekanwa nayo matara bibonwa ku manywa na n'ijoro, haba imbere cyangwa inyuma h'ikinyabiziga, n'abagenzi bakeneye kumenya imigendere y'ikinyabiziga.

3. Amatara ndanga cyerekezo agomba kugaragara n'ijoro, igihe ijuru rikeye, mu ntera nibura ya metero **150** no ku manywa igihe cy'umucyo, mu ntera ya metero **20**.

4. Ahari hejuru y'itara ndanga cyerekezo ntihashobora kuba aharenze metero imwe na santimetero 90 hejuru y'ubutaka igihe ikinyabiziga kidapakiye.

5. Imikorere y'imyatsa igomba kuba inshuro **90** mu munota, hashobora kwiyongeraho cyangwa kugabanukaho inshuro zimyatsa 30.

**Ingingo ya 81:**

Itara ribonesha icyapa kiranga nimero rigomba kuba ryera, kandi n'ijoro, igihe ijuru rikeye rigomba gutuma izo numero zisomerwa muri metero 20 nibura inyuma y'ikinyabiziga iyo gihagaze

Iryo tara ntirishobora kwohereza inyuma y'ikinyabiziga urumuri ruturutse mu isoko yarwo.

### 3.7. 3. ICYICIRO CYA III: Inyamaswa n'ibinyabiziga bikururwa n'inyamaswa

**Ingingo ya 82:**

1. Iyo amatara yateganyijwe mu ngingo ya 76 adashobora gushyirwa ku kinyabiziga bitewe n'imiterere yacyo cyangwa n'imizigo gitwaye, umuherekeza agomba gutwara ku ruhande rw'imberere kandi ibumoso bw'ikinyabiziga, itara ryera cyangwa ry'umuhondo rimurika ryerekeza imbere, naho umuherekeza wa kabiri agatwara ku rundi ruhande rw'inyuma ibumoso bw'ikinyabiziga ,itara ritukura rimurika ryerekeza imbere.

2. **Kuva bwije kugeza bukeye umuyobozi w'inyamaswa** zikurura cyangwa izikorera ibintu zitaziritse cyangwa amatungo, biri mu nzira nyabagendwa agomba gutwara itara ry'urumuri rwera cyangwa rw'umuhondo ribonesha ku mpande zose.

3. Iyo umukumbi ugizwe n'amatungo maremare arenze ane cyangwa amatungo magufi arenze atandatu ugaragazwa: n'itara ry'urumuri ryera cyangwa umuhondo ritwawe imbere y'umukumbi, n'itara ry'urumuri rutukura ritwawe inyuma y'uwo mukumbi.

## 3.8. UMUTWE WA VIII: Andi mategeko

### 3.8.1. ICYICIRO CYA I: Amahoni

**Ingingo ya 83:**

1. Ibinyabiziga bigiye kuvugwa bigomba kuba bifite ibikoresho by'ihoni byumvikanira:

- Ku ntera ya metero 100 ku binyabiziga bigendeshwa na moteri, iyo ntera igashobora kungana na Metero 50, iyo umuvuduko w'ibinyabiziga bidapakiye udashobora kurenga kirometero 50 mu Isaha ahategamye.
- Ku ntera ya metero 20 kuri velomoteri.

Amahoni y'ibinyabiziga bigendeshwa na moteri agomba kohereza ijwi ry'injyana imwe, rikomeza Kandi ridacengera amatwi.

2. Ibinyabiziga ndakumirwa kimwe n'ibinyabiziga bikora mu muhanda, bishobora kugira ihoni ridasanzwe ridahuje n'ibiteganywa muri iki gika uretse ihoni riteganywa mu gika cya mbere

### 3.8.2. ICYICIRO II: Uturebanyuma

**Ingingo ya 84**

Ikinyabiziga cyose kigendeshwa na moteri kigomba kugira nibura a*karebanyuma* gateye kuburyo umuyobozi uri ku ntebe ashobora *kugenzura ibigendera mu muhanda inyuma n'ibumoso bw'ikinyabiziga nko kubona ikindi kinyabiziga cyatangiye kumunyuraho ibumoso*.Ni nako bitegetswe ku kinyabiziga gikururwa n'inyamaswa gifite akazu k'umuyobozi.
Iyo imiterere y'ikinyabiziga cyagwa ibyo cyikoreye bidatuma akarebanyuma kari ku kazu k'ikinyabiziga gashobora gukora neza umurimo kagenewe, uturebanyuma tugomba gushyirwa kuri buri rubavu rw'ikinyabiziga.

### 3.8.3. ICYICIRO CYA III: Ikirahuri gihagarika umuyaga; Ibirahuri; Agahanagura-kirahuri

**INGINGO YA 85:**

***1.*** *Ku kinyabiziga cyose no kuri buri romoruki:*

a) Ibintu bibonerana bigize igice cy'inyuma k'ikinyabiziga habariwemo ikirahuri gihagarika umuyaga cyangwa ibigize ikibambasi cy'imbere bigomba kuba bikoze ku buryo iyo bimenetse ibyago byo gukomereka byagabanuka uko bishoboka kose

b) Ibirahuri byo guhagarika umuyaga bigomba kuba bikozwe mu bintu bibonerana bidacuya kandi bikaba bikoze ku buryo bidahindura isura y'ikireberwamo kandi mu gihe bimenetse, umuyobozi agakomeza kubona bihagije inzira nyabagendwa.

2. Ikinyabiziga cyose kigendeshwa na moteri gifite **igihagarika –muyaga** uretse amapikipiki, kigomba kugira nibura agahanagura – kirahuri kamwe, ku buryo mu kugakoresha bidasaba umuyobozi guhora agakoresha.
Agahanagura – kirahuri kagomba guhanagura neza ubuso buhagije kugira ngo umuyobozi ashobore kubona neza umuhanda yicaye mu ntebe.

4. Buri kinyabiziga gitegetswe kugira nibura **agahanagura – kirahuri** kamwe kigomba no kugira **akoza-kirahuri** gatuma umuyobozi abona neza cyane kandi buri gihe arebeye mu gihagarika-muyaga.

### 3.8.4. ICYICIRO CYA IV: Umwotsi, imyuka, insaku

**Ingingo ya 86:**

**1.** Ibinyabiziga bigendeshwa na moteri na velomoreri bigomba kuba bikoze ku buryo bitagenda bimena bidasanzwe amavuta binavubura ibyotsi bicumba, bicumba umwotsi, uretse moteri yakijwe, kandi bitabangamiye rubanda cyangwa ngo bitere ubwoba inyamaswa kubera urusaku, ibyo ari byo byose ntibishobora gusakuza birengeje ingero ntarengwa zivugwa ku mugereka wa 13 w'iri teka.

**2.** Moteri yose ikoreshwa n'ubushyuhe igomba kugira impombo yohereza imyotsi ku buryo nyabwo idasakuza kandi umuyobozi akaba atashobora kuyibuza gukora neza mu rugendo.Impombo yohereza ibyotsi idafite *akagabanya rusaku irabujijwe* Kimwe n' ikindi gikorwa kigamije gukuraho cyangwa kugabanya imikorere myiza y' impombo yohereza imyotsi idasakuza .Isonga y'impombo yohereza ibyotsi ntigomba kwerekezwa iburyo bw'ikinyabiziga.

3. ***Mu nsisiro, birabujijwe gusakurisha moteri igihe ikinyabiziga gihagaze moteri yaka.***

### 3. 8.5. ICYICIRO CYA V: Inziga

**Ingingo ya 87**

**1.** Ibiziga by'ibinyabiziga bigendeshwa na moteri n'ibya velomoteri kimwe n'ibya romoruki zabyo bigomba kuba byambaye inziga zihagwa zifite amano n'ubujyakuzimu *butari munsi ya milimetero imwe ku mirongo yabyo yose* n'ubudodo bwabyo ntibugire ahantu na hamwe bugaragara kandi ntibigire aho byacitse bikomeye mu mpande zabyo.

✓ Nyamara ibimaze kuvugwa ntibikurikizwa ku binyabiziga bidapakiye kandi bitajya birenza umuvuduko wa kirometero 25 ahategamye.

3. Inziga z'ibiziga zigomba kugira imirongo itagira utunogo n'udushundu dushobora kwangiza inzira nyabagendwa.

Inziga zishobora gushyirwaho iminyururu irwanya ubunyerere, ibyo bikorwa gusa kugirango kuva ahantu hari urwondo cyangwa hanyerera bidasanzwe bishoboke.

3. Birabujijwe kugenza ibinyabiziga bigendeshwa na moteri na za romoruki zikururwa nabyo, iyo ibiziga byambaye inziga zidahagwa, c*yangwa inziga zikururuka zifite umubyimba uri hasi ya santimetero 4* cyangwa zifite ubugari, aho bwabarirwa hose, budashyitse kuri 2/3 by'ubugari bw'uruziga rukiri rushya.

4. **Ibivugwa mu gika cya 3, ntibikurikizwa**:

   a) **Ku binyabiziga bihinga**,iyo bigendeshwa mu karere katarenga kirometero 25 uvuye aho ziba;

   b) **Ku bikoresho bidasanzwe bikoreshwa n'abapatanyi b'imirimo**, biva aho bibikwa bijya aho bikoreshwa cyangwa iyo bitahutse cyangwa se iyo byimutse aho byakoreraga bijya gukora ahandi, kimwe no ku binyabiziga bidasanzwe bibunza mu masoko ibicuruzwa bidashobora kugendera mu nzira

   zikozwe muri kawucu, iyo ugupakira kw'ibyo bikoresho n'ibinyabiziga bidasanzwe ku binyabiziga bisanzwe bigendera mu muhanda byatera imbogamizi cyangwa impanuka.

- ✓ Nyamara, ibinyabiziga binyuranye byavuzwe mu bika a) na b) bishobora kunyuzwa mu nzira nyabagendwa gusa iyo bidashobora kuyangiza.

### 3.8.6. ICYICIRO CYA VI: Amategeko anyuranye

**Ingingo ya 88:**

**1.** Buri kinyabiziga kigendeshwa na moteri kigomba kugira ibyuma boyobora bikomeye bituma umuyobozi akata ikinyabiziga cye ku buryo bworoshye, bwihuse kandi bwizewe.

**2.** Buri modoka igomba kugira uburyo bwo gusubira inyuma ku ntebe y'umuyobozi

**3.** Buri kinyabiziga gishobora kurenza umuvuduko wa kilometero 40 mu isaha kigomba kugira icyerekana umuvuduko kiri aho umuyobozi areba kandi kigahora kitabwaho kugira ngo kigumye gukora neza.

**4.** Buri modoka yagenewe **gutwara abantu , ariko umubare wabo ntarengwa ukaba munsi ya 6,umuyobozi** abariwemo,kigomba kugira imikandara yo kurinda ibyago igenewe umuyobozi n'umugenzi wicaye ku ntebe y'imbere.Ishobora no kugira imikandara ku zindi ntebe z'inyuma.**Ibiranga imikandara yo kurinda ibyago bigenwa na Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu.**

**5. Buri kinyabiziga kigomba kugira ibi bikurikira :**

*a)* **Icyapa kiburira** cya mpandeshatu zingana na santimetero 40 nibura buri ruhande, **imikaba y'ibara ritukura** ya santimetero 5 nibura z'ubugari, nta ndiba cyangwa bifite indiba y'ibara rigaragara, imikaba y'ibara ritukura ikaba ibengerana cyangwa ifite umusozo ngarurarumuri, byose hamwe bikaba bishobora guhagarikwa ku buryo bufashe.

*b)***Agahago k'ubutabazi** karimo byibura ibipfuko 4 bitanduza byagenewe buri muntu, **udufashisho tw'ibipfuko 4 cyangwa ibikwasi 4 bitifunga Agacupa k'imiti karimo umuti wica mikorobi, inyandiko,˝ubutabazi bwihutirwa mu gihe hategerejwe muganga n'inyandiko " *˝Gufasha guhumeka umunwa ku wundi".***

**6.** Buri modoka igomba kugira ikintu kiyibuza kwibwa gituma itava aho iri cyangwa kigafunga icyuma cyayo cy'ingenzi igihe ihagaritswe igihe kirekire.

**7.** Ikinyabiziga kigendeshwa na moteri kiriho ibyuma ntamenwa cyangwa ikindi cyose gituma ikoreshwa mu gutera cyangwa kwitabara **ntigishobora kugenda mu nzira nyabagendwa kidafite uruhushya rwihariye rwa Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu cyangwa umuhagarariye.**

- ✓ ***Ibimaze kuvugwa ntibikurikizwa ku binyabiziga by'ingabo z'igihugu.***

8. *Birabujijwe kwongera ku mpande z'ikinyabiziga kigendeshwa na moteri cyangwa velomoteri imitako cyangwa ibindi bifite imigongo cyangwa ibirenga k'umubyimba bitari ngombwa kandi bishobora gutera ibyago abandi bagendera mu nzira nyabagendwa.*
9. Uretse igihe gikururwa n'ikindi kinyabiziga, ***nta kinyabiziga gifite moteri gishobora kugenda mu mihanda ahamanuka,igihe moteri itaka cyangwa igihe vitensi idakora.***

**Ingingo ya 89:**

Haseguriwe amategeko ateganywa n'ingingo ya 59,70-2 n'iya 72, nta kinyabiziga na kimwe gishobora kujyanwa cyangwa gukomeza kugendeshwa mu nzira nyabagendwa niba kidakurikije amategeko y'igice cya I icy'iri teka.

Nyamara ibinyabiziga bijyanwe ku muhanda hatarashira igihe cy'imyaka 2 iri teka ritangiye gukurikizwa ntabwo birebwa n'ibivugwa ku ngingo ya 80-1,85-1,85-3,88-4 na 88-5.

**Ingingo ya 90:**

Ingingo ya 57, 61, 70,71-1 kimwe n'ingingo ya 76, igihe ivuga itara ryo guhagarara n'amatara yerekana icyerekezo *ntizikurikizwa ku binyabiziga by'ingabo z'igihugu*, iyo imyubahirizwe yazo ibangamiye imiterere cyangwa umurimo w'umwanya muto cyangwa **uzatinda** by'ikinyabiziga.

# 4. IGICE CYA KANE: IBIMENYETSO

## 4.1. UMUTWE I: Amategeko rusange

**Ingingo ya 91:**

1. Ibimenyetso bigenga uburyo bwo kugendera mu muhanda birimo ibyiciro bitatu:

   a) **Ibyapa**
   b) **Ibimenyetso bimurika**
   c) **Ibimenyetso byo mu muhanda.**

2. Ibitegekwa byerekanwa n'amatara n'ibimenyetso bimurika birusha ububasha amategeko agenga ibitambuka mbere, ibitegekwa byerekanwa n'ibyapa bigenga ibigomba guhita mbere kimwe n'ibimenyetso byo mu muhanda.

3. *Bitabangamiye ibikurikizwa mu ngingo ya 5, igika cya 6, abagendera mu nzira nyabagendwa bagomba kubahiriza ibitegekwa n'ibyapa, ibimenyetso bimurika n'ibimenyetso byo mu muhanda,* n'iyo bitegetswe aho bageze bisa n'aho binyuranye n'andi mategeko agenga ibigendera mu muhanda.

4. ***Ishyirwaho ry'ibimenyetso rigenwa na Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu ku mihanda y'Igihugu n'iy'Imigi, rikagengwa na njyanama z'uturere ku byerekeye imihanda y'uturere.***

## 4. 2.UMUTWE WA II: IBYAPA BYO KU MIHANDA

**Ingingo ya 92:**

1. **Ibyapa byo ku mihanda bigizwe:**

A) N'ibyapa biburira, ibyo gutambuka mbere,

B) Ibimenyetso bibuza cyangwa bitegeka,

C) N'ibyapa ndanga.

2. *Ibyapa byo ku mihanda bigomba gushingwa ku ruhande rw'iburyo bw'umuhanda* **ku buryo umusozo wo hasi udashobora kuba munsi ya metero 1 na santimetero 50 cyangwa hejuru ya metero 2 na santimetero 10 uhereye ku butaka uretse ibyapa by'agateganyo.**

3. *Igisobanuro cy'icyapa gishobora kuzuzwa*, gusiganurwa cyangwa kugenwa n'ibyapa **by'inyongera bigizwe n'ibyapa by'urukiramende bifite ibigereranyo cyangwa inyandiko by'ibara ryirabura kiri ku buso bwera buzengurutswe n'umurongo wirabura cyangwa wera ku buso bw'ubururu kandi bigashyirwa munsi y'icyapa kibyegereye.**

## 4.2.1. ICYICIRO CYA MBERE: Ibyapa biburira n'ibyo gutambuka mbere

**Ingingo ya 93:**

1. ***Ibyapa biburira*** *bibereyeho kumenyesha umugenzi ko hari icyago*,bikerekana imiterere yacyo kandi *bikamutegeka ubwitonzi budasanzwe* kugira ngo imigenzereze ye ihure n'imiterere n'ububi bw'icyago cyerekanywe.
***Naho ibyapa byo gutambuka mbere*** bibereyeho kumenyesha abagendera mu nzira nyabagendwa amategeko yihariye yo gutambuka mbere mu inkomane, ibyo byapa byose bishobora kugira ibyo bibuza.

2. Ibyapa biburira n'ibyapa byo gutambuka mbere bishushanyije ku mugereka wa mbere w'iri teka hamwe n'ibigereranyo byerekana imiterere y'icyago ***bimeze nka mpandeshatu ndinganire*** **ifite ubuso bwera buzengurutswe n'ibara ritukura, uretse ibapa nº A, 28,a,b, na C; A,30; A,31; B.2 a na b; B4;B5;B6 na B7a na b.**

**Ingingo ya 94:**

1. **Ibyapa biburira** ibyago n'ibyapa byo gutambuka mbere *bishyirwa iburyo hakurikijwe ibyerekezo abagenzi* bireba baganamo bitewe n'imiterere y'aho hantu icyapa cya kabiri kimeze nk'icya mbere cyashyizwe iburyo gishobora gushyirwa ibumoso.

2. **Ahatari mu nsisiro, ibyapa biburira n'ibyapa byo gutambuka mbere bigomba gushyirwa mu ntera kuva kuri metero 150 kugeza kuri 200 y'ahantu habi byerekana**. Iyo bitewe n'imiterere y'ahantu intera itandukanya icyapa n'ahantu habi iri munsi ya metero 150 ku buryo bugaragara, iyo ntera yerekanishwa icyapa cy'inyongera nº F, 1.

***3. Hanyuranyijwe n'ibivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo:***

a) Ibyapa nºA, 22, B1 na B2 bigomba gushyirwa hafi cyane hashobotse y'amasangano byerekana, buri cyapa gishobora kubanzirizwa n'ikindi nkacyo gishizwe ku ntera irenzeho uhereye ku isangano kandi ikarangwa n'icyapa cy'inyongera nº F, 1.
*b) Ibyapa nº B, 28 a, A, 28b, na B2 bigomba gushyirwa, kimwe muri metero 150 ikindi muri metero 100, ikindi muri metero 50 uhereye ku masangano y'inzira nyabagendwa n'umuhanda wa gariyamoshi.*
c) Ibyapa nº B,7a na B,7b bigomba gushyirwa ku ruhande rw'iburyo bw'amasangano y'inzira nyabagendwa n'umuhanda wa gariyamoshi biranga.

4. Iyo ahantu icyago cyaranzwe kiri ari harehare, uburebure bw'igice cy'inzira nyabagendwa icyo cyago kirimo bushobora kwerekanwa n'icyapa cy'inyongera nº F,2.

5. Mu nsisiro, ibyapa biburira bigomba gushyirwa iruhande neza y'ahantu habi.

Nyamara, ibyapa A, 6; 11 na A, 16 bigomba gushyirwa ku ntera iringaniye y'ahantu habi kandi iyo ntera igomba kwerekanwa n'icyapa nº F,1.

6. Iyo icyapa kiburira gishinze aho inzira nyabagendwa irasukira,icyapa cy'inyongera kigizwe n'akarangakerekezo kirabura gashobora kwerekana icyerekezo cy'ahantu habi ,iyo aho hantu hari kuri iyo nzira nyabagendwa.

**Ingingo ya 95:**

Icyapa nº A, 22 gishobora gushyirwa ku nzira nyabagendwa gusa iyo andi mayira arasukira mu masangano ariho icyapa nº B, 1; B, 1; B, 2.a; cyangwa B, 2, b

**Ingingo ya 96:**

Icyago kiterekanywe n'ikigereranyo kiri k'umugereka wa mbere w'iri teka gishobora kurangwa n'icyapa cy'inyongera cyerekana icyo cyago, gishobora kandi kwerekanwa hakoreshejwe ikigereranyo kiboneye kitari mu mugereka wavuzwe.

## 4.2.2. ICYICIRO CYA II: Ibyapa bibuza cyangwa bitegeka

**Ingingo ya 97:**

1. **Ibyapa byereka abagenda ibyo babujijwe cyangwa bategetswe**:

   Bimeze nk'ingasire, Iyo ngasire izengurutswe n'ibara ritukura kandi ubuso bukera iyo igihe icyapa Kibuza; **U**retse ibyerekeye ibyapa bibuza guhagarara umwanya muto cyangwa munini bifite ubuso bw'ubururu.ingasire igira ibara ry'ubururu iyo icyapa gitegeka.

2. Ibigereranyo bisiganura imiterere y'ikibuzwa cyangwa y'igitegekwa bishushanyije mu migereka ya 2 na 3 y'iri teka.

3**. Ibyapa by'inyongera** bishobora kumenyesha ubugerure cyangwa amarangamategeko rusange cyangwa Ibibujijwe cyangwa ibitegetswe byihariye.

**Ingingo ya 98:**

- ✓ ***Ibyapa bibuza n'ibitegeka bikurikizwa gusa mu gice cy'inzira nyabagendwa kiri hagati y'aho bishinze n'inkomane ikurikiye ku ruhande rw'inzira bishinzeho.***

**Ingingo ya 99:**

1. *Ibyapa bibuzwa bishyirwa iburyo hakurikijwe icyerekezo abagenzi bireba baganamo,* bitewe n'imiterere y'aho hantu icyapa cya kabiri kimeze nk'icya mbere cyashizwe iburyo, gishobora gushyirwa ibumoso.

2. Ibyapa nº C, 20a (guhagarara umwanya munini babisikana) na C, 20b (kubuza guhagarara umwanya muto no guhagarara umwanya munini babisikana) bigomba gushyirwa kuri buri ruhande rw'inzira bigenewe, bikaba ari umubare uhagije kugirango bishobore kugaragara neza kuva ku cyapa kimwe kugeza ku kindi.
**Nta na rimwe intera iri hagati y'ibyapa bibiri byavuzwe ishobora kurenga metero 100.**

**Ingingo ya 100:**

Hanyuranyijwe n'ibivugwa mu ngingo ya 98, ibibujijwe biri ku byapa nº C ,18 (kubuza guhagarara umwanya munini) na Nº C, 19 (kubuza guhagarara umwanya muto no guhagarara umwanya munini)bishobora kugarukira mu ntera iri hagati y'ibyapa bibiri bivuzwe haruguru *byuzuzwa n'ibyapa by'inyongera bibiri*:***kimwe ni akarangacyerekezo k'umukara gahagaze gafite isonga rireba hejuru,ikindi ni akarangacyerekezo k'umukara gafite isonga ireba hasi.***

**Ingingo ya 101:**

Iyo ibibuzwa byinshi byubahirizwa ahantu hamwe, ibigereranyo bibyerekeye bishobora gushyirwa hamwe ku ngasire imwe.***Nyamara umubare w'ibigereranyo biteraniye ku ngasire imwe ntushobora kurenga bitatu.***

**Ingingo ya 102:**

Ibyapa bitegeka bishyirwa ahantu birushijeho kubonwa neza nabo bigenewe.

### 4.2.3. ICYICIRO CYA III : Ibyapa biyobora

### Ingingo 103

1. ***Ibyapa biyobora bigamije kuyobora no gusobanurira abagenzi b'inzira nyabagendwa,*** bishushanyije mu ngereka ya 4 y'iri teka.

2. Ibyapa biyobora bishyirwa ahantu haboneye kurushaho hakurikijwe uko icyo byerekana kimeze.

## 4.3. UMUTWE WA III: IBIMENYETSO BIMURIKA

### 4.3.1. ICYICIRO CYA I: Ibimenyetso bimurika byerekana uko bagenda mu muhanda

**Ingingo ya 104:**

**10. Amatara y'ibimenyetso bimurika ku buryo bw'amatara atatu asobanuye atya:**

*a)* **Itara ritukura rivuga :** *Birabujijwe kurenga icyo kimenyetso;*

**b)** **Itara ry'umuhondo :** *Gutambuka umurongo wo guhagarara umwanya muto,*cyangwa igihe uwo murongo werekana udahari icyo kimenyetso ubwacyo, keretse igihe ryatse akiri hafi cyane ku buryo yaba atagishoboye guhagarara mu buryo butamuteza ibyago;nyamara iyo ikimenyetso kiri mu masangano umuyobozi arenze umurongo wo guhagarara cyangwa ikimenyetso muri ubwo buryo,ashobora kwambukiranya amasangano gusa ari uko atateza abandi ibyago.

*c)* **Itara ry'icyatsi rivuga:***uburenganzira bwo kurenga icyo kimenyetso*

2. **Itara ritukura,** itara ry'umuhondo rimyatsa n'iry'icyatsi kibisi, ashobora gusimburwa uko akurikirana na kamwe cyangwa uturangacyekezo tw'itara ritukura, iry'umuhondo cyangwa icyatsi kibisi.

**Utwo turangacyerekezo dusobanura kimwe n'amatara** *ariko icyo tubuza cyangwa icyo dutangira uburenganzira kigarukira ku byerekezo byerekanwa n'utwo turangacyerekezo.*

3. *Iyo itara rimwe cyangwa menshi y'inyongera agaragazwa n'akarangacyerekezo kamwe cyangwa twinshi ducaniwe rimwe n'itara ritukura cyangwa ry'umuhondo*, **uturangacyerekezo tuvuga uburenganzira bwo gukomeza urugendo** gusa mu byerekezo byerekanwa n'utwo turangacyerekezo upfa kureka abandi bayobozi bakurikije amategeko kimwe n'abanyamaguru bagahita.

4. **Iyo mu itara harimo ishusho y'umunyamaguru imuritswe cyangwa y'igare ibyo bireba gusa abanyamaguru cyangwa abayobozi b'amagare n'aba velomoteri y'imitende ibiri.**

5.Amatara atukura n'ay'icyatsi kibisi y'ibimenyetso bimurika *by'amabara abiri bisobanura kimwe n'amatara ahuje ayaka ku buryo butatu.*Iyo yakiye rimwe asobanura kimwe n'itara ry'umuhondo mu buryo bwakamo amabara atatu.

Ibimenyetso bimurika ku buryo *bw'amabara abiri* bishyirwaho nk'abanyamaguru; muri icyo gihe *itara ritukura n'iry'icyatsi kibisi* **asobanura uko akurikiranye ko bibujijwe n'uko byenewe kwinjira mu muhanda, urugero: kurangira kwemererwa n'uko itara ry'icyatsi kibisi rimyatsa.**

6. *Iyo ikimenyetso kimurika cyagenewe ikinyabiziga kidakora***, itegeko rigenga gutambuka mbere kw'iburyo ritarakurikizwa**,keretse iyo hari icyapa cyerekana uturutse inzira iyi n'iyi ariwe uhita mbere y'abaturutse mu zindi.

7. *Iyo ikimenyetso kimurika cyagenewe ibinyabiziga bihagaze hakomeje gukora amatara atukura ku yindi nzira,* abayobozi bagenda mu nzira nyabagendwa, abo ikimenyetso kimurika cyakomeje kwaka *bashobora kurenga icyo kimenyeto bapfa gusa kubigirana ubwitonzi budahuga* no kubanza kumenya, bakurikije nk'ibivugwa mu ngingo ya 15 n'iya 26, ko batatera ibyago cyangwa imbogamizi abandi bagenzi bo mu nzira nyabagendwa.

**Ingingo ya 105:**

**1. Itara ritukura rishyirwa hejuru y'itara ry'icyatsi kibisi**

Iyo ikimenyetso gifite itara ry'umuhondo, iri rishyirwa hagati y'itara ritukura n'itara ry'icyatsi kibisi.

**Amatara y'inyongera agizwe n'akarangacyerekezo k'ibara ry'icyatsi kibisi**, ashyirwa munsi cyangwa iruhande rw'itara ry'icyatsi kibisi.

## 2. Amatara akurikirana ku buryo bukurikira:

*a) Ku bimenyetso by'uburyo bw'amatara atatu*

**Itara ry'umuhondo ryaka nyuma y'itara ry'icyatsi kibisi**

**Itara ritukura ryaka nyuma y'itara ry'umuhondo**

**Itara ry'icytatsi kibisi ryaka nyuma y'itara ritukura**

**c) Ku bimenyetso by'uburyo bw'amatara abiri**

- ✓ **Itara ritukura n'itara ry'icyatsi kibisi azima akurikirana yabanje kwakirizwa rimwe.**

**11.** Ubuso bumurika bw'amatara bukozwe n'uruziga rw'umurambararo wa santimetero 18 kugeza kuri santimetero 21 naho umurambararo ntarengwa ugeze kuri santimetero 5 ku matara y'inyongera yashyiriweho abanyamaguru ku buhagarike ntarengwa bungana na metero imwe na santimetero 50.

**Ingingo ya 106:**

1. Ibimenyetso bimurika byerekana uburyo bwo kugendera mu muhanda kw'ibinyabiziga *bishyirwa iburyo bw'umuhanda ukurikije icyerekezo abagenzi bireba baganamo.*

**Ariko, bishobora no gushyirwa ibumoso cyangwa hejuru y'umuhanda n'ahandi hose bitunganiye uburyo bwo kugenda mu muhanda kugirango birusheho kugaragara bneza.**

**12.** *Ibimenyetso bimurika byo kugendera mu muhanda biri mu buryo bw'amatara abiri* **bishobora gushyirwa hejuru y'ibisate by'umuhanda, bikavuga ibi bikurikira:**

*a)* **Itara ritukura,** (ryitiriwe umusaraba wa mutagatifu Andereya) ***risobanura ko kugenda kuri icyo gisate cy'umuhanda rigenga bibujijwe ku bayobozi bakigana;***

*b)* **Itara ry'icyatsi kibisi risa n'akarangacyerekezo gafite isonga ryerekeye hasi, *risobanura ko kugenda ku gisate cy'umuhanda rigena byemewe ku bayobozi bakigana.***

*13.* **Ahantu uburyo bwo kugendera mu muhanda byerekanwa n'ibimemyetso bimurika**, ***ibinyabiziga bishobora kuhagenda biteganye n'aho umubare wabyo utatuma biba ngombwa.***

### 4.3.2. ICYICIRO CYA II: Ibimenyetso by'amatara amyatsa

**Ingingo ya 107:**

1. **Kugirango berekane ahantu habi cyane**, ***hakoreshwa ikimenyetso cy'itara ry'umuhondo rimyatsa*** rivuga uburenganzira bwo gutambuka icyo kimenyetso barushijeho kwitonda.Iryo tara rigomba kugaragara n'ijoro no ku manywa, ntacyo rihindura ku mategeko agenga uguhita mbere.

2. Iyo itara ry'umuhondo rimyatsa rikoreshejwe mu masangano y'amayira ahwanyije agaciro, rishyirwa kuri buri nzira cyangwa hagati y'amasangano ku buryo ribonwa n'umuyobozi wese ugiye kuyinjiramo.

3. Iyo itara ry'umuhondo rimyatsa riri ku kintu kimwe n'ibimenyetso bimurika byerekana uburyo bwo kugenrera mu muhanda, cyangwa hafi yacyo, **ntirishobora kwakira rimwe na byo.**

### 4.3.3. ICYICIRO CYA III: Ibikoresho ngarura-rumuri

**Ingingo ya 108:**

1. Imbibi ziri ku mpera z'ubwihugiko bw'abanyamaguru kandi ziri ku muhanda kimwe n'imbibi n'ibindi bikoresho bigenewe gutuma bagenda mu muhanda nta muvuduko **zisigwa irangi ry'umuhondo ngarurarumuri.**

2. **Amatara cyangwa ibikoresho ngarura-rumuri** bikoreshwa kugirango *bigaragaze inkengero z'inzira nyabagendwa* bigomba gushyirwaho ku buryo abagendera kuri iyo nkengero ihwanye n'uburyo bwo kugendera mu muhanda *babona gusa iburyo bwabo iby'ibara ritukura* cyangwa risa n'icunga rihishije *naho ibumoso bwabo iby'ibara ryera.*

## UMUTWE WA IV: IBIMENYETSO BIRI MU MUHANDA

**Ingingo ya 109:**

Ibimenyetso byo mu muhanda: ni ibimenyetso byashyizwe mu muhanda cyangwa mu nkengero z'utuyira tw'abanyamaguru cyangwa inkengero zigiye hejuru ku muhanda *bigenewe gutunganya uburyo bwo kugendera mu muhanda, cyangwa kuburira cyangwa se kuyobora abagendera mu muhanda*.
**Bishobora gukoreshwa byonyine cyangwa biri kumwe n'ibindi bimenyetso.bishushanyije ku mugereka wa 6 w'iri teka.**

### 4.4.1. ICYICIRO CYA I: Ibimenyetso birombereje

**Ingingo ya 110:**

**1**. ***Ibimenyetso birombeje bigizwe n'imirongo iteganye n'umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri.***
**Bishobora kuba bigizwe:**

a) Umurongo udacagaguye
b) Umurongo ucagaguye
c) Umurongo udacagaguye n'umurongo ucagagaguye ibangikanye.

**2.** ***Umurongo wera udacaguye***: uvuga ko umuyobozi wese abujijwe kuwurenga.Kandi birabujijwe Kugendera ibumoso bw'umurongo wera udacagaguye, iyo uwo murongo utandukanya ibyerekezo byombi by'umuhanda.

**3.** ***Umurongo ucagaguye:*** uvuga ko buri muyobozi abujijwe kuwurenga, keretse mu gihe agomba Kunyura ku kindi kinyabiziga, gukatira ibimoso, guhindukira cyangwa kujya mu kindi gice cy'umuhanda.**Iyo uduce tw'umurongo ucagaguye ari tugufi kandi twegeranye cyane,** tuvuga ko umurongo ukomeza wegereje.

**4.** ***Iyo umurongo wera ukomeje n'umurongo wera ucagaguye ubangikanye*** umuyobozi agomba kwita gusa ku murongo urushijeho kumwegera.

Umuyobozi warenze umurongo ucagaguye n'umurongo udagacaguye ibangikanye kugirango anyure ku kindi kinyabiziga ashobora kongera kuyirenga kugirango asubire mu mwanya we ukwiye mu muhanda.

5. ***Mu muhanda ufite ibice binyuranamo gikikijwe n'uduce tugari dufatanye tw'ibara ryera***, ibinyabiziga bigenda buhoro n'ibinyabiziga bitwara abantu muri rusange, bigomba kunyura muri icyo gice cy'umuhanda, bishobora nyamara kunyura mu gice gikurikiyeho ibumoso bishaka kunyura ku bindi binyabiziga bipfa gusa kugaruka mu mwanya wabyo ukwiye mu muhanda bikimara kubinyuraho.

**6. Igice cy'inzira nyabagendwa kigarukira ku mirongo ibiri yera icagaguye ibangikanye kandi gifite ubugari buhagije kugirango imodoka zitambuke neza, kiba ari agahanda k'amagare.**

**7.** Umurongo wera udacagaguye ushobora gucibwa ku nkombe nyayo y'umuhanda umusezero w'inzira y'abanyamaguru cyangwa w'inkengero y'umuhanda yegutse *kugirango biboneke ku buryo burushijeho.*

**8**. ***Umugongo w'umuhondo ucagaguye uciye ku nkombe nyayo y'umuhanda, umusezero w'inzira y'abanyamaguru cyangwa w'inkengero y'umuhanda yegutse*, bivuga ko uguhagarara umwanya munini bibujijwe kuri uwo muhanda ku burebure bw'uwo murongo.**

**9**. *Umurongo mugari wera udacagaguye ushobora gucibwa ku muhanda kugirango ugaragaze inkombe mpimbano yawo.*

**Igice cy'umuhanda kiri hakurya y'uwo murongo kigenewe guhagararwamo umwanya munini** *uretse ku byerekeye imihanda irombeje y'ibisate byinshi n'imihanda y'imodoka.*

**Intangiriro n'iherezo by'aho hantu hahagararwamo umwanya munini bishobora kugaragazwa n'umurongo wera udacagaguye wa mbukiranya umuhanda.**

- ✓ Imyanya ibinyabiziga bigomba guhagararamo ishobora kugaragazwa n'imirongo yera yambukiranya umuhanda.

10. Mu gihe iyo mirongo nta wundi yagenewe, imirongo yera irombereje igomba kugira *ubugari* buri hagati ya santimetero 10 na santimetero 15 naho imirongo migari igomba kugira *ubugari* buri hagati ya metero 40 na santimetero 60.
*Uburebure n'ubutandukane by'uduce tw'umurongo* ucagaguye bizaba ku buryo bukurikiranye hagati ya metero 1 na metero 5 no hagati ya metero 3 na metero 15.

***11. Imigongo yera irombereje ishobora gusimburwa n'imitemeri hakurikijwe ibi bikurikira:***

a) *Umurongo udacagaguye ugizwe n'imitemeri y'ibara ryera* cyangwa risa n'icyuma, iri mu ntera ngufi igenda ingana hagati yayo.

b) *Umurongo ucagaguye ugizwe n'imitemeri y'ibara ryera cyangwa risa n'icunga ishyizweho mu dutsiko*, muri two imitemeri igashyirwa mu ntera ngufi ikagenda ingana hagati yayo, utwo dutsiko twose natwo ubwatwo tukaba dutandukanijwe n'intera igiye isumbaho.

**14.** ***Ibimenyetso by'agateganyo bigizwe n'imitemeri y'ibara risa n'icunga rihishije* bishobora gusimbura imirongo yera irombereje, idacagaguye n'icagaguye hakurikijwe amabwiriza yashyizweho mu gika cya 11 cy'iyi ngingo.**

**Ibimenyetso by'agateganyo bivanaho agaciro k'ibimenyetso birombereje byera biri ahantu hamwe.**

## 4.4.2. ICYICIRO CYA II: Ibimenyetso byambukiranya

**Ingingo ya 111:**

**1. Umurongo mugari wera udacaguye uciye ku buryo bugororotse ku nkengero y'umuhanda:** *werekana aho abayobozi bagomba (no) guhagarara akanya gato gategetswe babyeretswe n'icyapa NºB,2 a,cyangwa NºB2b* ***(STOP)*** *cyangwa ikimenyetso kimurika cyerekana uburyo bwo kugendera mu muhanda.*

2. Umurongo ugizwe na mpande-eshatu nyampanga zifite amasonga yerekeye aho abayobozi zireba baturuka kandi uciye kuburyo bugororotse ku nkengero y'umuhanda werekana aho abayobozi bagomba guhagarara akanya gato iyo bishoboka, kugirango batange inzira hakurikijwe icyapa **NºB,1** (mpande-eshatu ifite rimwe mu masonga rireba hasi).

3. **Ahanyurwa n'abanyamaguru** haciye imirongo yera iteganye n'umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri mu burebure bwawo.
4. **Ahanyura abayobozi b'amagare n'aba velomoteri zifite imitende ibiri bambukiranya umuhanda** haciye imirongo ibiri icagaguye igizwe na kare cyangwa ingirwamwashi by'ibara ryera.

5. Imirongo yera yambukiranya umuhanda, igomba kuba ifite ubugari buri hagati ya santimetero 20 na santimetero 60.Impande za kare zera zigomba kugira umubyimba uri hagati ya santimetero 40 na 60 Ubutambike bwa mpande-eshatu n'ubw'ingirwamwashi bugomba kugira ubugari buri hagati ya santimetero 40 na santimetero 60 kandi ubuhagarike bugomba kuba buri hagati ya santimetero 50 na santimetero 70.

### 4.4.3. ICYICIRO CYA III: Ibindi bimenyetso

**Ingingo yz 112:**

***15.*** *Uturangacyerekezo dutoranya tw'ibara ryera dushobora gushyirwa hafi y'amasangano.*

**Utwo turangacyerekezo twerekana igisate cy'umuhanda abayobozi bagomba gukurikira kugira ngo bagane mu cyerekezo cyerekanwa n'utwo turangacyerekezo.**

Kandi mu masangano abayobozi bagomba gukurikira icyerekezo,cyangwa kimwe mu byerekezo byerekanwa ku gisate cy'umuhanda barimo.

***16.*** **Umurongo uciyemo uduce**, *umenyesha ahegereye umurongo ukomeje ushobora kuzuzwa n' uturanga gukata tw'ibara ryera.* Utwo turangacyerekezo tumenyesha igabanurwa ry' umubare w' ibisate by'umuhanda bishobora gukoreshwa mu cyerekezo bajyamo.

3. Ibyandikishijwe ibara ryera mu muhanda bishobora kuzuza ibyerekanwa n' ibyapa.

4. Ibyerekezo binyuranye bishobora kwerekanwa ku bisate by' umuhanda.

5. Aho ibinyabiziga bitwara abantu muri rusange bihagarara, ahabujijwe guhagararwa igihe hakurikijwe ingingo ya 33, 3, cg **hashobora kugaragazwa n' ibishushanyo by' ibara ryera .**

6. Uturanga cyerekezo n' inyuguti z'ibyanditswe bigomba kugira nibura uburebure bwa metero 2 na santimetero 50 keretse aho imivuduko yo kwegera aho biri itarenga kilometero 50 mu isaha n' ubugari bwabyo bugomba kuba hagati ya santimetero 10 na santimetero 30.

**7.** *Imyanya y' aho ibinyabiziga bibujijwe kunyura cyangwa bitegeka ibinyabiziga kunyura mucyerekezo iki n' iki* bishobora kugaragazwa ku butaka n' imirongo iberamye iteganye yera, ifite ubugari buri hagati ya santimetero 10 na santimetero 15 kandi itandukanijwe na santimetero kuva kuri 20 kugeza kuri santimetero 30.

## 4.5. UMUTWE WA V: IBIMENYETSO BYEREKANA IMIRIMO N' INKOMYI

**Ingingo: ya 113:**

**17. Ibimenyetso byerekana imirimo mu nzira nyabagendwa bishyirwaho n'uyikora**

*Iyo hagomba gukoreshwa* **ibyapa byerekeye gutambuka mbere**, **ibyapa bibuza, ibyapa bitegeka**, **ibyapa byerekeye guhagarara akanya gato n'akarekare** ***cyangwa*** **ibimenyetso birombereje by'agateganyo byerekana ibisate by'umuhanda,** ***ibyo bimenyetso ntibishobora gushyirwaho nta ruhushya rwa Perefe cyangwa intumwa ye.Urwo ruhushya rusobanura buri gihe ibimenyetso bizakoreshwa.*****Ibimenyetso byo mu muhanda bigomba kuvanwaho n'ukora imirimo ikimara kurangira.**

**2. Ibimenyetso by'inkomyi bishyirwaho:**

-N'ubutegetsi bushinzwe inzira nyabagendwa, iyo ari inkomyi idaturutse ku muntu;
-N'uwateye iyo nkomyi;

Iyo uwateye iyo nkomyi atabikoze, bigomba gukorwa n'umutegetsi ushinzwe iby'umuhanda, amafaranga yakoreshejwe muri iyo mirimo ashobora kwishyuzwa uwananiwe kuyikoresha.

**Ingingo ya 114**

***18. Iyo imirimo cyangwa inkomyi biri ahantu hatoya bigomba gushyirwaho ibimenyetso bikurikira:***

a) *Hagati ya nimugoroba na mu gitondo amatara abishyiraho imbibi*, abitandukanya kandi yaka ku buryo buhagije kugirango aboneke muri metero 150 byibura, igihe ijuru rikeye.
Kandi ayo matara akaba yera cyangwa asa n'amatara y'umuhondo ku ruhande cyangwa ku mpande z'uburebure bw'umuhanda abagenzi banyuramo.

**b)** *Hagati ya mu gitondo na ni mugoroba, utubendera dutukura* **dufite byibura santimetero 50 z'uruhande.Ikindi kandi, iyo hari imirimo ikorwa, ikimenetso NºA,15 (imirimo ikorwa ku muhanda) gifite byibura santimetero 40 z'uruhande, gishyirwa kuri buri mpera ku buryo abahaza baza bakireba.**

2.a) ***Igihe ikorwa ry'imirimo ribangamiye cyane cyangwa buke uburyo bwo kugenda mu nzira nyabagendwa ahakorerwa imirimo hagaragazwa ku buryo bukurikira:***

- Ahitaruye, ni ikimenyetso **Nº A, 15 (imirimo ikorwa mu muhanda)**
- Aho imirimo ikorerwa, n'uruzitiro ruri kumpera zombi

Iyo kubera impamvu iyo ariyo yose, mu muhanda cyangwa igice cyawo bibujijwe kunyuramo bidashobora kuzitirwa hose ku manywa, utubendera dutukura twongerwa ku burebure bw'uruzitiro kugirango tugaragaze neza ubugari bwose bw'ahadashobora kunyurwa n'abagenzi.

*b)Iyo mu muhanda, imirimo yihariye ubugari butuma abayobozi bagomba kuva mu mwanya wabo usanzwe kugirango bakomeze urugendo, ikimenyetso* **Nº D2 ( ahategetswe kunyura)** gifite akarangacyerekezo kabogetse kareba hasi, kuri dogere zenda kungana na 45 **gishyirwa aho imirimo irangirira mu ruhande rugendwamo.**

✓ Iyo ubwo bugari budatuma ibisikana ry'ibinyabiziga bibiri rishoboka hagomba guteganywa ahabigenewe mu ntera zitegeranye kugirango abayobozi bashobore kuhahagarara.

Iyo myanya igaragazwa n'ikimenyetso **Nº D,1,c ( Kwirinda).** Iba yegeranye bihagije umwe n'undi kugirango buri gice cy'umuhanda kiyitandukanya kibonwe neza mu burebure bwacyo bwose n'umuyobozi wegereye umwe muri yo mu burebure bwacyo bwose.

Uburyo bwo kugendera muri buri gice bigenwa n'ikimenyetso **N º B,5 (birabujijwe kunyura mu mpatanwa iyo ikinyabiziga giturutse imbere)** na **Nº B, 6, (gutambuka mbere ku binyabiziga biturutse imbere)**

c) Iyo kugenda byemewe gusa ku gice cy'umuhanda cyasigaye gishobora kugenderwamo ,utuzitiro turi ku mpera y'aho imirimo ikorerwa ari n'aho bahera kubuzwa kugenda, rugomba kuzuzwa hagati yarwo n 'ikimenyetso **Nº C,1( icyerekezo kibujijwe kunyurwa n'umuyobozi wese).**

d) Iyo bibujijwe kugenda mu byerekezo byombi by'umuhanda ukorerwamo imirimo,uruzitiro ruri kuri buri mpera zaho rugomba kugira hagati yarwo ibyapa **Nº C,2 a (birabujijwe kunyura mu byerekezo byombi ku muyobozi uwo ari we wese ) cya ngwa icyapa nº C,2b (birabujijwe kunyura mu byerekezo byombi ku muyobozi uwo ari we wese , keretse uhatuye ).**

e) **Iyo kuyobya umuhanda ari ngombwa**, bigaragazwa kuva aho uhera no ku burebure bwawo wose n'icyapa cyerekana gishushanyije kuri Nº E, 5ª cyangwa kuri nº E, 5c z'umugereka wa 4w'iri teka .

Iyo umuhanda uyobejwe atariho imirimo itangirira icyapa **Nº C,2b** gishyirwa iruhande rw'icyapa Nº **E,5ª** cyangwa **E,5 c.**
f) Kuva bwije kugeza bukeye uruzitiro n'ibyapa biramurikwa kandi amatara atukura ashyirwa ku bugari bwose bw'igice cy'inzira nyabagendwa kitagendwamo **kandi hagati ya rimwe n'irindi hakaba intera itarenze metero imwe**.
Ku burebure bw'uruhande cyangwa bw'impande abagenzi bagendaho ahakorerwa imirimo hashyirwa imbibi zigizwe n'amatara yera cyangwa yenda kuba umuhondo hagati y'itata n'irindi **hakaba intera itarenze metero 30.**

3. Uruzitiro rugizwe n'umugozi ufite ubugari buri hagati ya santimetero 10 na santimetero 20 rumanitswe ku buhagarike buri hagati ya santimetero 80 na metero imwe na santimetero 10 uhereye ku butaka, cyangwa kigizwe n'urudandi rufite ubugari buri hagati ya santimetero 5 na santimetero 10.Uwo mugozi n'izo ndandi bigabanyijemo ibice bifite hafi santimetero 50, bitukura n'iby'umweru ku buryo bukurikiranye kandi biriho ibikoresho cyangwa ibintu ngarurarumuri.

4. Ibyapa bikoreshwa mu kugaragaza ahakorewa imirimo bigomba kuba bifite ibipimo bikurikira:

a) ibyapa biburira: santimetero 90 z'uruhande, nyamara iyo bitewe n'aho bishyirwa icyo gipimo gishobora kugabanywa kugeza kuri santimetero 70.
b) Ibyapa bibuza n'ibitegeka :Santim70 z'umurambararo

Ibyo byapa bigimba kugaragazwa kuva bwije kugeza bukeye n'urumuri rwihariye cyangwa n'amatara yo ku muhanda ,cyangwa n'ibintu ngarura-rumuri,igihe ijuru rikeye ,intera y'ahagaragara igomba kuba byibura metero 100.

**6. Ibyapa bikoreshwa mu kugaragaza ahakorerwa imirimo bigomba kuba bifite ibipimo bikurikira:**

**a) Ibyapa biburira**: Santimetero 90 z'uruhande nyamara iyo bitewe n'aho zishyirwa icyo gipimo gishobora kugabanywa kikagera kuri santimetero 70.
**b) Ibyapa bibuza n'ibitegeka** :Santimetero 70 z'umurambararo

Ibyo byapa bigomba kugaragazwa kuva bwije kugera bukeye n'urumuri rwihariye cyangwa n'amatara yo ku muhanda cyangwa n'ibintu ngarura rumuri; igihe ijuru rikeye, intera y'ahagaragara igomba kuba byibura metero 100.

## 4.6. UMUTWE WA VI: AMATEGEKO ANYURANYE

**Ingingo ya 115:**

Ibyapa byavuzwe ku ngingo ya **92** kugeza kuya **103** ku byerekeye uko bikoze, amabara, ibigereranyo, n'ibyanditsweho bigomba guhura n'ingero zishushanyije mu migereka ya **1** kugeza kuwa **4** y'iri teka.

**Ingingo ya 116:**

*Ku mihanda yagenwe na Minisitiri ushinzwe imirimo ya Leta, **ibyapa biburira n'ibyapa byerekana bigomba kugaragazwa kuva bwije kugeza bukeye n'urumuri rwihariye cyangwa n'amatara ku mihanda cyangwa n'ibintu ngarurarumuri, igihe ijuru rikeye, intera y'ahagaragara igomba kuba byibura metero 100.***

2. Kuri iyo mihanda nyine ibyapa bibuza n'ibitegeka bigomba kugaragazwa ku buryo bumwe iyo abagenzi bagomba kubikurikiza nijoro no ku manywa.

***3. Ibyapa B,7a na B,7b bigomba iteka kumurikwa cyangwa kugarura urumuri ku buryo bugaragarira nibura mu ntera ya metero 100 igihe ijuru rikeye.***

**Ingingo ya 117:**

- ✓ Birabijijwe kwandika ku cyapa kigenga uburyo bwo kugendera mu muhanda ikintu cyose kidafitanye isano n'icyo kihabereye.

**Nyamara ibyapa biburira, uretse icyapa nº B.1** (amasangano umuyobozi agomba guhamo inzira abagenda mu nzira agiye kwinjiramo) n'ibyapa byerekana,bishobora gushyirwamo urwibutso rw'uwabitanze cyangwa rw'umuryango wemewe gushyirwamo ibyo byapa ,urwo rwibutso rupfa gusa kudafata umwanya urenze 1/6 cy'ubuso bw'icyapa,

**Ingingo ya 118:**

**Birabujijwe gushyira ku nzira nyabagendwa ibyapa byamamaza, ibimenyetso biranga, cyangwa ibindi bikoresho bituma abayobozi** $_1$bahuma, $_2$ bibayobya, $_3$.byerekana cyangwa $_4$byigana, n'iyo byaba igice, ibyapa byakwitiranywa n'uri kure; n'ibyapa cyangwa bikagirira nabi ku buryo ubwo ari bwo bwose akamaro nyako k'ibimenyetso bihuje n'amatageko.

Birabujijwe kumurikisha itara rijya gutukura cyangwa rijya gusa n'icyatsi kibisi, ku cyapa cyose cyamamaza ikimenyetso kiranga cyangwa igikoresho cyose kiri ahantu ha metero 75 uvuye ku kimenyetso kimurika, ku buhagarike buri munsi ya metero 7 uhereye ku butaka.

**Ingingo ya 119:**

*Inkombe z'inzira nyabagendwa cyangwa z'umuhanda **zishobora kugaragazwa n'ibikoresho ngarurarumuri;Ibyo bikoresho bigomba gushyirwaho ku buryo abagenzi babona gusa iburyo bwabo iby'ibara ritukura cyangwa ibisa n'icunga rihishije*** **naho** ***ibumoso bwaho bakabona iby'ibara ryera.***

**Ingingo120:**

**19.** Uretse ibivugwa ku buryo bweruye muri iri teka, ibimenyetso byose biteganywa naryo bishyirwa gusa ku nzira nyabagendwa n'abo itegeko ribihera ububasha.

*Iyo amashami y'umuhanda arimo ibinyabiziga byinshi,* abaporisi bashinzwe kubahiriza umutekano mu gihe byihutirwa bashobora gushyiraho ibimenyetso bigenewe kuyobya ibigendera mu muhanda, ibyo bimenyetso biherako bivanwaho iyo ibinyabiziga bitangiye kugenda ku buryo busanzwe.
*Ibyapa bikoreshwa bisa na kimwe mu byatanzweho urugero nºA, 30 na A,31 biri ku ngereka nº 1y'iri teka.*

**20.** Birabujijwe gukoresha ibimenyetso byerekeye uburyo bwo kugendera mu muhanda ibindi bitari ibiteganyijwe muri iri teka.

**21**.Ibimenyetso byateganyijwe muri iri teka nibyo byonyine bishobora gukoresha byereka abagenzi icyo bishaka kuvuga.

# 5. IGICE CYA 5: IBIRANGA IBINYABIZIGA

## 5.1. UMUTWE WA I: IYANDIKWA RY'IBINYABIZIGA

**Ingingo ya 121:**

1. Hashyizweho **« ibitabo bitandatu »** *by'amashakiro* byanditsemo nomero zikurikiranye z'ibinyabiziga Bigendeshwa na moteri kimwe n'iza romoruki n'iza makuzungu,uretse iza romoruki ntoya:

1) Igitabo cy'amashakiro y'ibinyabiziga by'abikorera ku giti cyabo;
2) Igitabo cy'amashakiro y'ibinyabiziga bya za ambasade n'iby'imiryango ifite ubusonerwe nk'ubwa ambasade ku misoro n'amahoro,kimwe n'iby'abakora muri izo za ambasade no muri iyo miryango;

3) Igitabo cy'amashakiro y'ibinyabiziga by'ubutegetsi bwa Leta, iby'imishinga ya Leta n'iby'ibigo bya Leta byigenga n'ibigengwa na Leta;
4) Igitabo cy'amashakiro y'ibinyabiziga by'ingabo z'Igihugu;
5) Igitabo cy'amashakiro y'ibinyabiziga bya porisi y'igihugu;
6) Igitabo cy'amashakiro y'ibinyabiziga byinjijwe mu gihugu by'agateganyo;

2. Imikoreshereze y'igitabo cy'amashakiro y'ibinyabiziga by'abikorera ku giti cyabo, icy'ibinyabiziga byinjijwe mu gihugu by'agateganyo n'icy'ibinyabiziga bya za ambasade n'imiryango ifite ubusonerwe bishinzwe ibiro by'imisoro.

✓ **Imikoreshereze ya buri gitabo mu bindi bitabo by'amashakiro bishinzwe umutegetsi cyangwa abategetsi bashyirwaho ku buryo bwihariye na Perezida wa Repuburika.**

**Ingingo ya 122:**

1. Ibinyabiziga byavuzwe mu ngingo ya 121 ntibishobora kugenda mu nzira nyabagendwa bitabanje kwandikwa bisabwe na nyirabyo ku giti cye cyangwa undi muntu ubikoresha.

**2. Nyamara, ntibigomba guhabwa inomero zo mu Rwanda :**

a) *Ibinyabiziga byinjijwe mu Rwanda by'agateganyo* n'abantu badasanzwe bahatuye kandi ibyo binyabiziga bifite inomero ibiranga yatanzwe n'ubutegetsi bw'igihugu cyemeye *amasazerano y'i Viyeni yo kuwa 8 Ugushyingo* 1968 yerekeye ubuyo bwo kugendera mu muhanda mu muhanda, kimwe n'ikimenyetso kibiranga giteganyijwe mu ngingo ya 37 y'ayo masezerano.

b) *Mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri y'igihe byinjiriye ibinyabiziga byinjijwe mu Rwanda* bizanywe n'abantu bahatuye cyangwa se bagomba kuhatura kandi bifite inomero ibiranga n'ikimenyetso kibiranga gikurikije ibyategetswe haruguru.

**Ingingo ya 123:**

**A**.Iyandikwa ry'ibinyabiziga by'abantu bikorera ku giti cyabo cyangwa ibya za ambasade cyangwa imiryango ifite ubusonerwe nk'ubwa za ambasade no ku bakozi b'izo za ambasade n'iyo miryango risabwa ibiro by'imisoro.Iryo sabwa riherekezwa nibi bikurikira:

1. **Iyo ari ikinyabiziga gishya**: ***icyemezo cy'uwagikoze cyangwa cy'uwungirije, cyemeza ko ikinyabiziga cyatanzwe ari gishya kandi kikerekana:***
   a. Ingeri y'ikinyabiziga;
   b. Ikimenyetso cyangwa izina ry'uwakoze ikinyabiziga
   c. Ubwoko bwacyo;
   d. Inomero yo shasi y'ikinyabiziga;
   e. Inomero ya moteri y'ikinyabiziga;
   f. Ingufu za moteri;
   g. Uburemere bw'ikinyabiziga igihe gifite ibyangombwa byacyo byose;
   h. Uburemere ntarengwa bwemewe bw'ikinyabiziga;
   i. Umubare ntarengwa w'abagenzi;
   j. Umwaka ikinyabiziga cyakorewemo;

**2. Iyo ari ikinyabiziga gishaje:**

a) Niba ikinyabiziga cyari cyarandikishijwe mu Rwanda iryo saba riherekezwa n'ikarita iranga ikinyabiziga yatanzwe mu gihe ikinyabiziga giherutse kwandikwa;
b) **Niba ikinyabiziga kitarandikishwa mu Rwanda**, *iryo saba riherekezwa n'inyandiko igaragaza ibinyabiziga byavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi nteruro.*

3. **Ukurikije uko ikinyabiziga kimeze,** isaba riherekezwa n'inyandukuro y'icyemezo kivuga ko icyo kinyabiziga gitangiye gukora cyangwa cyaje kitazatinda.

**B. Ibinyabiziga by'ubutegetsi n'ibigo byigenga kimwe n'ibinyabiziga by'Ingabo z'Igihugu bihabwa inomero** *n'ubutegetsi bubigenga kandi bakamenyesha ibiro by'imisoro ibiranga ibyo binyabiziga kimwe n'ibimenyetso byahawe.*

## 5.1.2. UMUTWE WA II : IKARITA IRANGA IKINYABIZIGA

**Ingingo ya 124:**

1. *Iyandikwa ry'ibinyabiziga by'abantu bikorera ku giti cyabo cyangwa ibya za ambasade cyangwa iby'imiryango ifite ubusonerwe cyangwa abakozi b'izo ambasade n'iyo miryango rigaragazwa no guhabwa ikarita* ikiranga**"ikarita y'ibara ry'umuhondo**''ikurikije urugero ruri kumugereka wa II w'iri teka.

2. *Ikintu cyose cyatuma hahindurwa ibyanditswe bireba nyiri iyi karita cyangwa ibiranga ikinyabiziga* **kigomba *kumenyeshwa mu minsi umunani ibiro by'imisoro. haba mu magambo cyangwa ibaruwa ishinganye; iyo karita igomba hakurikijwe uko ibintu bimeze, gushyikirizwa ibiro by'imisoro,itangishijwe intoki cyangwa yometse ku ibaruwa ishinganye kugirango bayihindure.***

3. *Mu gihe ikinyabiziga gitanzwe* ikarita ikiranga **yatanzwe mbere yandikwa ku izina ry'ugihawe hamaze gutangwa amahõro agenwa n'iteka rya Minisitiri ushinzwe imari.**Utwara ikinyabiziga agomba kwerekana ako kanya ikarita iranga ikinyabiziga igihe cyose umukozi ubigenewe ayimwatse.

## 5.1.3. UMUTWE WA III: INOMERO IRANGA IKIBITANDUKANYA, IBIMENYETSO NDANGA

**Ingingo ya 125:**

a) Ibinyabiziga by'abikorera ku giti cyabo, ibya za ambasade imiryango ifite ubusonerwe, iby'abakozi b'izo za ambasade cyangwa b'iyo miryango:

✓ **1** *.Buri kinyabiziga na buri romoruki bihabwa nomero ibiranga* **ishyirwa ku cyapa cy'inyuma gifite ibikiranga, biteganyijwe mu ngingo ya 126 .Ku byerekeye ibinyabiziga bigendeshwa na moteri, iyo nimero itangwa hakoreshejwe ibyapa bibiri.**

**2. Ikinyabiziga cyemererwa kugenda gusa mu nzira nyabagendwa iyo cyambaye nimero iranga cyahawe.**

**Iyo ikinyabiziga kidakora, cyangwa cyoherejwe mu mahanga burundu**, ***ibyapa ndanga bigomba mu gihe cy'amezi abiri gukurwaho bikoherezwa mubiro by'imisoro, biherekejwe n'ikarita ndanga n'inyandiko isobanura impamvu byoherejwe. Iyo mu gihe kimaze kuvugwa , nyir'inimero ndanga aronse ikindi kinyabiziga cye gishyashya ibyapa yari asanganwe ;iryo saba riherekezwa n'ikarita ndanga kugira ngo ivugururwe.***

**b) Ibinyabiziga bya Leta, iby'ingabo z'igihugu n'ibya porisi y'Igihugu.**

✓ *1.Nimero ziranga ibyo binyabiziga zishyirwa ku byapa by'inyuma* **bikorwa hakurikijwe amabwiriza y'ubutegetsi bugenga ibyo binyabiziga.** Ihinduka ryose rikozwe ku cyapa kiranga kimwe n'ihagarika burundu y'imikorere y'ikinyabiziga bigomba kumenyeshwa ibiro byatanze icyo cyapa.

**Ingingo ya 126:**

## I. Ibyapa by'ibigenzwa mu muhanda

Ibyapa by'igenzwa mu muhanda bikozwe mu ibati kandi birangwa n'ibimenyetso bikurikira:

***1. Ibinyabiziga bya Leta, iby'ibigo bigengwa na Leta, n'iby'imishinga.***

❖ Imodoka

**A.1 Ibya Leta n'ibigo bigengwa na Leta**

➢ **Imbere**

Inyuguti **GR** zikurikiwe n'imibare **3** kuva kuri **001** kugeza kuri **999** n'inyuguti kuva kuri **A** kugeza kuri **Z** *igaragaza urwego rwa Leta ikoreramo.*

- **Inyuma**

Imibare itatu kuva  kuva kuri **001** kugeza kuri **999** ikurikiwe n'inyuguti kuva kuri **A** kugeza kuri **Z** igaragaza urwego rwa Leta ikoreramo byose bikajya hejuru y'inyuguti za **G R** «**Bisobanura Guverinoma y'u Rwanda** »

**A.2. Ibinyabiziga by'imishinga**

- **Imbere**

Inyuguti **G P** zikurikiwe n'imibare 3 kuva kuri **001** kugeza kuri **999** bikurikiwe n'inyuguti kuva kuri **A** kugeza kuri ***Z igaragaza urwego rwa Leta ruhagarariye uwo mushinga.***

**Inyuma**

Imibare **3** kuva kuri **001** kugeza kuri **999** bikurikiwe n'inyuguti kuva kuri **A** kugeza kuri **Z** igaragaza urwego rwa Leta uwo mushinga ukoreramo,*byose bikajya hejuru y'inyuguti za* **GP«Bisobanura umushinga wa Guverinoma »**

## B) Amapikipiki n'ibindi byuma by'imipira myinshi bifite moteri :

**1º Amapikipiki n'ibindi byuma byinshi bifite moteri bya Leta:** Inyuguti **GR** ziri hejuru y'imibare **3** kuva kuri **001** kugeza kuri **999** ikurikiwe n'inyuguti kuva kuri **A** kugeza kuri **Z** igaragaza n'urwego rwa Leta ikoreramo.

2º. **Amapikipiki n'ibindi byuma by'imipira myinshi bikoreshwa n'imishinga:** Inyuguti **GP** ziri hejuru y'imibare **3** kuva kuri **001** kugeza kuri **999** ikurikiwe n'inyuguti kuva kuri **A** kugeza kuri **Z** igaragaza urwego rwa Leta ruhagarariye uwo mushinga.

2. ***Ibinyabiziga by'abikorera ku giti cyabo***

**A) Imodoka**

- **Imbere**

Inyuguti **R** isobanura Rwanda ikurikiwe: n'inyuguti **2** kuva kuri **AA** kugeza kuri **ZZ** zerekana urwego ruto, imibare **3** kuva kuri **001** kugeza kuri **999** n'inyuguti igaragaza urwego runini kuva kuri **A** kugeza kuri **Z**.

- **Inyuma**

Imibare itatu kuva kuri **001** kugeza kuri **999** ikurikiwe n'inyuguti **A** kugeza kuri **Z** yerekana urwego runini byose bikajya hejuru y'inyuguti ya **R** isobanura Rwanda ikurikiwe n'inyuguti **2** kuva kuri **AA** kugeza kuri **ZZ** zigaragaza urwego ruto.

**C) Amapikiiki n'ibindi by'imipira bifite moteri**

Inyuguti **R** ikurikiwe n'inyuguti ebyiri kuva kuri **AA** kugeza kuri **ZZ** zerekana urwego ruto, ziri hejuru y'imibare 3 kuva kuri **001** kugeza kuri **999** n'inyuguti yerekana urwego rukuru kuva kuri **A** kugeza kuri ***Z***.

**C) Rumoruki na za makuzungu**

Inyuguti **RL** ziri hejuru y'imibare **4** kuva kuri **0001** kugeza kuri **9999**.

### 3. *Ibinyabiziga byavanywe mu mahanga n'abacuruzi babyo:*

- **Imbere**

Inyuguti za **M** (bisobanura ko bicuruzwa); **R** (Rwanda) zikurikiwe n'inyuguti kuva kuri **A** kugeza kuri **Z** bigaragaza urwego n'imibare **3** kuva kuri **001** kugeza kuri **999.**

- **Inyuma**

Imibare itatu kuva kuri **001** kugeza kuri **999** byose biri hejuru y'inyuguti **MR** zikurikiwe n'inyuguti kuva kuri **A** kugeza kuri **Z** igaragaza urwego.

***Ibinyabiziga by'abantu bahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda***, imiryango mpuzamahanga n'iy'uturere n'abantu bagengwa n'amategeko yerekeye uburenganzira buhabwa abahagarariye ibihugu byabo mu byerekeye imisoro na gasutamo n'ibindi nkabyo uretse ba konsuli bahagarariye ibihugu byabo n'abakozi ba za **konsula**:

**A).Imodoka**

## Imbere

Inyuguti **CD** zibanzirizwa n'umubare werekana uko bagiye bagera mu Rwanda kandi zikurikiwe n'umubare werekana urwego kuva kuri **01** kugeza kuri **99** n'inyuguti **R** isobanura Repuburika y'u Rwanda.

## Inyuma

Imibare **2** yerekana urwego ikurikiwe n'inyuguti ya **R** byose bikajya hejuru y'inyuguti za **CD** zibanjirijwe n'umubare ugaragaza uko bagiye bagera mu Rwanda.

B).**Amapikipiki n'ibindi byuma by'imipira myinshi bifite moteri**

Inyuguti **CD** ziri hejuru zibanjirijwe n'umubare ugaragaza uko bagiye bagera mu Rwanda byose biri hejuru y'imibare kuva kuri **01** kugeza kuri **99** yerekana urwego ikurikiwe n'inyuguti ya **R** isibanura Repuburika y'u Rwanda.

### *4. Ibinyabiziga bikoreshwa na za konsura:*
**A)Imodoka**

## Imbere

Inyuguti **CC** zibanzirizwa n'umubare werekana uko bakurikirana bagera mu Rwanda kandi zikurikiwe n'umubare werekana urwego kuva kuri **01** kugeza kuri **99** n'inyuguti **R** isobanura Repuburika y'u Rwanda**.**

**Inyuma**

Imibare **2** kuva kuri **01** kugeza kuri 99 yerekana urwego ikurikiranye n'inyuguti ya **R** byose bikajya hejuru y'inyuguti za **CC** zibanjirijwe n'umubare werekana uko bagiye bagera mu Rwanda.

B).**Amapikipiki n'ibindi byuma by'imipira myinshi bifite moteri**

Inyuguti **CC** ziri hejuru zibanjirijwe n'umubare ugaragaza uko bagiye bagera mu Rwanda byose biri hejuru y'umubare werekana urwego kuva kuri **01** kugeza kuri **99**yerekana urwego ikurikiwe n'inyuguti R isobanura Repuburika y'u Rwanda**.**

***5. Ibinyabiziga biva mu mahanga by'agateganyo***

**A).Imodoka**

## Imbere

Inyuguti **IT** zikurikiwe n'imibare ine kuva kuri **0001** kugeza kuri **9999** hamwe n'inyuguti **R** isobanura Repuburika y'u Rwanda.

## Inyuma

Inyuguti za **IT** zose zikaba hejuru y'imibare ine kuva kuri **0001** kugeza kuri **9999** ikurikiwe n'inyuguti ya **R** isobanura Repuburika y'u Rwanda.

B**). Amapikipiki n'ibindi byuma by'imipira bifite moteri.**

Inyuguti **IT** zigeretse ku mibare ine kuva kuri **0001** kugeza **9999** n'inyuguti ya **R** isobanura Repuburika y'u Rwanda.

***6. Imodoka z'imiryango ishamikiye k'uw'Abibumbye***

**A).Imodoka**

## Imbere

Inyuguti za **UN** zibanjirijwe n'umubare werekana uko bagiye bagera mu Rwanda zikurikiwe n'imibare **2** kuva kuri **01** kugeza kuri **99** yerekana urwego n'inyuguti ya **R** isobanura Repuburika y'u Rwanda.

## Inyuma

Imibare ibiri kuva kuri **01** kugeza kuri **99** igaragaza urwego ikurikiwe n'inyuguti ya **R** byose biri hejuru y'inyuguti za **UN** zibanjirijwe n'umubare ugaragaza uko bagiye baza mu Rwanda.

B). **Amapikipiki n'ibindi byuma by'imipira myinshi bifite moteri**

Inyuguti za **UN** zibanjirijwe n'umubare werekana uko bagiye bagera mu Rwanda byose bikajya hejuru y'imibare ibiri kuva kuri **01** kugeza kuri **99** ikurikiwe n'inyuguti ya **R** isobanura Repuburika y'u Rwanda.

***7. Ibyapa by'ibigenzwa mu muhanda mu mazina bwite y'abantu cyangwa amasosiyeti***

Izina bwite ry'umuntu cyangwa isosiyeti ribanjirijwe n'inyuguti ya **R** isobanura Repuburika y'u Rwanda.

**II. Amabara.**

### ❖ Amabara y'ibyo byapa agenewe ibi bikurikira:

- ✓ **Ibyapa byose bifite ibara ry'umweru ku ruhande rw'imbere n'umuhondo ku ruhande rw'inyuma.**
- ✓ **Ibyapa by'amapikipiki, n'ibindi byuma by'imipira myinshi bifite ibara ry'umuhondo**.
- ✓ **Inyuguti n'imibare bizagira ibara ry'umukara ku binyabiziga by'abakorera ku giti cyabo.**
- ✓ **Iryo bara ni umukara mu binyabiziga bivanywe mu mahanga n'abacuruzi babyo.**
- ✓ **Iryo bara ni icyatsi ku modoka z'abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, imiryango mpuzamahanga cyangwa y'uturere ikorera mu Rwanda bafite ubudahangarwa.**
- ✓ **Iryo bara ni umukara ku binyabiziga byinjijwe mu Rwanda by'agateganyo.**
- ✓ **Ibara ry'ubururu rikoreshwa ku binyabiziga by'imishinga ikorera mu rwanda.**

- ✓ **Iryo bara ni ubururu ku binyabiziga bikoreshwa n'imashami y'umuryango w'Abibumbye.**
- ✓ **Iryo bara ni umutuku ku modoka zifite ibyapa byanditse mu mazina bwite y'abantu cyangwa amasosiyeti.**

**III.Ingero z'ibyapa n'inyuguti biteye ku buryo bukurikira:**

**a).Imodoka**

**Inyuguti n'imibare bingana bitya:**

-*Ubugari bw'inyuguti: mm 35*

-*Ubureburebw'inyuguti: mm75*

-*Ubunini bw'imirongo: mm10*

-*Hagati y'imibare n'inyuguti: mm10*

- *Icyapa cy'imbere kigomba nibura mm 440 z'uburebure na mm120 z'ubugari naho icyapa cy'inyuma kikagira nibura mm250 z'uburebure na mm 205 z'ubugari.*

**b) Amapikipiki n'ibindi byuma by'imipira myinshi**

***Icyapa kigomba kugira nibura uburebure bwa mm200 n'ubugari bwa mm 150***

***- ubugari bw'inyuguti: mm35***

***- Uburebure bw'inyuguti:- mm75***

***- Ubunini bw'umurongo:-mm10***

***- Hagati y'inyuguti n'iyindi: mm10***

***- Hagati y'imibare n'inyuguti: mm10***

* Umurongo ugize inyuguti ugomba kugaragara; hagati y'impande z'icyapa n'icyaditseho hagomba gusigara nibura mm10.

**Ingingoya 127**:

Ibimenyetso; amabara n'ubunini bw'ibyapa by'ibinyabiziga bikoreshwa n'igabo z'igihugu na porisi y'igihugu **bigenwa na minisiteri zifite izo nzego munshingano zazo.**

**Ingingo ya 128:**

Ibimenyetso; amabara n'ubunini bw'ibyapa by'ibinyabiziga bikoreshwa n'abayobozi bakuru bigihugu **bigenwa na Minisitiri ushinze gutwara abantu n'ibintu.**

**ICYITONDERWA:**

- ✓ ***Ikirangantego k'igihugu kigomba kugaragara kucyapa cy'imbere muguni y'ibumoso;naho ku cyapa cy'inyuma ku modoka kimwe n'icyapa cy'amapikipiki,kikagaragara mu mwanya uri hejuru muguni y'iburyo.Icyo kiragantego kigomba kugira nibura mm 32/30.***

## 5.1.4. UMUTWE WA IV: KUVUGURURA IBYAPA N'AMAKARITA ARANGA IBINYABIZIGA

**Ingingo 129:**

**1**. Kubura icyapa ndanga cyangwa ikarita iranga ikinyabiziga bigomba kumenyeshwa bidatinze ibiro byayitanze.

**2**. Nyirubwite ashobora guhabwa ibyapa bishya cyangwa agahabwa inyandukuro y'ikarita iranga ikinyabiziga bisimbura ibyabuze.

**3**. Iyo amaze kubivugurura; icyapa cyangwa ikarita iranga ikinyabiziga byabuze nyirabyo yongeye kubibona, ategetswe kubisubiza bidatinze.

**4.** Inyandukuro y'ikarita iranga ikinyabiziga yangiritse, ishobora gutangwa n'ibiro byayitanze mbere.Icyo gihe, uwayisabye agomba gusubiza ikarita yononekaye akimara kubona inyandukuro yayo.

**5.** Iyo icyapa cyononekaye ibiro bibishinzwe bizatanga ikindi cyapa kigizwe na bibiri iyo ari imodoka. Icyo gihe, uwabisabye agomba gusubiza cya cyapa cyangwa bya byapa yari yahawe mbere akimara kubona ibindi byapa bishya.

**6.** Umuntu wese ushoboye kubona icyapa cyangwa ikarita iranga ikinyabiziga byatakaye asabwe kubisubiza bidatinze ibiro byayitanze.

## 5.1.5. UMUTWE WA V: ISHYIRWAHO N'ISOMEKA RY'IBYAPA NDANGA N'IKIMENYETSO GITANDUKANYA

**Ingingo ya 130:**

**1. Ikimenyetso ndanga kigomba gushyirwa inyuma no hagati y'ikinyabiziga ku buryo bugaragara** bituma gisomeka neza.*Kandi ikimenyetso ndanga kigomba* kuba giteye ku buryo

bwenda kuba buhagaze kandi ari nyanguni ku murongo ugabanya ikinyabizizga mo kabiri umurongo wo hejuru uri kuri metero zitarenga ebyiri uhereye ku butaka kandi uri ku murongo uteganye nabwo.

- ✓ **Nyamara ku byerekeye imodoka, romoruki na za makuzungu, icyapa ndanga (puraki) gishobora gushyirwa inyuma ibumoso bw'ikinyabiziga.**

2. *Icyapa ndanga*( **puraki)** ***kigomba no gushyirwa imbere ya buri modoka kandi giteye imbere h'imodoka mu buryo bumwe n'ubuteganyijwe ku cyapa ndanga giteye inyuma.***

***3.*** *Iyo ikimenyetso gitandukanya gishyizwe ku cyapa kihariye* ***icyo cyapa kigomba guterwa ku buryo cyangwa guhagarara kandi ari nyanguni ku murongo ugabanya ikinyabiziga mo kabiri mu burebure bwacyo. Iyo icyo kimenyetso gitandukanya gishyizwe ku kinyabiziga ubwacyo, kigomba kuba gihagaze cyangwa cyenda guhagarara ku ruhande rw'inyuma rw'ikinyabiziga.***

**4. Ibyapa ndanga n'ikimenyetso gitandukanya bigomba igihe cyose kuba bisomeka neza kandi byitaruye.**

*5.* **Birabujijwe gushyira inyuguti, imbere cyangwa ibimenyetso ibyo ari byo byose hafi y'ibyapa ndanga n'ikimenyetso gitandukanya ibiranga.*****Igihe byatuma bitewe n'uko bisa, ingano yabyo cyangwa aho biri, hashobora kwitiranywa n'icyo ibyo byapa bishaka kuvuga n'izo nyuguti, imibare cyangwa ikimenyetso nabyo bivuga.***

**N.B: Ibyapa ndanga "Plaque" ( marque d' immatricuration): Puraki**
**Ikarita ndanda « Carte d'immatriculation) Karite jaune.**
**Ikimenyetso gitandukanya:( signe distincte) inyuguti cyangwa imibare n' ibindi bimenyetso biri kuri Puraki.**

## 5.1.6. UMUTWE WA VI:IYEREKANA KU BINYABIZIGA BIMWE NA BIMWE RY'AMAZINA, ICUMBI NA NUMERO YO MU GITABO CY'UBUCURUZI BYA BA NYIRABYO N'IYEREKANA RY'UMUBARE NTARENGWA WEMEWE N'ABAGENZI.

**Ingingo ya 131:**

1. *Izina,izina ry'ingereka n'igicumbi bya nyirayo bigomba kwandikwa ku buryo bugaragara imbere kandi ku ruhande rw'ibimoso h'ikinyabiziga bikurikira:*

a. Ibinyabiziga bigendeshwa na moteri byikorera ibiro birenze 1.000 kandi bidatwara abantu gusa;
b. Ibinyabiziga bikururuka;
c. Ibinyabiziga bisunikwa n'abantu;
d. Ibinyamitende bidasorerwa;

2. *Ikinyabiziga cyose gikoreshwa gusa mu mirimo y'ubucuruzi kigomba kwandikwaho*, ***uretse ibyanditswe biteganyijwe mu gika cya 1 cy'iyi ngingo kandi ku buryo bugaragara, ahantu nyiracyo yandikiwe mu gitabo cy'ubucuruzi na numero ye nk'uko bitegekwa n'ingingo ya 19 y'itegeko ryo kuwa 23 Nutarama 1971 ryerekeye igitabo cy'ubucuruzi.***

3. Ikinyabiziga cyose kigenewe gutwara abantu bariha kigomba kwandikwaho, ku buryo bugaragara, ku rugi rw'umuyobozi no ku rugi cyangwa ku nzugi z'aho abagenzi binjirira, umubare ntarengwa w'abagenzi bashobora kugendamo, uwo mubare ntushobora kujya hejuru y'uwo uwakoze ikinyabiziga yagennye.

- ✓ Inyuguti n' imibarwa bigize inyandiko imaze kuvugwa bigomba kugira ubuhagarike buto ntarengwa bwa santimetero 4 naho imibyimba yabyo ikagira ubugari buto ntarengwa bwa milimetero 5.

## 5.1.7. UMUTWE WA VII: UKUGENDERA MU MUHANDA KW'IBINYABIZIGA BYAHEREWE NUMERO IBIRANGA AHATARI MU RWANDA

**Ingingo ya132:**

*1. Niba ikinyabiziga cyinjijwe mu gihugu kigomba kukigumamo cyemerewe kugendera mu muhanda cyambaye ibyapa ndanga by'igihugu giturutsemo,* ***gipfa gusa kugira uruhusa mpuza-mahanga rwo kugendera mu muhanda cyangwa inyandiko irusimbura.Nyir'ikinyabiziga ategetswe kwerekana urwo ruhushya cyangwa izo mpushya igihe cyose umukozi ubigenewe azimusabye.***

*a)* Iyo nyir'ikinyabiziga afite ikarita ikiranga ikurikije ingingo ya 35 y'amasezerano mpuza-mahanga y'i Viyeni yo ku wa 8Ugushyingo 1968 yerekaya kugenda mu muhanda, *agomba akigera mu Rwanda kwereka iyo nyandiko umukozi ubufitiye ububasha kandi akandikisha ibyapa ndanga by'icyo kinyabiziga.*

*b)* Iyo karita iteganyijwe mu gika cya 1,a) cy'iyi ngingo idashoboye kwerekanwa, ny'ir'ikinyabiziga *agomba akigera mu Rwanda, kandi mu gihe kitarenze iminsi 8, kwandikisha ibyapa ndanga n'ibiranga ikinyabiziga,* ***agahabwa inyandukuro y'iyo nyandiko imara amezi atarenga atandatu amaze kuriha umusoro ugenwa n'iteka rya Minisitiri w'imari.***

*c) Ikarita iranga ikinyabiziga cyangwa inyandukuro y'inyandiko bigomba kwerekanwa igihe cyose umukozi ubigenewe abisabye.*

2. ***Uruhushya rwo kugenda mu gihugu igihe gito rutanzwe hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya 1 kimaze Kuvugwa haruguru rugira agaciro gusa igihe impapuro ziherekeza ikinyabiziga nazo zikigafite.***

*3. Ibinyabiziga byinjijwe mu gihugu bitagomba kukigumamo* ***nyirabyo atifuza kubisubiza mu mahanga kubera impamvu iyo ariyo yose, bishobora igihe cyose kumenyekanishwa ko bikorera mu Rwanda no kuhafatira ibibiranga.*** **Ntibishobora gutangirwa ubuntu cyangwa kugurishwa, bitabanje gukorerwa iyo mihango.**

## 5.1.8. UMUTWE WA VIII: IBINYABIZIGA BIGERAGEZWA

**Ingingo ya 133:**

1. ***Cyitwa ko kiri mu igeragezwa ikinyabiziga kigendeshwa mu muhanda n'abagikoze, abagiteranyije, abashyiraho kariseri, abakigurisha, abongera kukigurisha cyangwa abasannyi b'ibinyabiziga:***

a) Bamaze kugiteranya cyangwa kugisana kugirango basuzume imikorere myiza y'ikinyabiziga;

b) Bacyerekana kugirango kigurishwe;

c) Kugirango ikinyabiziga gishyikirizwe umuguzi.

2. Ibinyabiziga bigeragezwa bishobora kugendeshwa mu nzira nyabagendwa bifite ibimenyetso bibiranga byakozwe na Minisitiri ushinzwe transporo.***Ibyapa bigomba gushyirwa ku kinyabiziga ku buryo buteganyijwe n'ingingo ya 130.1na 2 y'iri teka.***

3. Ukoresha ikinyabiziga agomba kugira igitabo cyandikwamo uko numero z'ibyapa by'igeragezwa bikurikirana. Numero igezweho y'icyapa cy'igeragezwa yandikwa buri munsi mu gitabo cyandikwamo n'abakora cyangwa Abacuruza ibinyabiziga hakurikijwe ingingo ya 4 y'iteka rya Minisitiri nº 11/07 Fin ryo kuwa 20 Ukuboza1973 Ryerekeye imisoro y'umutungo no ku nyandiko ihinnye y'igitabo cya buri munsi umuyobozi w'ikinyabiziga agomba kwerekana igihe abisabwe n'umuyobozi ubifitiye ububasha.

## 5.1.9. UMUTWE WA IX: IBINYAMITENDE, VELOMOTERI N'IBINYABIZIGA BISUNIKWA N'ABANTU

**Ingingo ya 134:**

1. **Ukuranga ibinyamitende**, Velomoteri n'ibinyabiziga bisunikwa n'abantu bikorwa buri mwaka, hakozwe imihango yerekeye umusoro w'umutungo w'ikinyabiziga.(Ibinyamitende n'ibinyabiziga bidatangirwa umusoro ntibirangwa).
2. **Ibinyanyamitende**, Velomoteri n'ibinyabiziga bisunikwa n'abantu bigomba kugira imbere ku ruhande rw'ibumoso ikimenyetso gitandukanya bihabwa igihe byandikwa giteye kugifata mutende cyangwa kuri mwaye.

## 5.9.10. UMUTWE WA X. IMISORO

**Ingingo ya 135:**

1. ***Ugutangwa kw'ibyapa ndanga biri kumwe n'ikarita iranga ikinyabiziga*** **bibanza gutangirwa imisoro igenwa N'iteka rya Minisitiri w'imari.**

2. ***Ugutangwa kw'inyandukuro y'ikarita iranga ikinyabiziga*** **bibanza gutangirwa umusoro ugenwe na Minisitiri w'imari ya Leta.**

3. Ugutangwa kw'ibyapa bibiri hakurikijwe amategeko agenga ibinyabiziga bicuruzwa bibanza gutangirwa Umusoro no mu gihe byagenwe n'iteka rya Minisitiri w'Imari.

4. ***Ugutangwa kw'ibyapa by'igeragezwa gutangirwa umusoro ugenwa n'iteka rya Minisitiri ushinzwe iby'imari Ya Leta.***

Akimara kubona ibyapa bishya, uwabisabye agomba gusubiza mu biro bibishinzwe icyarangaga ikinyabiziga mbere yaba yarasigaranye.

# 6. IGICE CYA GATANDATU: IMIGENZURIRE Y'IMITERERE Y'IBINYABIZIGA

## 6.1. UMUTWE WA MBERE: IKIGO GISHINZWE IGENZURA RY'IMITERERE Y'IBINYABIZIGA

### 6.1.1. ICYICIRO CYA MBERE: Ibisobanuro .

**Ingingo ya 136:**

**Cyitwa ikigo gishinzwe igenzura ry'imiterere y'ikinyabiziga**: ikigo cyose cyemewe na Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu kandi gikora imirimo yo gusuzuma imiterere y'ibinyabiziga.Bene icyo kigo kigomba kuzuza ibyangombwa bigenwa n'iri teka.

**Ingingo ya 137:**

**Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu *atanga inyandiko yemerera ikigo gukora imirimo y'igenzura ry'imitrere y'ibinyabiziga amaze gusuzuma ko ibigenwa byose muri iri teka byujujwe.***

### ICYICIRO CYA KABIRI: Ibisabwa mu kwemererwa

**I.Ibirebana n'abakozi**

**Ingingo ya 138:**

*Ikigo gishinzwe igenzura ry'imiterere y'ibinyabiziga kigomba kugira mu bakozi bacyo nibura umwe mu bakozi bacyo wujuje ibi bikurikira:*

**Umugenzuzi**:agomba kuba yaravanye mu mashuri yabizobereyemo ubumenyi buhagije bw'imiterere y'ibinyabiziga.

**Agomba kuba yarakoze nibura imyaka itanu** mu byerekeranye no gukora ari umukanishi wemewe.

- **Agomba kuba ashoboye gusuzuma ikitameze neza** no guteganya ingaruka zacyo kandi agasesengura ibitameze Neza muri rusange ku binyabiziga.

- **Agomba kuba ashoboye kugaragaza mu nyandiko ku buryo busobanutse** ibyo yasuzumye ku miterere y'ikinyabiziga.

- Agomba kuba ashoboye kuyobora no gucunga abakozi akoresha.

- Agamba kuba yarahuguwe mu gihe cy'amezi atatu mu byerekeye igenzura ry'imiterere y'ibinyabiziga harimo amezi abiri yakoze mu kigo gisanzwe gikora iyo mirimo.

**II.Ibirebana n'abakozi**

**Ingingo ya 139:**

Ikigo cyose gishinzwe igenzura ry'imiterere y'ibinyabiziga kigomba kugira mu bikoresho bwite ibi bikurikira:
**A.Urutonde rw'ibikoresho byagenewe gusuzuma ibinyabiziga nyenganda.**

**Ibikoresho by'ibanze bipima n'iby'igerageza.**

A.1: Umunzani wo gupima uburemere kuri buri mutambiko.
A.2: Icyuma cyagenewe gusuzuma feri
A.3: Imashini isuzuma icyerekezo cy'ibitara bimurika cyane.
Ibikoresho bipima n'ibigerageza by'ingereka

A.4: Ibipimisho by'urumuri
A.5: Igipimisho cya moteri

**Ibikoresho shingiro bikoreshwa by'inyongera.**

A.6: Ijeki kabuhariwe (ikoreshwa kuri fosse)
A.7: Icyuma gipima niba imodoka itayumbayumba

**B.Urutonde rw'ibikoresho byagenewe gupima ibinyabiziga bitaremereye**

**Ibikoresho bipima n'ibyigerageza by'ibanze**

B.1: Umunzani wo gupima uburemere kuri buri mutambiko
B.2: Icyuma cyagenewe gusuzuma feri
B.3: Imashini isuzuma icyerekezocy'ibitara bimurika cyane

**Ibikoresho bipima n'ibigerageza byangombwa**

B.4 :icyuma gisuzuma ibyotsibivuburwa n'imodoka
B.5: Igipimisho cya moteri
B.6: Icyuma gipima uburinganire bw'amapine

## Ibikoresho by'inyongera byangombwa

B.7: Ijeki kabuhariwe (ikoreshwa kuri fosse)
B.8: icyuma gipima niba imodoka itayumbayumba

**C.Ibindi bikoresho byakenerwa kuri izo ntonde ebyiri**

C.1: Kompureseri y'umwuka n'igipimo cyo guhaga imipira
C.2: Ijeki isunikwa
C.3: Itara rigendanwa
C.4: Ibikoresho binyuranye bikenewe mu gufata neza ikigo

**D.Imfunguzo**

D.1: Imfunguzo zifite umutwe usatuye (4x5 kugeza kuri 32x33)
D.2 :Imfunguzo zifite ku mutwe hahese (8-9-10-12-14-16-17-19-21-23-26
D.3: Imfunguzo ndende zihese ku mutwe (5/64-3/32-1/8-5/32-7/32-3/16-1/4-5/16)
D.4: Urufunguzo rw'amaburo anyuranye
D.5: Ipensi isanzwe
D.6: Ipensi ikata ihese
D.7: Turunevisi z'umutwe ugororotse
D.8: Turunevisib z'umutwe usongoye
D.9: Inyundo ebyiri zo kugorora
D.10: Igifashi kizenguruka
D.11:Umukasi w'amashanyarazi
D.12: Ipombi itera girisi
D.13: Akabobeza bruma
D.14: Igipimisho cya metero ebyiri

# 6. 2. UMUTWE WA II: INZEGO Z'IBINYABIZIGA ZIGOMBA ISUZUMWA-MITERERE

**Ingingo ya 140:**

**Igenzurwa ry'imiterere y'ibinyabiziga rishyirwaho n'umutwe wa III (ingingo 3 kugeza kuri 5) z'itegeko nº 34/1987 ryo kuwa 17 Nzeri 1987 ryerekeye imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo rirebana n'inzego z'ibinyabiziga zikurikira: (Inzego z'** ***ibinyabiziga bigenzurwa ni izi zikurikira):***

- Ibinyabiziga bikoreshwa na moteri bigenewe gutwara abagenzi;
- Ibinyabiziga bikoreshwa na moteri bigenewe gutwara ibintu;
- Ibinyabiziga bikoreshwa na moteri bigenewe kwidagadura;
- Ibinyabiziga bikoreshwa na moteri byigirwaho gutwara;
- Ibindi binyabiziga bikoreshwa na moteri.

## 7.3. UMUTWE WA III : IMITUNGANYIRIZE Y'IGENZURA

**Ingingo ya 141:**

**Gukoresha igenzura ni itegeko ku binyabiziga byose** ***guhera ku myaka ibiri nyuma yo gushyirwa mu muhanda; Igenzurwa ryose ryakozwe ritangirwa icyemezo kigenerwa urugero ku mugereka wa 12 w'iri teka.***

**Ingingo ya 142:**

***Inshuro zisuzumwa ngombwa zizakurikira zigenwa mu buryo bukurikira:***

a) Buri mezi atandatu hazuzumwa:

- ✓ **Ibinyabiziga bigenewe gutwara abagenzi muri rusange;**
- ✓ **Ibinyabiziga bigenewe gutwara ibintu birengeje toni 3,5.**
- ✓ **Ibinyabiziga bigenewe ibigo byigisha gutwara;**

**b) Buri mwaka ku bindi binyabiziga bitavuzwe haruguru.**

**Ingingo ya 143:**

*Ibinyabiziga bitujuje ibisabwa ntibihabwa icyemezo kibyemerera gushyirwa mu muhanda nyabagendwa. Hagomba gukorwa irindi genzura ryemeza ko amakosa yakosowe mbere yo guhabwa icyemezo.*

**Ingingo ya 144:**

***Amafaranga y'imirimo y'igenzurwa arihwa na ny'ir'ikinyabiziga .***Umubare wayo mafaranga ugenwa n'iteka rya Minisitiri ushinzwe ubucuruzi abisabwe na Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu.

# 7. IGICE CYA VII: KOMITE Y'IGIHUGU ISHINZWE UMUTEKANO MU MUHANDA

## 7.1. UMUTWE WA I: ABAYIGIZE

**Ingingo ya 145:**

***Komite y'igihugu ishinzwe umutekano mu mihanda*** **(yitwa komite mu ngingo zikurikira) cyangwa mu magambo ahinnye C.N.S.R igizwe n'aba bakurikira:**

- ✓ ***Umuyobozi wo gutwara abantu n'ibintu muri Minisiteri ishinzwe gutwara abantu n'ibintu: PEREZIDA;***
- ✓ ***Komanda w'umutware wa porisi y'igihugu ushinzwe umutekano mu mihanda: VISI –PEEZIDA;***
- ✓ ***Umuyobozi ushinzwe amateme n'imihanda muri Minisiteri ifite mu nshingano zayo imirimo ya Leta: UGIZE INAMA;***
- ✓ ***Ushinzwe ishami ry'umutekano mu muhanda muri Minisiteri ifite mu nshingano zayo gutwara abantu n'ibintu: UMUNYAMABANGA.***

**Ingingo ya 146:**

Komite ishobora gutumira umuntu wo mu butegetsi bwa Leta cyangwa undi wese ibona ko yagira icyo ayimarira ikamugisha inama ariko ntatore

**Ingingo ya 147:**

***Komite ifite inshingano*** **zikubiye mu ngingo ya 6 yo mu itegeko nº 34/87 ryo kuwa 17 Nzeri 1987 ryerekeye imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo.**

## 7. 1. UMUTWE WA II: IMIKORERE

**Ingingo ya 148:**

**Iyo komite iterana rimwe mu mezi ane kandi igatumizwa na perezida wayo.Ishobora guterana mu bihe bidasanzwe bisabwe n'umwe mu bayigize.Ibyemezo bifatwa ku bwiganze bw'amajwi, irya perezida niryo rikemura impaka iyo zivutse.Iyo perezida adahari cyangwa afite impamvu imubuza kuza, asimburwa na visi – Perezida.**

**Ingingo ya 149:**

Ntacyo komite ishobora kwiga ngo kigire agaciro iyo hatari nibura 2/3 by'abayigize
Komite itegura amategeko yayo y'ubutunganya-mirimo.Ayo mategeko yerekeye gutumiza inama, ibigomba kuzigirwamo, imitunganyirize yayo, inpaka n'itora.

Amategeko y'ubutunganya-mirimo ashyikirizwa Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu kugirango ayemere.

**Ingingo ya 150:**

Komite ishobora gushyiraho za komite z'intara, iz'imijyi n'uturere zizayifasha mu mitunganyirize y'imirimo ishinzwe.

# 8. IGICE CYA VIII: GUFUNGAIBINYABIZIGA

**Ingingo ya 151:**

**Gufunga ikinyabiziga:** ni ukukijyana ahantu hagenwe n'umutegetsi wa Leta ubifitiye ububasha, kikahaguma kugeza igihe abitegetse kandi kikishingirwa na nyiracyo ku byerekeye amafaranga agitangwaho .Uko gufungwa gushobora kubanzirizwa no kukibuza kugenda biteganywa n'ingingo ya 24 y'itegeko nº 34/1987 ryo kuwa 17 Nzeri 1987 ryerekeye imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo.

**Ingingo ya 152:**

*Gufunga ikinyabiziga bitegekwa n'umushinjacyaha mu karere akoreramo,* ***biturutse ko cyaba cyarabujijwe kugenda bikarenza amasaha 48 icyatumye gihagarikwa kitaravaho cyangwa se ku mpamvu ziteganywa n'ingingo ya 36 y'itegeko nº 34/1987 ryo kuwa 17 Nzeri 1987 ryerekeye imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo.***

Mu bihe biteganywa n'iyi ngingo, umukozi wabikoreye inyandiko –mvugo abimenyesha umushinjacyaha ubifitiye ububasha muri ako karere. Iyo bibaye ngombwa abikora amaze kukibuza kugenda mu buryo buteganywa n'ingingo ya 31 y'itegeko nº34/1987 ryo kuwa 17 Nzeri 1987 ryerekeye imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo.

**Ingingo ya 153:**

$_1$ **Ahagenwe gufungirwa ibinyabiziga ni za parikingi zemejwe na Minisitiri ushinzwe gutwara abantu n'ibintu.**$_2$ **Abakuru b'Intara n'Abayobozi b'uturere bashobora kugena ahandi hose hashobora gufungirwa ibyo binyabiziga kandi hakarindwa.**

**Ingingo ya 154:**

Hakorwa inyandiko-mvugo yemeza ko ikinyabiziga gifunzwe. Buri nyandiko –mvugo ikagaragaza ibi bikurikira:

- ✓ Ikosa ryatumye ikinyabiziga gifungwa;
- ✓ Umunsi n'isaha ikinyabiziga cyabujijweho kugenda;
- ✓ Ibimenyetso biranga ikinyabiziga ( pulaki, ubwoko,nimero,ya moteri n'iya shasi);
- ✓ Imiterere y'ikinyabiziga mu gihe cy'ifatirwa n'ibindi bijyana nacyo;
- ✓ Amazina y'umushoferi n'ay'uwakoze inyandiko-mvugo na nimero y'uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga.

*Inyandiko –mvugo ikorwa mu mpapuro 2 rumwe rugahabwa nyiri ugufungirwa urundi rugasigarana umukozi ubishinzwe.*

**Ingingo ya 155:**

***Umubare w'amafaranga agenewe ifungwa ry'ikinyabiziga uzagenwa n'iteka rya Minisitiri ushinzwe ubutabera mu mirimo ye abisabwe n'urwego rushinzwe kugenzura ibigenda mu muhanda.***

## 10. IGICE CYA IX: AMATEGEKO Y'INZIBACYUHO, AVANWAHO N'ATANGIRA GUKURIKIZWA .

**Ingingo ya 156:**

Ibyapa byashyizwe ku nzira nyabagendwa mbere y'itariki y'ugutangira gukurikizwa kw'iri teka bitazaba bikurikije ibyapa biri ku migereka kuva kuwa 1 kugeza kuwa 6 y'iri teka bizakomeza gukurikizwa mu gihe cy'amezi 6 nyuma yo gutangira gukurikizwa ku iri teka bipfa kuba bisa n'ibyapa biteganijwe mu migerka y'itegeko nº 660/206 ryo kuwa 11 Nzeri 1958.

**Ingingo ya 157:**

Icyemezo nº 660/206 cyo kuwa 11 Nzeri 1958 kivuyeho.

**Ingingo ya 158:**

Itegeko nº 34/1987 ryo kuwa 17 Nzeri 1987 ryerekeye imihanda n'uburyo bwo kuyigenderamo rishyirwa mu bikorwa kuva umunsi iri teka ritangira gukurikizwa**.**

**Ingingo ya 159:**

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangiweho mu igazeti ya Leta ya Repuburika y'u Rwanda.

# ANNEXE: EVALUATION (IBIBAZO N'IBISUBIZO)

## IBIBAZO BIBAZWA ABAKORERA URUHUSHYA RW' AGATEGANYO RWO GUTWARA IBINYABIZIGA ( Police Magazine umutekano 002)

1) **Ibimenyetso bigenga uburyo bwo kugenda mu muhanda birimo ibyiciro bingahe ? bivuge ?**
   - ***Birimo ibyiciro bitatu :***
     a) Hari ibyapa bishingwa
     b) Iby'imirambararo
     c) n' iby'urumuri

2) **Ibyapa bigizwe n'amoko angahe? :** ***Ibyapa bigizwe n' amoko atandatu ( 6 ).***
   1. Ibyapa biburira
   2. Ibyapa bitegeka
   3. Ibyapa bibuza
   4. Ibyapa biranga
   5. Ibyapa by' urumuri
   6. ibyapa by' imirambararo

3) **Mu nsisiro ibyapa biburira bishyirwa he?**

   Bigomba gushyirwa muri m 150 na m 200 y' ahantu habi

4) Vuga uburemere ntarengwa bunyuzwa ku ngiga z' ibiti cyangwa imbaho bitindishijwe iteme mu rwanda**? Ni toni umunani (8 T)**

5) Vuga uburemere ntarengwa bunyuzwa ku byuma bitindishijwe iteme mu rwanda?
   **Ni toni mirongo ine n'esheshatu (46T)**

6) **Amatara ndanga akoreshwa ryari ? Akoreshwa (acanwa) igihe cyose** ikinyabiziga icyo ari cyo cyose gihagaze ahantu hatabona kugirango abaturuka imbere cyangwa inyuma bakibone

7) **Ni ryari wemerewe Gucana amatara ndanga nijoro?**
   Ni igihe ikinyabiziga kigeze muri parikingi n'igihe hari urumuri ruhagije cyangwa wageze iwawe.

8) **Amatara maremare abujijwe gucanwa ryari?**

   Igihe hari urumuri ruhagije mu muhanda ureba neza muri metero ijana (100 m) imbere yawe.
   Igihe ikinyabiziga kibisikana n'ikindi cyangwa ukurikiye ikindi kinyabiziga nta metero mirongo itanu (50 m) zibari hagati.

9) **Amatara magufi ya velomoteri n'amapikipiki acanwa ryari?**

   Ategetswe guhora yaka igihe cyose ari ku nzira nyabagendwa ( voir faustin cahier )

10) **Ibyapa bibuza bikurikizwa kuva he kugeza he?** Kuva aho ubiboneye kugeza mu isangano rikurikira.

11) **Vuga igihano bazahanisha umuntu uzakora impanuka agahunga yaba iturutse ku makosa ye cyangwa se ku zindi mpamvu? :**Ni igifungo cy'amezi atatu kugera kuri cumi n'abiri n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi icumi cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

12) **Iyo biturutse ku bugome bwa shoferi ahanishwa iki ?** Bamwandika muri karine nwari akariha ibyangiritse wenyine akanirukanwa .

**13) Iyo upakiye ibidashobora kugabanywamo kabiri ni ubuhe burebure udashobora kurenza?**
Ni metero eshatu (3m).

**14) Iyo birenga imodoka hashyirwaho ikihe kimenyetso ki?:**Hashyirwaho agatambaro gatukura gafitecm 50 buri ruhande ku manywa naho nijoro hashyirwaho itara ritukura.

**15) Iyo uhagaze aho ubujijwe guhagarara ukora iki**? : Ucanira rimwe amatara ndanga cyerekezo no kuhashyira akuma ka mpandeshatu gatukura …..

**16) Ibinyabiziga iyo bigiye mu butumwa bigizwe n'imodoka nyinshi bacamo itsinda rireshya rite?**
Bacamo itsinda rireshya na m 500, hagati y'itsinda n'irindi hari m 50,hagati y'imodoka n'indi hari m 30

**17) Ku modoka y'imbere haba hari ikihe cyapa ? :**Ni icyapa cy'umuhondo cyanditswemo inyuguti zitukura zivuga ngo itondere ibinyabiziga biherekeranyije mu butumwa(attention convoie).

**18) Ku modoka y'inyuma hagomba kuba ikihe cyapa?** Ni icyapa cy'umuhondo cyanditsweho n'inyuguti zitukura zivuga ngo iherezo ry'ibinyabiziga biherekeranyije mu butumwa ( Fin convoie ).

**19) Amagambo yanditse ku binyabiziga biherekeranyije mu butumwa agaragarira nibura muri metero zingahe?** Nibura muri m 100.

**20) Imodoka ntigomba kurenza ubuhe bugari?:** Ntigomba kurenza ubugari bwa m 2,5

**21) Iyo yikoreye ibinyampeke nk'ikawa, ipamba, amakara ntibirenga m zingahe z'ubugari?**
Ni m 2,75

**22) Iyo yikoreye ibyatsi ubugari ntiburenga m zingahe?:** Ntiburenga m 3

**23) Ni ibiki umuyobozi azitondera kugirango anyure**
**24) ku wundi?**

a) Kwitondera ibyapa areba ko nta kibimubuza,
b) Kuba areba neza imbere ye nibura muri m 100,
c) Kuba arusha umuvuduko uwo agiye kunyuraho nibura km 20 mu isaha,
d) Kumenyesha uwo agiye kunyuraho acana itara ndanga cyerekezo,
e) Kuba nta hindi kinyabiziga kiteguye kubacaho.

**25) Ugomba gukora iki kugirango worohereze ugiye kukunyuraho?**

Ugomba kugabanya umuvuduko kandi ukegera inkombe z'umuhanda.

**26) Ibinyabiziga ndakumirwa bikurikiza ibihe byapa?:**Nta cyapa na kimwe bikurikiza

**27) Ni hehe habujijwe guhagararwa umwanya muto n'umunini?:**

**a)** Ahari icyapa kibibuza;

**b)** Ku murongo ukomeza;

**c)** Mu muhanda hagati;

**d)** Mu ikorosi,ku bitaro;

**e)** Ku mihanda y'ikuzimu;

**f)** Mu Nzira y'abanyamaguru;

**g)** Aho umuhanda ufunganye.

**28) Vuga ibintu biridwi (7) umuyobozi agomba kuringanirizaho umuvuduko we kugirango adakora impanuka?**

**1)** Imiterere y'ikinyabiziga,
**2)** Ibyo cyikoreye,
**3)** ubuzima bw'ikinyabiziga,
**4)** Uko umuhanda umeze,
**5)** Urumuri ruhari,
**6)** ubwinshi bw'ibihagenda,
**7)** Imiterere y'ikirere.

**29) Tandukanya ikamyo n' ikamyonete wifashishije ingero z'uburemere:** Itandukaniro ni uko ikamyo ari imodoka itwara imizigo irengeje uburemere bwa toni 3,5 ariko kamyonete yo ikaba itwara imizigo itarengeje uburemere bwa toni 3,5.

**30) Amatara maremare amurika nibura muri metero zingahe?**Amurika muri metero 100

**31) Amatara magufi amurika muri metero zingahe?** Amatara magufi amurika muri m 40

**32) Amatara y'ibihu amurika nibura muri metero zingahe?**Amurika muri m 100

**33) Indangacyerekezo (clignotant) amurika muri metero zingahe?** : Ntamurika ahubwo agaragarira muri m 150 nijoro, naho ku manywa akagaragarira muri m 20.

**34) Icyapa cyerekana ko imodoka yagize ingorane kigaragarira muri m zingahe?:** Kigaragarira muri m 30, haba ari habi nko mu ikorosi kigaragarira muri m 100.

**35) Imodoka ikibona kiri muri m zingahe nibura?** Ikibonera muri m 100 nibura

**36) Ihoni ry'ibinyabiziga bifite moteri ryumvikanira muri m zingahe?** : Ihoni ry'imodoka ni m 100, iry'ipikipiki ni m 50, irya velomoteri ni m 20.

**37) Hagati y'umupolisi n'ibyapa hubahirizwa iki cyangwa nde? :** Hubahirizwa umupolisi

**38) Ibimenyetso ku muhanda bisumbanwa bite mu gukurikizwa?:** Uretse polisi habanza ibyapa by'urumuri hagakurikiraho iby'agateganyo, ibyapa bishingwa, iby'imirambararo.

**39) Iyo bayoboye inyamaswa nyinshi bazigabanyamo amatsinda ku buhe buryo?: Itsinda riba rigizwe n'inyamaswa zingahe?**

Bagabanyamo amatsinda buri tsinda rigizwe n'inyamaswa 8 kandi buri tsinda rikayoborwa n'umuyozi umwe

**40) Hagati y'itsinda n'irindi haba hari nibura m zingahe?** Haba hari nibura m 20

**41) Ibinyabiziga bikururwa n'inyamaswa bigomba kureshya na m zingahe? :** Bigomba kureshya na m 16, iyo birenzeho hifashishwa abandi **b**ayobozi.

**42) Itsinda ry'inyamaswa zikurura ibinyabiziga biba bigizwe na m zingahe? :** Biba bigizwe na m 50

**43) Inyamaswa zikurura ikinyabiziga ntizigomba kurenga zingahe zishoreranye cyangwa zibangikanye**? : Ntizigomba kurenza 12 zikurura ikinyabiziga ,ntizigomba kurenga 4 zishoreranye n'eshatu zibangikanye.

**44)** Imodoka zirengeje uburemere ntarengwa bwemewe bwa toni 5 iyo zikurikiranye kugirango zinyure ku kiraro (Iteme )hagati yazo hagomba umwanya ungana iki nibura?: **Hagomba umwanya wa m 10 nibura.**

**45)** Abakozi babifitiye ububasha bagenza icyaha babiherewe uburenganzira nande? : **Na Minisitiri w'ubutabera.**

46) **Uramutse utaye puraki wabigenza ute? :** Wabimenyesha muri finanse mugihe kitarenze iminsi 7

47) Ni ubuhe burebure bw'ibyapa bishingwa?: **Ni metero 1,50 kugeza kuri metero 2,10.**

48) **Ninde utanga uburenganzira bwo gushyiraho ibyapa byamamaza?:** Ni Minisitiri w'imirimo ya Leta, ushinzwe amateme n'imihanda.

49) **Ni ibihe bintu abagendera mu nzira nyabagendwa babujijwe gukatamo kabiri?** :Imirongo y'abasirikare,abanyeshuri bari ku mirongo bayobowe na mwarimu n'imirongo yabagiye guhamba.

50) **Ni ryari ikinyabiziga cyemerewe kugenda ahamanuka vitensi idakora na moteri idakora**?
Nta na rimwe ikinyabiziga kibyemerewe keretse ikinyabiziga cyapfuye gikururwa n'ikindi .

51) I**byapa biburira n'ibyo gutambuka mbere bitaniye he? bimara iki? bigizwe n'ayahe mabara?**
Itandukaniro: ibiburira bibereyeho kumenyesha umugenzi ko hari icyago, kandi bikerekana imiterere yacyo bikamutegeka gukoresha ubwitonzi budasanzwe naho ibyo gutambuka mbere bibereyeho kumenyesha abagenzi amategeko yihariye yo gutambuka mbere mu mahuriro y'imihanda.

Ibyo byapa (**Ibiburira bigizwe no gutambuka mbere )** bigizwe na mpandeshatu ifite umuzenguruko *w' umutuku*, ubuso *bw'umweru i*kirango *cy' umukara.*

52) **Imodoka ntigomba kurenza ubuhe bugari?** : Imodoka ntigomba kurenza ubugari bwa m 2,5

53) **Imodoka ntigomba kurenza ubuhe buhagarike?** (ubwayo nibyo ipakiye) Ni m 4 iyo birenze bisabirwa uruhushya;rugasabwa kwa …………………………….

54) **Vuga ubugari bw'umwanya wagenewe kwicarwamo n'umuyobozi w'imodoka?** Ni cm 55.

55) **Iyo hari ibindi byicaro mu imodoka abana babujijwe kwicara imbere ni abafite iyihe myaka?**
Ni abafite imyaka 12 gusubiza hasi.

56) **Ni ibihe binyabiziga bigombera kugira igipimo cy'umuvuduko (indicateur de vitesse):** Ni ibifite umuvuduko urengeje km 40 mu isaha.

57) **Niryari bibujijwe kunyuranaho ibumoso: ?**Bibujijwe kunyuranaho ibumoso iyo umuyobozi ukuri imbere yerekanye ko agiye gukatira ibumoso kandi yageze mu muhanda hagati.

58) **Imodoka voiture yagiye i Butare iturutse i Kigali ihetse umutwaro hejuru yayo (porte bagage) w'ibiro 100 irongera isubirayo ihetse uwo mutwaro imbere mu modoka ni ryari yanyoye esansi nyinshi cyane?**
Ni igihe yari ihetse uwo mutwaro (hejuru) kuri porte bagage; **kuki?:** Ni uko umuyaga wazaga ugahura n'uwo mutwaro bigaca imodoka intege bigatuma ikoresha esansi nyinshi kugirango ibone ingufu.

59) **Imodoka ihetse iyo bingana n'ikurura iyo bingana ni iyihe yiruka cyane?** Ni ikurura iyo bingana.

60) **Ubugari ntarengwa bwikorewe n'ipikipiki ni m zingahe? :** Ni m 1,25

61) **Ubugari ntarengwa bw'ipikipiki ifite utunyabiziga ku ruhande ni m zingahe?** Ni metero 3

62) **Vuga ubugari ntarengwa bwikorerwa n'igare n'ingorofani**
Igare ni santimetero 75; ingorofani ni santimetero 2,5

63) **Uburemere ntarengwa bwikorerwa n'inyamaswa bungana iki? :** Ni ibiro 750

64) Ubugari ntarengwa bwikorewe n'inyamaswa bungana iki?:**Ni santimetero 75**

65) **Amatara y'urugendo ategetswe ku bihe binyabiziga?:** Ibyo ari byo byose bifite igipimo cy'umuvuduko bitari munsi ya km 25 ku isaha.

66) **Ibyapa biburira n'ibyo gutambuka mbere bishyirwa he?** : Bishyirwa iburyo hakurikijwe icyerekezo abagenzi bireba baganamo.

67) **Ibyapa bitegeka n'ibibuza bibereyeho iki?kandi bimeze bite?** Bibereho kwereka abagenzi bari mu nzira nyabagendwa ibyo babujijwe n'ibyo bategetswe kandi bimeze nk'ingasire ( uruziga ) ifite umuzenguruko *w' umutuku***,** ubuso bw' *umweru,* ikirango *cy' umukara*.

68) **Ibyapa bitegeka bishyirwa he?** : Bishyirwa ahantu bibonwa neza n'abo bigenewe

69) **Ibyapa biyobora bishyirwa he?:**Bishyirwa ahaboneye kurushaho hakurikijwe icyerekanwa uko kimeze.
70) **Ibyapa by'inyongera byerekana iki ?:** Byerekana amarengamategeko rusange,ibibujijwe cyangwa ibitegetswe byihariye..

71) I**bimenyetso by'inkomyi bishyirwaho nande?**..Bishyirwaho n'uwayiteye,

72) Vuga umuvuduko wa kamyo mu mugi wa Bujumbura : Ni km 30 ku isaha
73) **Umusore w'imyaka 19 yemerewe kubona izihe kategori zo muri perimi definitifu?** kubera iki?
Yemerewe kubona kategori A, B na F.

74) **Vuga ahantu habujijwe guhagarara umwanya munini :**

**a)** Ahari ibyapa bibibuza,
**b)** Ahinjirirwa hakanasohokerwa n'abantu benshi; nko ku mashuri,
**c)** Imbere y'ahagenewe guhagararwa n'imodoka zagenewe gutwara abantu,
**d)** Imbere y'ahinjirwa hakanasohokerwa hagenewe imyidagaduro,
**e)** Imbere y'ahinjirirwa hakanasohokerwa n'imihanda ijya mu bibanza byadikanye, Keretse imodoka zifite ibyapa by'aho hantu.

75) **Ni hehe ubujijwe kuvuza ihoni cyangwa ryari?**
a) Ahari icyapa kibibuza,
b) Ari nijoro,cyangwa ugeze ku matungo,
c) Kumazu y'ubutegetsi, nko kubigo bya gisirikari no ku mavuriro.

76) **Kategori D yagenewe imodoka z'ubuhe bwoko?**

Ni imodoka zagenewe gutwara abantu barenze 8 n'imyanya irenze 8 kandi zirengeje uburemere bwa toni 3,5 .

77) **Abagenda batwaye amagare na velomoteri babujijwe iki mu mihanda?**

a) Babujijwe kurekura amahembe,
b) Kugenda badakandagiye ku birenge by'igare,
c) Kugenda ukurura inyamaswa,
d) Kugenda ukururwa nko gufata ku modoka ikuri imbere,
e) Kugenda ukurura utwaye cyangwa usunika ibyabangamira abandi bagenzi,
f) Kurenza umuvuduko wa km 40 mu isaha,
g) Gukoresha amahoni atarateganyijwe no kugenda hagati y'imirongo ibiri y'imodoka.

78) **Ni ryari amatara maremare agomba kuzimywa?**N'igihe hari urumuri ruhagije umuyobozi areba neza muri m 100, Igihe ikinyabiziga kibisikana n'ikindi cyangwa gikurikiye ikindi hafi nta m 50 zihari nibura.

79) **Umuyobozi utwaye imodoka idafite amatara y'igihu ayasimbuza ayahe?** Ayasimbuza amatara magufi.
80) **Ni ryari umuyobozi adashobora kurenza umuvuduko wa km 5 mu isaha? :**
a) N' igihe akikira inkomyi,
b) Igihe anyurwaho n'abanyamaguru
c) N'igihe asubira inyuma.

81) **Sitasiyonema ibujijwe ryari? :** Igihe washaka guhagarara ahantu aho ari ho hose hatari umwanya cyangwa igihe byatera imbogamizi kuhahagarara.
82) **Guhagarara bibujijwe ryari? :** Igihe ushaka guhagarara aho ariho hose hatari umwanya cyangwa guhagarara byatera imbogamizi.

83) **Ibyapa ku muhanda bifite akahe kamaro? :** Bituma hataba impanuka nyinshi mu muhanda bigatuma imodoka zituzurana mu muhanda kuko biba biziyobora.

84) **Umuyobozi ugiye kujya mu rugendo agenza ate** ? : Agomba kureba ko ikinyabiziga cye ari kizima ko nawe afite ibyangombwa bisabwa byuzuye kandi ko nta nzitizi ihari.

85) **Romoruki igenewe retrovizeri zingahe?** Nta n'imwe igenewe
86) **Inyamaswa 32 zishorerwa n'abantu bangahe?:** Zishorerwa n'abantu bane
87) **Ni ryari kabine yicarwamo n'abantu 3?:** Ni igihe ifite umwanya wo muri kabine ufite metero 1,35

88) Ibyapa bya sitasiyonema biba bimeze bite?: Biba bimeze nk'urukiramende rufite umuzenguruko w'ubururu, ubuso bw'ubururu,ikirango cy'umweru…

89) **Ugiye guhagarara inyuma ya bisi wasiga umwanya ungana iki?** : Wasiga umwanya ungana na m 15
90) **Ni ryari warenza umuvuduko wa km 80 mu isaha kandi wabibuzwaga? :** Ni igihe utwaye ikinyabiziga ndakumirwa cyangwa uri mu marushanwa.

91) **Vuga impamvu zituma umuyobozi bamwaka perimi?:*Igihe byemejwe na muganga kubera uburwayi*:**
   a) Atabona neza cyangwa yarapfuye amatwi,
   b) Afite imitsi imwe n'imwe yangiritse,
   **c)** Akoze impanuka kabiri mu mwaka zica abantu benshi cyangwa zikababakomeretsa kubera amakosa ye yo gukabya kurenza umuvuduko n'ubusinzi.
92) **Iyo shoferí ahagaze abigenza ate? :** Acana amatara abigaragaza yabigenewe
   ( feux de position ou feux de stop )

93) **Tanga ubusobanuro bw'amagambo y'amazina akoreshwa mu bigenda mu muhanda**
   **a) Makuzungu**: Ni romuruki iyo ari yo yose yagenewe gufatishwa ku kinyabiziga cyiyikurura ku buryo igice cyayo kiba kikiryamyeho kandi igice cy'ubuerbure bwacyo n'ubw'ibyo gitwaye bushikamiye icyo kinyabiziga kiyikurura.
   **b) Igare**: Bivuga ikinyamitende gihagararira ku biziga bibiri

94) **Uburenganzira bwo gutwara bw'agateganyo ( Permi provisoire) buhabwa bande?**
   Ihabwa utsinze ikizamini cyo kumenya mu mutwe amategeko y'umuhanda.

95) **Umuntu w'imyaka 18 ahabwa izihe categories** ? A,B,C .

96) **Agent qualifié ni muntu ki?** Ni umwe mu bakozi babifitiye ububasha wambaye ku buryo bugaragaza ibimenyetso by'umurimo ashinzwe gukora.**urugero:** nk'abapolisi, abakozi ba gasutamo, abashinja cyaha**.**

97) **Umuyobozi ugonze igiti imodoka ikitambika mu muhanda yabigenza ate ?** yahashyira ikimenyetso kiranga impanuka: mpandeshatu itukura muri metero 30 cyangwa metero 100 ari nko mu ikorosi cyangwa amashami y'ibiti nyuma akihutira kuyikura mu muhanda,iyo ari imodoka igonganye n'indi abujijwe kuyihakura igihe hatarakozwa P.V keretse yahashushanyije.

98) **Yahanishwa iki umuyobozi ukoze impanuka aramutse atwaye iyo modoka akayijyana iwe batarakora consita** ? Ni igifungo cy'amezi 3 kugeza kuri 12 n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi 10.000Frw cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

99) **Azahanishwa iki umuyobozi uzafatwa atwaye ikinyabiziga adafite kategori yacyo ?**
   N' igifungo cy'amezi 12 ihazabu y'amafaranga 10.000 cyangwa kimwe muri ibyo bihano

100) **Ni ryari ibimenyetso bimurika bidashobora gukurikizwa kandi bikora neza?**
   Ni igihe ubitegetswe n'umupolisi.

101) **Utwaye ikinyabiziga wabwirwa n'iki ko wari ukurikiye umurongo ucagaguye ukaba ugiye kugera ku murongo ukomeza cyangwa mu makorosi ?**
   Ni iyo ubonye umurongo ucagaguye ufite m 20 hagati hari m6 ubujijwe kuhahagarara ukahatinda.

**102) Ni ubuhe burenganzira bwo gutambuka mbere mu mihanda itangana?** Uturutse mu muhanda munini niwe utambuka mbere.

**103) Ni ryari abayobozi b'amagare na velomoteri bashobora gukurikiza amategeko agenga abanyamaguru**?Ni igihe bayoboye ibinyabiziga batabigenderaho

**104) Ni ibihe byapa bibujijwe gushyirwa ku nzira nyabagendwa?**

Ni ibyapa byamamaza
Ibimenyetso biranga ibishobora kurangaza
Ibituma abayobozi bahuma , Ibibayobya n'ibyigana.

**105) Ibimenyetso birombereje bigizwe n'iki?** Bigizwe n'imirongo iteganye n'umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri, umurongo urombereje uw'ibitarutaru cyangwa umurongo urombereje ubangikanye n'uw'ibitarutaru.

**106) Feri y'urugendo bivuga iki? Imaze iki?**

Ni uburyo busanzwe bukoreshwa kugirango imodoka igende buhoro cyangwa ihagarare.Ituma imodoka igenda buhoro cyangwa igahagarara ku buryo bwizewe bubangutse kandi nyabwo imodoka naho yaba igeze ahamanuka cyangwa igeze ahaterera uko yaba yikoreye kose.

**107) Imyanya y'aho ibinyabiziga bibujijwe cyangwa bitegekwa kunyura mu cyerekezo runaka bishobora kugaragazwa n'iki?** bishobora kugaragazwa n'ibimenyetso by'imyambi na ya mirongo irombereje cyangwa n'imitarutaru.

**108) Ni izhe Rumoroki zishobora gushingirwaho akagarurarumuri kamwe?**

Ni rumoroki zifite ubugari ntarengwa bwa santimetero 80 iyo zikuruwe n'ipikipiki idafite akanyabiziga ko ku ruhande.

**109) Ni ryari ihoni ry'ibinyabiziga bigendeshwa na moteri bishobora kuvuzwa ihoni ryumvikanira muri m 50 aho kumvikanira nuri m 100?**

Ni iyo umuvuduko wabyo bidapakiye uba utarengeje km50 ku isaha ahategamye.

**110) Kuki umuyobozi w'ikinyabiziga gikurikira ibindi agomba gusiga umwanya uhagije hagati ye n'icyo akurikiye?** N' ukugira ngo igihe ikinyabiziga kiri imbere ye gihagaze kuburyo butunguranye babe batakora impanuka.

**111) N'ibihe bimenyetso bishobora gusimbura ibimenyetso bisanzwe by'amatara?**

ni ibimenyetso by'uducumu; icyo bitandukaniyeho n'ibimenyetso bisanzwe by'amatara n'uko aho bikuyobora aba ari aho nta handi kandi ibnyabiziga tubuza cyangwa twemerera gutambuka ari ibihererey mu cyerekezo utwo ducumu dutungamo .

**112) Ibimenyetso bimurika bigenewe abanyamaguru bigizwe n'amabara angahe?yavuge unayasobanure?** Bigizwe n'amatara abiri: Umutuku n'icyatsi

**UMUTUKU:** Uvuga ko umunyamaguru nta burenganzira afite bwo gutambuka

**ICYATSI:** Kivuga ko umunyamaguru afite uburenganzira bwo gutambuka .

**113) Ni abahe bayobozi bemerewe kugenda batiziritse umukandara (ceinture de sécurite)**

a) Ni abantu bakora akazi gatuma binjira bongera basohoka mu modoka buri kanya .**urugero:** abakozi b'iposita

b) Umugore utwite

**114) Ni ibihe binyabiziga byemewe gukurura ibinyabiziga birenze bitatu hatagombye uruhushya rwihariye?**

a) Ibinyabiziga bya ba Mukerarugendo
b) Ibinyabiziga by'abakozi b'imihanda

**115)** U**burenganzira (permis de conduire) bwerekana iki ?** Bwerekana urwego cg inzego z'ibinyabiziga zatangiwe.

**116) Ufite uburenganzira bw'agateganyo yemerewe gutwara izihe modoka ?**

Ntabyemerewe, keretse iyo ari kumwe n'umwigisha ufite uburenganzira bw'imodoka yigiraho umwigisha agomba kuba iruhande rwe ,kugirango amwereke cg amuyobore bibaye ngombwa.

117) **Ikinyabiziga kigirwaho ukibwirwa ni ki ?**Ukibwirwa n' uko inyuma kiba gifite ikimenyetso kigizwe n'inyuguti ya **L** yera yanditswe mu izina ry' ubururu kandi ifite uburebure butarenze hasi ya santimetero 15; cyangwa icyapa cy' umweru cyanditswemo **«AUTO ECOLE »** mu nyuguti z' umukara.

118) **Iyo uburenganzira bwatakaye,bwibwe,bwarangiritse busimburwa n'iki ?**
Busimburwa by'agateganyo na Attestation itarenza iminsi 15 kugirango ube wabonye indi.

119) **Ninde ufite ububasha bwo kwambura burundu permis de conduire** : Ni Porokereri wa Repubrika bwakwa uwanze gupimwa na muganga cyangwa uzwiho ubrwayi.bw'amaso, ubw''imitsi cyangwa kutumva. Iyo habayeho ijurira ni porokireri mukuru cyangwa Juge Uwanze gupimwa ntashobora kujurira .

120) **Umuntu ufite uburenganzira bw'agateganyo bwo gutwara imodoka yemerewe gukorera iyihe categorie ?**Yemerewe gukorera categorie ashaka bitewe n'imodoka yize gutwara

121) Repubrika bwakwa uwanze gupimwa na muganga cyangwa uzwiho ubu rwayi.bwamaso, ubwimitsi cyangwa kutumva. Iyo habayeho ijurira ni porokireri mukuru cyangwa Juge Uwanze gupimwa ntashobora kujurira.

122) Repubrika bwakwa uwanze gupimwa na muganga cyangwa uzwiho ubu rwayi.bwamaso, ubwimitsi cyangwa kutumva. Iyo habayeho ijurira ni porokireri mukuru cyangwa Juge Uwanze gupimwa ntashobora kujurira.**( Polisi Magasine Umutekano 002 ( 2006) )**

123) **Vuga ibintu 3 umuyobozi w' ikinyabiziga agomba gukora igihe aguweho n' impanuka?**

**R/a)** Guhita ahagarara igihe bimushobokeye, kandi atabanje kubanagamira bundi bushya uburyo bwo kugenda mu muhanda, cyangwa kwiteza ibyago ubwe,

**b)** Gukora uko ushoboye kugirango uburyo bwo kugenda mu muhanda aho impanuka yabereye bwo guhungabana .Ashyira ibimenyetso ashyira ibimenyetso ahashobora kubyara inkomyi.

**c)** Kubimenyesha abubahiriza amahoro bari hafi aho no kwirinda guhindura uko ibintu bimeze , nko gusibanganya ibimenyetso bishobora kugaragaza abari mu mamakosa igihe umuntu yapfiriye muri iyo mpanuka cyangwa yakomerekeyemo bikabije ariko bikaba bidahungabanya uburyo bwo kugenda mu muhanda.

124) **Vuga ibitegekwa 3 bitegetswe n'umukozi ubifitiye ububasha umuyobozi w'ikinyabiziga agomba guhita yubahiriza?**

R/ a) Ukuboko kuzamuye : Gutegeka abagezi bose guhita bahagarara cyeretse abagese mu isangano bagomba guhita bahava .

b) Ukuboko cyangwa amaboko atambitse : ategeka guhagarara abagenzi baturuka mubyerekezo bisanganya icyerekezo cyerekanwa n' ukuboko cyangwa amaboko arambuye.

c) Kuzunguza intambike itara ritukura : ritegeka guhagarara abo iryo tara riganishaho .

125) **Ni ryari umuntu ufite uruhushya rw' agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga ashobora gutwara ikinyabiziga?**
Umuntu ufite uruhusa rw' agateganyo ashobora gutwara igihe gusa ari kumwe n' umuwigisha ufite uruhushya ruri mu rwego rw' ikinyabiziga atwaye.

126) **Umuyobozi w' ikinyabiziga ugiye kwinjira mu masangano aho banyura bazengurutse akora iki?**
Agomba kureka ibinyabiziga byageze mu masangano bikabanza gutambuka.

127) **Ni ryari kunyuranaho kw' ibinyabiziga bishobora gukorerwa iburyo bw' umuhanda?**
Ni igihe umuyobozi unyurwaho yagaragaje ko ashaka kugana ibumoso bw' umuhanda

**131) Vuga ibitegekwa bitatu bitegetswe n'umukozi ubifitiye ububasha umuyobozi w'ikinyabiziga agomba guhita yubahiriza?**

a) Ukuboko kuzamuye gutegeka abagenzi bose guhita bahagarara keretse abageze mu isangano bagomba guhita bahava Art 05
b) Ukuboko cyangwa amaboko atambitse ategeka guhagarara abagenzi baturuka mu byerekezo bisanganya icyerekezo cyerekanwa n'ukuboko cyangwa amaboko arambuye.

c) Kuzunguza intabike itara ritukura bitegeka guhagatata abo itara riganishaho.

**132) Umuyobozi w'ikinyabiziga ushaka guhindukiza ikinyabiziga cye cyangwa kugihagarika ibumoso bw'umuhanda abyerekanisha iki?**Abyerekanisha itara ndangacyerekezo aba atarifite akabyerekanisha ukuboko mu ntera nibura ya m 50.

1**33) Ni ryari kunyuranaho kw'ibinyabiziga bishobora gukorerwa iburyo bw'umuhanda?**

Ni igihe umuyobozi unyurwaho yagaragaje ko ashaka kugana ibumoso yajyanye ikinyabiziga cye ibumoso bw'umuhanda.

**134) Iyo ubugari bw'umuhanda budahagije kugirango ibisikana ryorohe ,abayobozi b'ibinyabiziga bakora iki?**Iyo ubugari bw'umuhanda budahagije kugirango ibisikana ryorohe ,abayobozi bashobora kunyura mu nzira z'impande z'abanyamaguru ariko ku buryo batateza impanuka abagenzi bazirimo

**135) Imburira zimurika zikoreshwa zite ku kinyabiziga ? Zikoreshwa ryari?**

Imburira zimurika zikoreshwa ucana uzimya vuba vuba amatara magufi cyangwa bisimburana vuba vuba amatara maremare n'amagufi hagati ya saa kumi n'ebyiri z'ijoro no kurasa kw'izuba .

**136) Ni uwuhe muvuduko ntarengwa w'ikinyabiziga mu nsisiro?**

Imodoka zigenewe gutwara abantu ,uretse ibinyabiziga bitwarira abantu hamwe ,ibinyabiziga bidashobora kwikorera ibirnze toni imwe ni km 50/h
Ibindi binyabiziga byose ni 40km /h

**137) Vuga ahantu nibura hatatu abayobozi b'ibinyabiziga babujijwe kunyuraho ku nzira nyabagendwa?**

a. Ahantu hari ikimenyetso kibibuza.
b. Hafi y'iteme iyo hari umuhanda ufunganye
c. Hafi y'aho abanyamaguru banura

**138) Umwanya usigara hagati y'ibinyabiziga bibiri bihagaze umwanya ku ruhande rw'umuhanda ubisikanirwamo kandi utuma hahita ibinyabiziga bibiri gusa, ugomba kungana ute iyo nta mategeko yihariye akurikizwa muri ako karere**?

a. Mu nsisiro ni metero 5
b. Ahatari mu nsisiro ni metero 20

**138) Ni ryari amatara maremare y'ikinyabiziga agomba kuzima ku nzira nyabagendwa?**

a. Iyo umuhanda umurikiwe hose kandi umuyobozi ashobora kureba nibura muri metero 100
b. Iyo ikinyabiziga kigiye kubisikana n'ikindi kiri mu ntambwe zihagije
c. Iyo ikinyabiziga gikurikiye ikindi muri metero zitagera kuri 50 keretse iyo umuyobozi wacyo ashaka kunyura ku cyo akurikiye acana azimya vuba vuba amatara maremare

**139)Vuga ibintu bine umuyobozi w'ikinyabiziga agomba kwitondera mu gupakira ikinyabiziga cye?**

Imizigo igomba gupakirwa ku buryo idashobora :

a. guteza abantu ibyago mu rugendo
b. kwangiza mu rugendo inzira nyabagendwa ,impande zayo ibiyubatseho cyangwa umutungo uyikikije.

c. Kubuza umuyobozi kubona neza cyangwa kubangamira gufata k'umuhanda cyangwa imiyoborere y'ikinyabiziga
d. Gukingiriza amatara,uturebanyuma two hanze ,ibimenyetso byerekana icyerekezo,utugarurarumuri nimero iranga ikinyabiziga cyangwa ibimenyetso by'ubwoko .

**140) Iyo imizigo isumba impera y'nyuma y'ikinyabiziga ho metero irenga igice gihera cy'imizigo kigomba kugaragazwa n'iki ?**

a. Ku manywa : agatambaro gatukura gafite nibura cm 50 z'uruhande
b. Iyo amatara agomba gucanwa:Itara ritukura cyangwa akagarurarumuri gatukura

**141) Iyo umuntu yapfiriye muri iyo mpanuka cyangwa yayikomerekeyemo bikabije bikaba bitahungabanya uburyo bwo kugenda mu muhanda ,umuyobozi yakora iki ?**

-Yirinda guhindura uko ibintu bimeze
-Yirinda gusibanganya ibimenyetso byagaragaza uri mu makosa
- Kubimenyesha cyangwa gutumaho abubahiriza umutekano bari hafi.

**142) Iyo umuntu yapfiriye muri iyo mpanuka cyangwa yayikomerekeyemo bikabije umuyobozi akabona nta byago yakomeza kumutera yakora iki ?**
-Aguma aho impanuka yabereye kugeza aho abubahiriza umutekano bahagereye akaba aribwo bamwemerera kuhava cyangwa akahava agomba gutabara abakomeretse cyangwa kujya kwivuza we bwite.

**143) Iyo hari ibintu byangiritse muri iyo mpanuka cyangwa byabaye ibikomere byoroheje umuyobozi yakora iki ?**
-Aguma aho impanuka yabereye kugirango babyumvikaneho n'uwo bagonganye bagaragaze uko byagenze cyangwa bafashe umukozi ubushinzwe kubyirebera.

**144) Iyo umukozi ubishinzwe adashoboye kuhagera babigenza bate ?**
-Bashobora buri wese kubimureba kubimenyesha umutegetsi wubahiriza umutekano uri hafi (mbere y'amasaha 24)

**145) Ni ibihe bimenyetso birusha ibindi agaciro ?**

Ni ibitegetswe n'abakozi babifitiye ububasha

**146) Umurongo w'umweru ukomeje (udacagaguye) n'umurongo wera w'umweru ukurikiza uwuhe?** Ukurikiza urushijeho kukwegera.

**147) Ni ryari uva mu murongo wari urimo iyo mwagendaga mubangikanye?**

Ni igihe ugiye guhindura icyerekezo ubukora ucana itara ndangacyerkezo cy'aho ugiye kugana.

**148) Ni izihe remoruki zigomba gushyirwaho akagarurarumuri kamwe?**

Ni remoruki iyo ariyo yose ifite ubugari bwa cm 80 izo remoruki zijya kuri za moto cyangwa ku magare .

**149) Amatara yo kugabanya umuvuduko acanywa ryari ?**

Acanwa igihe ukandagiye feri.

**150) Itara ryo guhagarara (rya frein) uribwirwa n'iki iyo ryakiye rimwe n'itara riranga imodoka?**

Urumuri rurushaho kwiyongera

**151) Ufite uruhushya rw'agateganyo yemerewe gutwara mu nzira nyabagendwa mu nzira nyabagendwa ibihe binyabiziga?**

Yemerewe gutwara ibinyabiziga byose igihe ari kumwe n'uwigisha ufite uburenganzira bwo mu rwego rw'imodoka atwaye **.**

**152) Ni ryari ugira PERMIS PROVISOIRE ugatwara kamion remoruki cyangwa makuzungu ?**

Ni igihe uri kumwe n'ufite categorie yayo arimo akumenyereza

**153) Ni ryari ushobora kuba ufite CATEGORIE B ugatwara TAXI MINIBUS ?**

Ntabwo byemewe kuko categorie B igenewe ibinyabiziga bifite imyanya itarenze umunani

**154) Umurongo ugizwe na mpandeshatu nyampanga zerekeje imitwe aho abayobozi b'ibinyabiziga bituruka umenyesha iki ?** Umenyesha ko ugomba kwitonda ugatanga inzira iburyo n'ibumoso

**155) Ushobora gusimburwa n'ikihe cyapa ?**

Ushobora gusimburwa n'icyapa cya mpandeshatu icuritse

**156) Ligne STOP ishobora gusimburwa n'ikihe cyapa ?**

Ishobora gusimburwa n'icyapa cya **STOP**

**157) Ibikoreho ngarurarumuri bigaragaza inkombe zombi z'inzira nyabagendwa bigomba kugaragazwa mu yahe mabara?**

Iburyo ni umutuku cyangwa usa n'icunga rihishije, Ibumoso ni umweru

**158) Utugarurarumuri dushyirwa ku binyabiziga tuba dufite ayahe mabara ku mpande zombi?**

Utugarurarumuri turi ku ruhande rw'imbere rw'ikinyabiziga tugomba gusa n'umweru utw'inyuma tugasa n'umutuku naho utwo mu mbavu tugasa n'umuhondo cyangwa icunga rihishije

**159) Tanga ingero eshanu z'ibinyabiziga ndakumirwa ?**

a) Ibinyabiziga by'abapolisi
b) Ibinyabiziga by'ibizimya inkongi
c) Ibinyabiziga bitwara abategetsi
d) Ibinyabiziga bitwara abarwayi
e) Ibinyabiziga bitwaye abageni

**160) Abanyamagare cyangwa abayobozi ba veromoteri zifite imitende bambukiranya umuhanda banyuze he ?**
Bambukiranya umuhamda banyuze mu gahanda k'amagare

**161) Igisate cy'umuhanda gifite ubugari budahagije cyagenewe iki?**
Cyagenewe agahanda k'amagare

**162) Ibiraro bikoze mu nziga z'ibiti uburemere ntarengwa bugomba kubinyuzwaho bungana iki?**
Uburemere ntarengwa ku mateme akozwe mu ngiga z'ibiti cyangwa mu mbaho ni toni 8

**163) Ibinyabiziga byigishirizwaho gutwara bitandukaniye he n'ibindi binyabiziga bisanzwe ?**

Ikibitandukanya ni uko ibinyabiziga byigirwaho bigomba kuba bifite inyuma ikimenyetso kigizwe n'inyuguti ya **"L"** yera yanditswe mu ibara ry'ubururu kandi ifite uburebure butari hasi ya santimetero 15 cyangwa icyapa cy'umweru cyanditseho **"AUTO – ECOLE"** mu nyuguti z'umukara

**164) Ni uwuhe mwanya usiga igihe ugiye guparika imbere y'icyapa?**
Usiga umwanya uhagije kugira ngo niba icyapa ari kigufi utagikingiriza mu gihe uparitse ucyegereye.

**165) Vuga ibintu bitatu umuyobozi w'ikinyabiziga agomba gukora igihe aguweho n'impanuka?**

a) Guhita ahagarara igihe bimushobokeye kandi atagombye kubangamira bundi bushya uburyo bwo kugenda mu muhanda cyangwa kwiteza ibyago we ubwe.
b) Gukora uko ashoboye kose kugirango uburyo bwo kugenda mu muhanda aho impanuka yabereye hoye guhungabana ashyira ibimenyetso ahashobora kubyara inkomyi.
c) Iyo umuntu yapfiriye mu mpanuka cyangwa yakomerekeyemo bikabije kandi bikaba bidahungabanya uburo bwo kugenda mu muhanda .kwirinda guhindura uko ibintu bimeze Gusibanganya ibimenyetso bishobora kugaragaza abari mu makosa no kubimenyesha abubahiriza amahoro bari hafi aho.

**167) Vuga ibitegekwa bitatu bitegetswe n'umukozi ubifitiye ububasha umuyobozi w'ikinyabiziga agomba guhita yubahiriza?**

d) Ukuboko kuzamuye gutegeka abagenzi bose guhita bahagarara keretse abageze mu isangano bagomba guhita bahava.

e) Ukuboko cyangwa amaboko atambitse ategeka guhagarara abagenzi baturuka mu byerekezo bisanganya icyerekezo cyerekanwa n'ukuboko cyangwa amaboko arambuye.
f) Kuzunguza intambike itara ritukura bitegeka guhagatata abo itara riganishaho.

**168) Umuyobozi w'ikinyabiziga ushaka guhindukiza ikinyabiziga cye cyangwa kugihagarika ibumoso bw'umuhanda abyerekanisha iki?**
Abyerekanisha itara ndangacyerekezo aba atarifite akabyerekanisha ukuboko mu ntera nibura ya m 50.

**169) Ni ryari kunyuranaho kw'ibinyabiziga bishobora gukorerwa iburyo bw'umuhanda?**

Ni igihe umuyobozi unyurwaho yagaragaje ko ashaka kugana ibumoso yajyanye ikinyabiziga cye ibumoso bw'umuhanda.

**170) Iyo ubugari bw'umuhanda budahagije kugirango ibisikana ryorohe, abayobozi b'ibinyabiziga bakora iki?**

Iyo ubugari bw'umuhanda budahagije kugirango ibisikana ryorohe, abayobozi bashobora kunyura mu nzira z'impande z'abanyamaguru ariko ku buryo batateza impanuka abagenzi bazirimo

**171) Imburira zimurika zikoreshwa zite ku kinyabiziga? Zikoreshwa ryari?**

Imburira zimurika zikoreshwa ucana uzimya vuba vuba amatara magufi cyangwa bisimburana vuba vuba amatara maremare n'amagufi hagati ya saa kumi n'ebyiri z'ijoro no kurasa ku izuba .

**172) Ni uwuhe muvuduko ntarengwa w'ikinyabiziga mu nsisiro?**

Imodoka zigenewe gutwara abantu, uretse ibinyabiziga bitwarira abantu hamwe ,ibinyabiziga bidashobora kwikorera ibirenze toni imwe ni km 50/h
Ibindi binyabiziga byose ni 40km /h

**173) Vuga ahantu nibura hatatu abayobozi b'ibinyabiziga babujijwe kunyuraho ku nzira nyabagendwa?**

a. Ahantu hari ikimenyetso kibibuza.
b. Hafi y'iteme iyo hari umuhanda ufunganye
c. Hafi y'aho abanyamaguru banyura

**174) Umwanya usigara hagati y'ibinyabiziga bibiri bihagaze umwanya ku ruhande rw'umuhanda ubisikanirwamo kandi utuma hahita ibinyabiziga bibiri gusa, ugomba kungana ute iyo nta mategeko yihariye akurikizwa muri ako karere?**

a. Mu nsisiro ni metero 5
b. Ahatari mu nsisiro ni metero 20

**175) Ni ryari amatara maremare y'ikinyabiziga agomba kuzima ku nzira nyabagendwa?**

a. Iyo umuhanda umurikiwe hose kandi umuyobozi ashobora kureba nibura muri metero 100
b. Iyo ikinyabiziga kigiye kubisikana n'ikindi kiri mu ntmbwe zihagije
c. iyo ikinyabiziga gikurikiye ikindi muri metero zitagera kuri 50 keretse iyo umuyobozi wacyo ashaka kunyura ku cyo akurikiye acana azimya vuba vuba amatara maremare

**176) Vuga ibintu bine umuyobozi w'ikinyabiziga agomba kwitondera mu gupakira ikinyabiziga cye?**

Imizigo igomba gupakirwa ku buryo idashobora :

a) Guteza abantu ibyago mu rugendo
Kwangiza mu rugendo inzira nyabagendwa, impande zayo ibiyubatseho cyangwa umutungo uyikikije.
b) Kubuza umuyobozi kubona neza cyangwa kubangamira gufata k'umuhanda cyangwa imiyoborere y'ikinyabiziga
c) Gukingiriza amatara, uturebanyuma two hanze ,ibimenyetso byerekana icyerekezo,utugarurarumuri nimero iranga ikinyabizziga cyangwa ibimenyetso by'ubwoko

**177) Iyo imizigo isumba impera y'nyuma y'ikinyabiziga ho metero irenga igice gihera cy'imizigo kigomba kugaragazwa n'iki?**

a. Ku manywa : agatambaro gatukura gafite nibura cm 50 z'uruhande
b. Iyo amataara agomba gucanwaa:Itara ritukura cyangwa akagarurarumuri gatukura

**178) Umurongo w'umweru ukomeje (udacagaguye) n'umurongo wera w'umweru ukurikiza uwuhe?** Ukurikiza urushijeho kukwegera.

**179) Ni ryari uva mu murongo wari urimo iyo mwagendaga mubangikanye?**

Ni igihe ugiye guhindura icyerekezo ubikora ucana itara ndangacyerekezo cy'aho ugiye kugana.

**180) Ni izihe remoruki zigomba gushyirwaho akagarurarumuri kamwe?**

Ni romoruki iyo ariyo yose ifite ubugari bwa cm 80 izo remoruki zijya kuri za moto cyangwa amagare

**181) Amatara yo kugabanya umuvuduko acanwa ryari ?**

Acanwa igihe ukandagiye feri

**182) Itara ryo guhagarara (rya frein) uribwirwa n'iki iyo ryakiye rimwe n'itara riranga imodoka?**
Urumuri rurushaho kwiyongera

**183) Ufite uruhushya rw'agateganyo yemerewe gutwara mu nzira nyabagendwa mu nzira nyabagendwa ibihe binyabiziga?**
Yemerewe gutwara ibinyabiziga byose igihe ari kumwe n'uwigisha ufite uburenganzira bwo mu rwego rw'imodoka atwaye.

**184) Ni ryari ugira PERMIS PROVISOIRE ugatwara kamion remoruki cyangwa makuzungu ?**
Ni igihe uri kumwe n'ufite categorie yayo arimo akumenyereza

**185) Ni ryari ushobora kuba ufite Categorie B ugatwara TAXI MINIBUS**
Ntabwo byemewe kuko categorie B igenewe ibinyabiziga bifite imyanya itarenze umunani

**186) Umurongo ugizwe na mpandeshatu nyampanga zerekeje imitwe aho abayobozi b'ibinyabiziga bituruka umenyesha iki ?**
Umenyesha ko ugomba kwitonda ugatanga inzira iburyo n'ibumoso

**187) Ushobora gusimburwa n'ikihe cyapa ?**
Ushobora gusimburwa n'icyapa cya mpandeshatu icuritse

**188) Ligne STOP ishobora gusimburwa n'ikihe cyapa ?**
Ishobora gusimburwa n'icyapa cya **STOP**

**189) Ibikoreho ngarurarumuri bigaragaza inkombe zombi z'inzira nyabagendwa bigomba kugaragazwa mu yahe mabara?**
Iburyo ni umutuku cyangwa usa n'icunga rihishije, Ibumoso ni umweru

**190) Kugira ngo umuyobozi ye kubangamira uburyo bwo kugendera mu muhanda cg yaba yateza abandi ibyago abujijwe iki ?**

- Abujijwe kuba yajugunya ,yarunda ,gusiga cg kugusha ibintu ibyaribyo byose mu nzira nyabagendwa .no guhuha (kuka) imyotsi cg ibyuka no kuhashyiira ibintu byose by'inkomyi (obstacle).

**191) Iyo ikinyabiziga gihagaze kubera impanuka umuyobozi abigenza ate?**
Agomba gukora uko ashoboye kose iyo nzira ikagendwa nta nkomyi

**192) Kugirango iyo nzira nyabagenrwa itonenekara habujijwe iki ?**
Kuvanaho, kwimura kwangiza, guhirika, cyangwa, gusenya imbago ikimenyetso n'ibyapa

**193) Kugirango umuyobozi yirinde kwangiza umuhanda agomba iki ?**

Kugenda buhoro, kugabanya ibyo ikinyabiziga cye kikoreye ; kunyura muyindi nzira cyane cyane iyo ari ibifite iminyururu, bashobora no kubishyiraho icyangombwa gituma bitagira icyo byangiza kandi ntibabicishe kuri kaburimbo keretse ibya girikare iyo hari impamvu.

**194) Umuyobozi uvuye mu nzira itarimo kaburimbo yakora iki ?**
Abanza kureka abavuye muri kaburimbo bakabanza guhita.

**195) umuyobozi uvuye mukayira cg inzira y'ubutaka akora iki ?**
Abanza kureka abavuye munzira nyabagendwa bakabanza gutambuka

**196) Birabujijwe kurenza cga gukomeza kugenza ikinyabiziga gifite ubuhagarike Burenze (m4) habariwemo ibyo kikoreye.**

**197) Imodoka inyuze iruhande rw'inkomyi (obstacle) abanyamakuru bagomba gukirira banyuze mu muhanda, umuyobozi asiga umwanya ufite ubugari bwa m 1 hagati yabo n'inkomyi bidashoboka akayikikira afite umuvuduko wa km 5/h**

**198 ) Ni ayahe matara atuma umuyobozi abonwa n'abandi bagenzi ? Vuga ay'inyuma gusa**

a) Itara rya puraki
b) Clignoteur
c) Amatara ya position
d) Amabati aba inyuma
e) Amatara yo gusubira inyuma
f) Ubugari bw'imodoka
g) Amatara ya **stop**

**199) Umuntu usunika ivatiri ye n'usunika ipikipiki batandukaniye he ? Bakurikiza irihe tegeko ?**
a) Aho batandukaniye umwe ni umunyamaguru (usunika moto) naho undi ni umunyabiziga (kuko we agenda mu muhanda)
b) Usunika ipikipiki yubahiriza amategeko y'abanyamaguru naho usunika imodoka akubahiriza amategeko y'umuhanda.

**200) Vuga uburemere ntarengwa bwemewe ku modoka**
Ni uburemere bw'ikinyabiziga n'ibyo kikoreye.

**201) Ni ikihe gice cy'inzira nyabagendwa kigizwe n'umuhanda n'inzira ziwukikije?**
Ni inzira y'ibinyabiziga

**202) Inzira y'ibinyabiziga igizwe n'ibihe bice by'inzira nyabagendwa**?
Umuhanda n'inzira ziwukikije

**203) Ijambo inzira y'ibinyabiziga risobanura iki?**
Ijambo inzira y'ibinyabiziga rivuga umuhanda n'inzira ziwukikije

**204) Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rwerekeye iki?**

Rwerekeye urwego cyangwa inzego z'ikinyabiziga cyatangiwe

**205) Abayobozi b'inyamaswa bagomba kuba bafite imyaka ingahe?**

Bagomba kuba bafite imyaka 12

**206) Abayobozi b'amatungo bagomba kuba bafite imyaka ingahe?**

Bagomba kuba bafite imyaka 14

**207) Vuga categorie za permis de conduire (uruhushya rusesuye rwo gutwara imodoka) zibaho mu Rwanda uvuge n'imyaka yemewe kuri buri categorie.**

Permis de conduire zigira categorie 6 arizo A, B, C, D, E, F
- Categorie A na B zihabwa abafite imyaka 18
- Naho categorie C, D, E na F zihabwa ufite imyaka 20 gusubiza hejuru.

**Ni bande bashobora kubona uruhushya rutangirwa mu Rwanda rwo gutwara ikinyabiziga batagombye gukora ikizamini cy'amasomo n'icyo gutwara ikinyabiziga?**

Ni aberekanye uruhushya mpuzamahanga cyangwa mva mahanga bapfa kubisaba gusa mbere y'umwaka.
**209) Ni bande bafite uburenganzira bwo gutanga uruhushya mpuzamahanga?**

**210) Ni ryari umuyobozi w'ikinyabiziga agomba kugenda atwariye ikinyabiziga cye iburyo bw'umuhanda?**

**211) Ni ryari abayobozi badashobora kunyura mu muhanda ubangikanye n'uwo bari kunyuramo?**

**212) Umuyobozi ugiye kugera mu nkomane agomba gukora iki?**

**213) Umuyobozi wese ushaka kugira aho agana agomba kubanza kwiringira iki mbere na mbere?**

**214) Ni hehe inyamaswa zigomba kugendera mu muhanda?**

**215) Inzego z'ibinyabiziga zisabirwa impushya ni izihe?**

Amapikipiki n'ibinyamitende bifite moteri biriho cyangwa bifite intebe ku ruhande.

**216) Ninde ushobora kwambura by'agateganyo uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga?**
Ni prokireri wa Repuburika

**217) Icyemezo cya prokireri wa Repuburika kiri kumwe n'inyandiko ya muganga yemewe na muganga cyohererezwa nyir'ubwite gute?**
Cyohererezwa nyir'ubwite mu ibaruwa ishinganye mu iposita ikanatangirwa icyemezo cy'uko bayibonye.

**218) Icyemezo gishobora kujuririrwa mu gihe kingana iki?**

Gishobora kujuririrwa mu gihe kingana n'iminsi 30 nyir'ubwite amaze kubona icyemezo cya prokireri wa Repuburika.

**219) Muganga yoherereza Prokireri igisubizo mu gihe kingana iki?**
Muganga yoherereza Prokireri igisubizo mu gihe kingana n'iminsi 8.

**220) Ni abahe bayobozi badategetswe kugendana uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga?**

Ni abayobozi bataramara umwaka mu Rwanda, iyo bafite uruhushya mpuzamahanga rwo gutwara ikinyabiziga rwatanzwe mu gihugu cyasinye ayo masezerano yakorewe

**221) Ni ryari kugenda ku mirongo ibangikanye byemewe?**

**222) Ni ryari ushobora kubona uruhushya mpuzamahanga?**

**223) Mu mihanda yo mu misozi no muzindi nzira nyabagendwa zicuramye cyane aho ibisikana ridashoboka cyangwa riruhije abayobozi bakora iki?**

**224) Iyo byanze bikunze kimwe mu binyabiziga bigiye kubisikana kigomba gusubira inyuma abayobozi bakora iki? Babikora bate?**

## RESUME

**PURAKI ZIRANGA IMODOKA MU RWANDA (IMMATRICULATION)**

**Iza Leta :** Ibirango byo kuri puraki aba ari umukara n' umweru
**Iz'abasivile :** Ibirango bya Puraki RR….. Zandikishijwe umutuku

- IMMATRICULATION TEMPORAIRE

Izimiryango itagengwa na Leta izifite imishinga zikora ariko zizataha vuba (ONG) :
Ibirango bya puraki ni RR I T .

- Vehicule de projet ( imiryango ikorana na Leta) Ibirango bya puraki ni : **RR V P** zandikishijwe umutuku.
- Corps diplomatique (embassade) abayobozi bahagarariye ibihugu byabo mu rwanda ni :

  $_{\mathbf{R}}{}^{\mathbf{R}}\mathbf{M}$ + Ibendera
- Gendarmerie ni : **GDN** zandikisjijwe ubururu cyangwa umweru
- Iza gisirikare ni : **APR** zandikishijwe umweru umukara
- President **P + Ibendera + ibendera**
- Minisiteri ibirango bya Puraki **MOD**